# Intambara Ihambaye Kurusha Izindi Zigeze Kurwanwa

Jeffersonville, Indiana, USA

11 Ntwarante 1962

1 Murakoze, Mwene Data Orman, Umwami aguhe umugisha

Mwaramutse, bagenzi. Nezerejwe no kongera kuba hanoiki gitondo, kandi n'ibintu bisa n'ibibatangaje gato, ndetse ndazi neza koariko bimeze kw'ikoraniro. Rero nariko nsoma (Urakoze, mushiki wacu.)— bisa nk'ahoUmwami yashize ikintu gito ku mutima wanje, kandi ndibaza ko ari igihe cokubikora.

Kandi rero, igihe nashika hano, ndetse nyuma,sinarinziko turibube hano kuri uwu w'Iyinga, narabitangaje ko mfise ubutumwabw'ishengero. Kandi nshaka, Imana niyabishaka, kuzana ubwo butumwa ku w'Iyingautaha. Kandi buzomara igihe kirekire, bityo birashoboka ko tutazasohoka mbereya saa sita n'igice, ahari nka saa saba, niba ari kiriya gihe. Bimaze iminsi kumutima wanjye, kandi ntekereze ko hari igisubizo ngomba abantu cy'impamvunarimaze iminsi ntakora umurimo. Nyamara nagiye mbibwirizaho, ariko nzi neza kontigeze ngeraho aho byagombye kuba; bityo ndatekereza ko, niba Umwami abishimyeKucyumweru gitaha, ndashaka gufata umwanya wanjye maze nkerekana impamvun'icyabiteye, kandi ngatuma mumenya binyuze mu byanditswe ibiri kuba. Murabona?ndetse n'impamvu y'ibi byose, kubera ko nshobora kujya mu mahanga cyangwaahandi hantu kure. Ndategereje kureba niba ari iyi he nzira azampamagara ngomfate.

2 Hashize amajoro abiri cangwa atatu, nitavye telefonenko mu masa sita z'ijoro, kandi kwari ugusengera umugore yari mu bitaro.Barampagaye maze bavuga ngo usenge. Nibagiwe izina bampaye iryo —bavugaga koyari inshuti ya Mrs. James Bell, mushiki wacu mu rusengero, mushiki wacuw'umwirabura, umwizerwa cyane, umugore mwiza. Ndatekereza ko izina bambwiye ariShepherd. Nuko mva mu buriri hanyuma ndapfukama kandi mbwira umugore wanjye(telephone yarasonnye iramukangura), maze ndavuga nti, "tugomba gusengeraMrs.Shepherd, mushiki wacu wahamagaye akaba ari inshuti ya Mrs James Bell."

3 Hanyuma turamusengera, dusubira mu buriri, maze nyumanko mu masaa yine cyangwa saa tanu umunsi ukurikiyeho, ndongera nitabatelephone;yari Billy, nuko aravuga ngo ntabwo yari Mrs. Shepherd, aravuga ati ni Mrs.Bell, ubwe, ntabwo ari inshuti ya Mrs. Bell; yari Mrs. Bell; kandi, ari mu bitaro ararembye. Niko kwirukira kubitaro, ariko yari yamaze kugenda. Umwami yahamagaye Mrs. Bell imuhira.

4 Mrs. Bell yabaye umwizera aterana natwe hano kurusengero imyaka myinshi. Umugabo we, James, na njye twakoranye, hamwe na Dataumbyara, hashize imyaka myinshi twapakururaga imitwaro ya gare ya moshi ya Pennsylvaniatuyishyira mu madepo ya Colgates hano hashize imyaka myinshi, ndatekerezahashize imyaka 50 cyangwa irenga. Kandi dukunda Mushiki wacu Bell; yari umuntu udasanzwe.

5 Kandi namenye ko yari afite kumererwa nabi gukomeyek'uburwayi bw'umwijima, rero, umuganga wari uzi icyo kibazo neza yari hanzey'umugi icyo gihe, hanyuma muganga mushya araza aramusuzuma ahita amugira inamayo kubagwa byihuse, cyokora ntiyabasha kuhatambuka. Uburyo mbyumvamo, ni ukouwo muganga we usanzwe ntabwo yajyaga kumwandikira ibyo—kubagwa, kubera ko yariabyibushye cyane, kandi umwijima we wari mubi cyane, kandi ashobora kuba warimoamabuye, cyangwa ikindi kintu muri wo, kandi Umwami yamugiriye imbabazi.Yajyaga kuba yaragize ubwo burwayi mbere, nuko Umwami yagiye amwitaho inshuronyinshi, ariko byaje kuba gutyo... Ntacyo, muby'ukuri, dushobora kuvuga tuti:Imana yahamagaye Mushiki wacu Bell, kandi uko niko bikwiriye kwakirwa. Murabona?

6 Kandi uburyo yambimbwiye, kuba barambwiye ko ariMrs—Miss Shepherd;ntabwo nari nzi Miss Shepherd. Uwo mukobwa ashobora kuba ari hano muri ikigitondo, kandi ahari nshobora kumumenya mubonye mu maso. Ariko byavuzwe ko ariMrs. Shepherd;rero, niba byose byarakozwe gutyo, bishoboka ko byari kuba—iyo menya ko yariMrs. Bell urembye, ahari nari kujyayo maze nkamwingingira ako kanya; kandi hanyuma (Murabona?), Ahari Imana ntabgoyashakaga ko dukora ibyo. Nyamara tuziko ibintu byose bifatanyiriza hamwekuzanira ibyiza ku bakunda Imana. Kandi nzi neza ko mushiki wacu Bell yakundagaUmwami wacu;yari umugore mwiza.

7 Noneho, ni umwe muri twe. Ahangaha ntabgo tugiraivanguramoko;umuryango w'Imana ntabgo ugira ivanguramoko. Wenda kuba uri umututuku, inzobe,umwirabura, cyangwa umuhondo, ntacyo bivuze, icyo wabacyo cyose turi bene Datana bashiki bacu muri Kristo; Kandi uko niko twe—tumukunda, kandi urusengerotuzamukumbura. Mbega ukuntu nzakumbura « Amena » za Mushiki wacu Bell, n'ijwirinini hariya mu nguni, kandi ubwo bamujyanaga mu rugo yajyendaga Umwami Yesu.

Kandi niba mbizi neza (Ntabwo nari mbizi kugeza mukanya gato gashize), ariko imihango yo ku musezeraho ngira ngo irabera hanomuri uru rusengero. Kuri uyu wa Kabiri I saa saba zuzuye, kandi ndatekereza komwene Data Neville na njye ari twe tuzayobora uwo muhango.

8 Rero, nk'iteraniro, duciwemo icyuho muri iki gitondo,kubwo kubaha Mushiki wacu Bell, reka duhaguruke akanya gato, mu gihe twubitseimitwe yacu :

Imana y'ubuzima, Itanga kandi igatwara ubuzima, nkuko Yobu yavuze,"Uwiteka aratanga kandi Uwiteka arisubiza;hasingizwe Izina ry'Uwiteka." Mu myaka ishize Wohereje Mushiki wacu Bell hagatiyacu kugira ngo abe mugenzi wacu w'umwenegihugu duhuje igihugu cy'Imana. Kandituragushimira kubwo guhumekerwa yariko imbere yacu, ukuntu yakundaga kuririmba,ndetse no gutanga ubuhamya, n'ukuntu yuzuraga Umwuka kugeza ubwo asakuza ndetseakarangurura ijwi. Kandi ntabgo yari atewe isoni n'Ubutumwa Bwiza bwa YesuKristo, kubera ko kuri we bwari imbaraga z'Imana zitanga agakiza. Yabonagaimyaka yiyongera, kandi igihe kirageze aho twese tugomba kwitaba. Kandiwamukuye muri twe kugira ngo aze Imbere Yawe, kubera ko, ari ukuri ko, igihetuvuye hano, tujya Imbere y'Imana.

9 Yoo Mana, turagushimira ibyo byose. Turasenga ngo uheumugisha umugabo we, inshuti yanjye,

James, umuhungu we, abakobwabe, n'abo bose… Twumvise ko umuhungu we ari mundege ava mu Budage, aturutse ahomu ngabo, aje guherekeza nyina mu cyubahiro. Mbega ukuntu umutima w'umusoremuto ugomba kuba uri kubabazwa muri iki gitondo. Ndamusengeye, Mwami. Manaumuhe umugisha. Uhe umugisha Jimmy, ndetse n'ukuntu we-kumubona hariya akoraaho ndetse amasaha ananije kugira ngo abashe kubeshaho umuryango we. Kandindasenga ngo uyu muryango ukomeye ntuzatandukane, ariko urwo ruzigarw'umuryango ntiruzatandukane muri icyo gihugu hakurya ku rundi ruhande.

Reka twe, Mwami, noneho dukomeze ingabo kandi twongeredukenyere dukomeze, kandi dusohoke tujye ku rugamba ubu kurwana hamwe n'uyuumwe ubuzemo ugereranije n'icyumweru gishize. Turasenga ngo udushyigikire,kandi udukomeze, ndetse udufashe ubwo dukomeje. Kandi igihe kimwe tuzongereguhurira hamwe ku rundi ruhane. Kubera ko tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amena.

10 Noneho, reka ubugingo bwa mushiki wacu ugiyeburuhukire mu mahoro, Nifuza kuvuga ikiriyo cye kizavugwa hanoKucyumweru—cyangwa Kuwakabiri, kandi turashaka—umuntu wese wifuza kuza koyazaza. Ndakeka Mwene Data Neville hano afite uko gahunda imeze. Kandimurayifite. [Mwene Data Branham avugana na Mwene Data Neville—Ed.]

11 Noneho, uyu munsi njye… Murabona ntabgo hari benshi,niba hashobora kuba umwanya ahantu runaka kubwa Mwene Data na Mushiki wacuSlaughter hariya inyuma… Nabonye telephone yanyu, Mushiki wacu Slaughter, kanditwagiye gusengera uwo—Undi mushiki wacu Slaughter, Mushiki wacu Jean Slaughterwari ufite ubwo bwoko bw'umuriro, wa Tularemia. Kandi yari amerewe nabi kuberawo, ariko twizeye Imana ko araza kumera neza.

12 Noneho, turashaka gusoma Ibyanditswe runaka, kandindashaka kwigisha muri iki gitondo, gufata igihe cyanjye, kubera ko guheraigihe nagarutse mvuye Arizona, mbega, umuhogo wanjye wari urimo kubabara. Kandinoneho, ku Cyumweru gitaha ntimwibagirwe—kandi ndatekereza Billy yamazekohereza ubutumwa—bwo kumenyesha, kuko bizaba ari amateraniro maremareturabyizeye, nuko muzaze kare kandi—nkuko mubishoboye. Turifuza gutangira nkasaa tatu—n'igice— cyangwa ahari ndavuga saa yine zuzuye kandi mwibuke saa sabacyangwa saa saba— ahari cyangwa saa sita n'igice, saa saba zuzuye cyangwaikintu nk'icyo, amasaha atatu cyangwa ane arenga.

Nkunda gufata kandi ngafata Ibyanditswe (Muzaneamakaramu yanyu n'impapuro.) Kandi mu be mubifite. Ese hari ikibazo kiri aho,mukibaze (Murabona?) kandi ahari dushobora kugisubiza, dukora ibyo dushoboyengo dufashe.

13 Noneho, reka tubanze dusome bimwe Mubyanditswe , mfiteahantu hatatu muri Bibiliya aho ndi bwifuze gusoma. Kandi ahambere muri ho(niba mushaka kubyandika kandi niba mufite amakaramu), ndashaka kugendera kumirongo myinshi muri iki gitondo ibyo ndibuze—cyangwa Ibyanditswe byinshi, ibyonshaka gushingiraho. Icyambere kiraba Petero 5:8-10, Efeso 6:10-17, na Daniel12:1-14.

14 Noneho, mu gusoma, dufashe akanya kacu (kandi hafiburi muntu aricaye, kereka—bake bagihagaze inyuma no mumpande), ariko tugiyekugerageza kubyinjiramo vuba bishoboka kandi mbareke musohoke. Hanyuma tugiyegusengera abarwayi. Dufite umugore uryamye hano muri iki gitondo urwaye cyane.Namenye ko arwaye cyane ejo hashize. Kandi njye—nashakaga ko yumva muri ikigitondo mbere y'uko musengera. Kandi nzi imimerere y'uyu mudamu, kandi ararwayecyane; arikodufite Data ukomeye wo mw'ijuru ufite ibirenze kunesha ku burwayi.

15 Kandi mfite—umuto (Ndasaba Mrs. Wood niba yashoboragusoma ibi, ariko we— yumva abangamiwe gato—no gukora ibyo) inyandiko ahoumudogiteri yatunguwe nyakuri, igihe yahakanaga gukora kwa kimana kandiatakemerera n'umuntu kugira icyo abivugaho mu biro bye, ndetse n'umuforomo wenawe. Ariko byaje kubaho ko, agira umurwayi urwaye Kanseri—Kanseri nini. Ntacyoyashoboraga kubikoraho, bityo amwohereza kurindi vuriro. Ntacyo bashoboragakubikoraho aho ngaho, nuko baramubagarurira. Bityo bo...

16 Yoo, hari kw'ibere, kandi byari biteye ubwoba ; kandi uruhu rwose rwari rwarariwe, kandi Kanseriiramanuka ijya mw'ibere, aho mw'igufa ry'igituza. Ndakeka musobanukiwe icyonshaka kuvuga.

(Mfite Dogiteri muto hano w'inshuti yanjye waturutse muriNorvege wicaye hano muri iki gitondo.) Kandi yari afite ibikoresho bye byamazegutegurwa, kubera ko yavuze ko azi ibyo—kuko uwo mugore yashakaga ko mugangaamubaga agakuraho iryo bere. Kandi wari umurimo uri bumene amaraso menshi,kandi yari afite udupaki twose na buri kintu. Umuforomo ategura uwo mugore mazeamuzana mu cyumba cyo kubagiramo, hanyuma asubira kuzana ibikoresho ibyobyagombaga gukoreshwa na dogiteri ndetse n'abamufasha kugira ngo bakurehoibere. Kandi abo, bari bafite utwo dutambaro n'ibindi bimurambitseho. Kandi bobaratangira—igihe batangiye gukuraho ibyo...

17 Umugabo we yashakaga kumenya niba yakicara aho munguni y'icyuma maze agasenga; yari umubwiriza wo muri Holiness. Kandi yicara ahoiruhande rw'igitanda maze arasenga. Kubera ko dogiteri ntabgo yari anyuzwen'ibyo, murabizi, —uwo mugabo kubaho. Ariko igihe cyose atari kuba amurebantabgo byari kumubangamira, kubera iki, ndakeka ko nta kibazo—ntabwo yari gutaubwenge—ntabwo yari guta ubwenge.

18 Mugihe yari aho—yicaye asenga, aho haza kunyeganyegamu cyumba;maze dogiteri arahindukira ngo ajye ku—hamwe n'ibikoresho ngo atangire gukurahoibere; akurahoagatambaro ku gatambaro nta n'inkovu yari kw'ibere, nta n'inkovu. Aravuga ati,"Ese bite—bite—ese byimutse?" Kandi aratangira... Maze umuforomo amuhaubuhamya. Kandi bombi barasohoka bahinduka Abapantekote, buzura Umwuka Wera,bakorera Umwami.

19 Nta n'inkovu. Dogiteri Holbrook arabihamya ubwe,aravuga ati, "Umunota umwe mbere aho, hari uwo —umugore uryamye aho,n'umuforomo, iyo Kanseri nini ikomeye yari yakuyeho ibere rye; kandi umunota umwe nyuma y'aho nta n'inkovu ahoKanseri yari yavuye." Uyu ni umwe mu baganga beza hano muri Amerika. Aravugango yahise yemera uwo mwanya, ubu ni umudiyakoni mu rusengero. Murabona?

Murabona, abantu batekereza ko urusengero ari ikintuujyamo gusa kandi ni—yoo, ko ujyayo hariya kwiga kuba umuntu mwiza cyangwaikindi kintu kimeze gutyo. Ibyo sibyo, nshuti. Oya. Imana ni Imana; Irakomeye uyu munsi kimwe ni uko yari imeze—kandiigihe cyose Yo niko izahora. Kandi We ni... Turamukunda.

20 Noneho, turashaka gusoma guhera muri Petero wa mbereigice cya gatanu, guhera ku murongo wa munani n'uwa cumi

Mwirinde ibisindisha... mube maso, kuko umurezi wanyuSatani... azerera nk'intare yivuga ashaka uwo aconshomera.

Mumurwanye mushikamye... kandi mufite kwizera gukomeye,muzi yuko bene Data bari mu isi muhuje imibabaro.

Kandi Imana igira ubuntu bwose yabahamagariye ubwizabwayo buhoraho buri muri Kristo, izabatunganya rwose ubwayo ibakomeze,ibongerere imbaraga nimumara kubabazwa akanya gato.

21 Ni gute Imana ihimbazwa… Noneho, mu Gitabo cy'Abefeso…turashaka kurambura mu Gitabo cy'Abefeso ibice bitandatu, kandi turibusomeumurongo wa 10 kugeza kuwa nabyanditse.

Ibisigaye mukomerere mu Mwami no mu mbaragaz'ubushobozi bwe bwinshi.

Mwambare intwaro zose z'Imana, kugira ngo mubasheguhagarara mudatsinzwe n'uburiganya bwa Satani.

Kuko tudakīrana n'abafite amaraso n'umubiri, ahubwodukīrana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima,n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru.

Nuko rero mutware intwaro zose z'Imana, kugira ngomubashe gukomera ku munsi mubi, kandi murangije byose mubashe guhagararamudatsinzwe.

Muhagarare mushikamye mukenyeye ukuri, mwambayegukiranuka nk'icuma gikingira igituza, mukwese inkweto, ari zo butumwa bwizabw'amahoro bubiteguza,

Kandi ikigeretse kuri byose mutware kwizera nk'ingabo,ari ko muzashoboza kuzimisha imyambi ya wa

Mubi yose yaka umuriro.

Mwakire agakiza kabe ingofero, mwakire n'inkotay'Umwuka ari yo Jambo ry'Imana,

22 Noneho,aho mu Gitabo cya Daniel ndashaka gusoma ibindi birenzeho. Noneho, Daniel ibice12, ndashaka gutangirira ku murungo wa mbere kandi dusome gato—igice kirekirecy'ibi, imirongo cumi n'ine,

"Maze icyo gihe... Mikayeli, wa mutware ukomeye ujyaahagarikira abantu bawe azahaguruka, hazaba... ari igihe cy'umubabaro utigezekubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe. Nuko icyo giheabantu bawe bazaba banditswe mu gitabo, bazarokorwa.

Kandi benshi bo muri bo bazaba barasinziriye mu gitakabazakanguka, bamwe bazakangukira ubugingo buhoraho... abandi bazakangukiragukorwa n'isoni no gusuzugurwa iteka ryose.

Kandi abanyabwenge bazarabagirana nk'umucyo wo muisanzure ry'ijuru, n'abahinduriye benshi ku bukiranutsi bazaka nk'inyenyeriiteka ryose.

"Nuko Daniyeli, bumba—bumba... igitabo ugifatanisheikimenyetso kugeza igihe cy'imperuka, benshi bazajarajara hirya no hino kandiubwenge buzagwira."

Nuko jyewe Daniyeli nditegereza mbona abandi bagabobabiri bahagaze... umwe ku nkombe yo hakuno y'uruzi… undi ku yo hakurya. Umweabaza wa mugabo wari wambaye umwenda w'igitare wari hejuru y'amazi y'urwo ruziati "Ibyo bitangaza bizagarukira he?"

Mbona wa mugabo wari wambaye umwenda w'igitare warihejuru y'amazi y'uruzi, atunga ukuboko kw'iburyo n'ukw'imoso ku ijuru, numvaarahira Ihoraho iteka ryose ngo bizamara igihe n'ibihe n'igice cy'igihe kandiati "Nibamara kumenagura imbaraga z'abera,... ibyo byose bizaherako birangire."(Ndizera ko ndibuhagararihe hariya.)

23 Ndashaka gufata umutwe w'icyigisho (niba bishoborakwitwa umutwe) uvuyemo hariya guhera hariya, kugira ngo tubashe kugera kuri uyumwanzuro w'"Intambara Ikomeye Itarigeze Irwanwa." Ibyo nibyo nshaka gukoreshank'umutwe w'ikibwiriza.

24 Noneho, ni gute nageze aho mfata ibi nk'umutwew'icyigisho muri iki gitondo, dusubiye inyuma. Babiri mu bayobozi hano murusengero na njye twari muri Arizona. Kandi twagiye nyakuri kugira amateraniromuri Phoenix hamwe na Mwene Data Sharrit ku rusengero rwe. Ariko igihenamenyeko—Mwene Data wari mu mugi arimo akoresha amateraniro mw'ihema, ubwohanyuma, numva sinishimiye gato gukora amateraniro. Ndatekereza nti aharitwazayagira Kucyumweru nimugoroba, bityo kugira ngo hatagira n'umwe ubangamirwamu matorero;ariko nzakumenya ko afite amateraniro no Kucyumweru nimugoroba. Kandinari —mpangayitswe gato no kugira amateraniro, nuko twe na benedata, aho kujyayoku manywa (nkuko twari aho duhiga), tujya mu mugi—maze turitegura kandituragenda kwa— Mwene Data Allen mu materaniro. (Mwene Data A.A. Allen yariafite amateraniro.) Nuko tujya mu materaniro, kandi Mwenedata Allen arabwirizaikibwiriza gikomeye. Twari dufite—igihe, umwanya mwiza turimo twumva MwedataAllen, twumva— abaririmbyi, ndetse n'ibindi, uko baririmba, kandi basakuza,kandi bafite amateraniro akomeye.

25 Kandi hanyuma, tubona ukuboko kw'Imana aho hose munzira. Aho twajyaga hose Umwami Yesu yari kumwe na twe. Kandi hari ikintukubijyanye no kuba hanze wenyine, hanze mu butayu. Hari ikintu kigukurura. Ibyondatekereza ko ari yo mpamvu nkunda aho hantu hanze. Ujya kure y'imbaragaz'umwanzi, hano zirahagwiriye.

26 Byinshi nkuko tubifite hano, satani aba ari nkahontacyo atwaye keretse iyo ashoboye kubona ikintu akoreramo. Afite… Mwibuka yamadayimoni ayo yasohowe ari Legiyoni? Bari bafite—bashakaga gukora ibibibyinshi, bityo bashaka kujya mu ngurube. Uko niko satani akora, agomba kubonaikintu akoreramo, umuntu wo gukoreramo. Kandi uko niko n'Imana ikora. Igombakutugira;Yifashisha twe igakora inyuze muri twe.

27 Kandi muri urwo rugendo, benshi bazanye indoto, mazeUmwami Yesu ntabwo yigeze ananirwa gutanga ubusobanuro nyabwo maze biba nezaneza muri ubwo buryo.

Nuko nyumaYatugiriye neza atuyobora ku muhigo, maze atubwira aho wari uri, ndetse,murabizi, kuba aho hafi nka gutyo; ni ibitangaza. Twicaye aho iruhande rw'umurirotwacanye, kure ya buri muntu ku birometero n'ibirometero, n'ibirometero, kanditureba—uwo muriro waka aho hafi hari urutare, mbega yoo, byari bihebuje.

28 00Mwene Data umwe aho wari ufite ibibazo, umugore weyamuteaga. Imyaka myinshi ishize umugore yubuye umutwe mu materaniro mu gihenari mfite amateraniro, kandi nari nabasabye ko bubika imitwe. Hari dayimoniyangaga kuva— mu mugore aho kugicaniro, maze umugore mu buryo bwo kutumvirayubura umutwe akanuye amaso. Nuko umwuka mubi uva muri uwo mugore ku gicaniromaze ujya kuri we, ibyo byari nko mu myaka cumi n'ine ishize. Kandi umugoreyari amerewe nabi;bikabije cyane, afite ibisazi, kugeza ubwo akora ibintu bitaribyo. Urugero,yasize umugabo we maze aragenda ashaka undi mu gihe yabana n'umugabo we; akavuga y'uko atigeze abimenya ko yabikoze.

29 Kandi bityo bagerageza kumupima… mujya mubyita ngo «amazinda » Ndatekereza ari ukuri, Doctor. Ariko ntabgo byari ibyo; wari umwuka mubi. Kandi we—kandi uwo mudamu yariinshuti yanjye cyane, ariko guhera muri iryo joro, aranyanga byeruye.(Kubw'ibyo mushobora kubona impamvu.)

Ariko hanyuma igihe umugabo we aje dupfukama mu cyumbaturasenga, hanyuma Umwuka Wera aramanuka; ikibazo kiracyemuka. Hanyuma Abonekera umugabo weiryo joro mu nzozi. Agarukana inzozi; atekereza ko byari imikino. Aza kumenya ko byariigisubizo nyacyo ku gukira k'umugore we.

Ni gute ibyo Umwuka Wera yabikozeho… Aho hepfo muri Tucson hamwe naMwene Data Norman na

bo, kandi aho Umwamiatangira gukora indi nshuro ibikomeye, n'ibintu by'imbaraga nuko ahishuraibintu. Ijoro rimwe, aribyo byankuruye kuri icyi cyemezo hano. Narimpagararanye na Mwene Data Wood na Mwene Data Sothmann, kandi twari—byari nkomu saa yine z'ijoro ndimo ndeba hejuru ahagana mu bicu, nuko ikintu cyo gutinyano kubaha kinzamo. Maze ndavuga nti, "Reba gusa. Biriya biremwa byose byomw'ijuru." Hanyuma ndavuga nti, "Buri kintu cyose gihuza n'ikindi"

30 Nuko Mwene Data Wood aravuga ati "arimo arebainyenyeri ebyiri zegeranye hamwe n'uburyo zikora — zigaragara nk'umucyo."

31 Ndavuga nti, "Ariko urazi, Mwene Data Wood, dukurikijeubushakashatsi, muri buriya burebure (iri kure gacye, ni iri kure cyane),ziriya nyenyeri zisa nkaho nta cm ebyiri hagati yazo; kandi ziri kure cyane imwe ku yindi kurusha aho turiuvuye kuri zo! Kandi iyo babishobora, bagatangirira kuri iyi si byari gufataibihumbi by'ibirometero kw'isaha, byari kumara amajana n'amajana y'imyaka kurizo kugira zizagere hano." Kandi ndavuga nti,"muri ibi bikomeye byose, imikoreremigari hano, kandi nyamara batubwira ko babirebera mu birahuri, kandi bashoborakureba imyaka miliyoni ijana na makumyabiri y'igihe cy'urumuri aho kure hariya,kandi hakaba hakiri ukwezi n'inyenyeri. Kandi nyamara Imana yaremye buri kimwemuri ibyo. Hanyuma Yicara hagati muri byo."

32 Maze ndavuga nti, "Ahantu hariya bantungiye agatoki,igihe kimwe ndimo kwitegereza, zodiac, itangirwa n'umwari, ikinjira mu gisekurucya Kanseri, kandi wamanuka kugeza ku cya nyuma hari intare, Leo intare. Kuzakwa mbere binyuze mu mwari; kuza kwa kabiri binyuze mu ntare umuryango wa Yuda."Kandi ndavuga nti, "Nageregeje ibishoboka byose kugira ngo mbone zodiac, kandisinashobora kuyibona; ariko nyamara, iri hariya. Abo babitojwe barayibona ko iri hariya. Yobuyarayibonye;umuntu yigeze kujya ayireba; yari Bibiliya igihe kimwe. Ariko muri icyo kintugikomeye kinini cyane cy'amamiliyoni na miliyari y'imyaka y'umucyo, Imanayicaye hagati yabyo byose, kandi Ireba hasi. Pawulo yarimo hariya; mama wanjye yarimo hariya ahantu runaka areba hasi."

33 Kandi ndatekereza kuri gahunda y'ibyo biremwa byomw'ijuru. Nta na kimwe kiri hanze y'umwanya wacyo; buri kimwe kirinda umwanya wacyo mu buryo butunganye:Ingabo z'Imana zikomeye. Natekereje ku basirikare, byangenda bite kuriya kwezikuramutse kuvuye mu murongo, isi yahita itwikirwa n'amazi mu munota umwe gusa.Isi yahita imera nkuko yari imeze igihe Imana yiyemezaga kuyikoresha—kugira ngoitugire hano kuri yo. Nta shusho yagiraga, nta n'ibara, kandi ari umwijima,ndetse amazi yari ubugari bw'isi. Kandi niba kuri kwezi kwashoboraga kuvaho, kwakongerakugakora ibyo bintu bimwe nanone. Igihe ukwezi kwafatwa akanya gato kure y'isiumwuzure wahita uzamuka; igihe kugiye hasi gato, kugenda gukurikira kuzura kw'inyanja. n'ingaboz'Imana zikomeye.

34 Kandi igihe nabitekerejeho—ibyo biremwa by'ingaboz'Imana zikomeye hariya… Noneho, twagiye ku buriri, kandi hanyuma ntangiragutekereza nta na kimwe muri biriya kijya kiva mu mwanya wacyo; biguma byose mu mwanya. Kandi iyo hari aho bigombakwimuka, biba bifite impamvu kandi bigira ingaruka kw'isi. Tubona icyo bibyaraubu, bivuye kuri bimwe byimuka mu mwanya wabyo. Bikozwe neza; kandi bigakora kuri buri kintu.

35 Rero, natekereje ko niba ibyo biremwa bikomeye byomw'ijuru nka biriya bigomba kuguma mu mwanya wabyo kugira ngo buri kintu kigumemu murongo, bimeze gute kuri gahunda nke yo mu biremwa byo kw'isi? Bigenda guteiyo umwe avuye mu murongo, mbega uko bijugunya buri kintu hanze y'umurongo.Gahunda yose y'Imana iba ikozweho igihe umwe mu biyigize avuye mu murongo.Tugomba gukomeza tukarwanya tukarinda gahunda y'Umwuka.

36 Kandi iyo Imana yatuma muri iki gitondo, ibi bitugezaaho twinjira mu materaniro yo gusengera abarwayi, kugira ngo tugume muri ikigice—itsinda twateranyirije munsi y'iki gisenge, iki gitondo, mu guhuza kuburyo Umwuka Wera ashobora gushyira buri umwe ugize umubiri mu bari hano, muriiki gitondo, muri uko guhuza, kugeza ubwo haza kuba gukira kwa Kimanagutunguranye kw'ubugingo n'umubiri. Niba tubasha gukomeza umwanya wacu...

37 Noneho, nkuko nabivuze kw'itangira, uyu mugore ufiteKanseri uwo Doctor Holbrook yafashe—yari agiye gupfa… Noneho, Imana yateye ukokunyeganyega n'urusaku kuza muri iryo vuriro maze bifata iyo Kanseri bidasizen'inkovu, ese ntimuziko iyo Mana iri hano? Kandi ikintu cyonyine itegereje, niingabo zayo ko ziba mu mwanya, kimwe n'inyenyeri—zikajya mu mwanya wazo.

38 Noneho, murazi twagize intambara n'intambara ndetsen'impuha z'intambara, kandi niba isi irambye, tuzagira izindi ntambara nyinshi.Ariko mubasha kubona ko dufite nyakuri imbaraga ebyiri zonyine mw'isi yose? Niuku gutandukana kose hagati mu bihugu, ndetse no gutandukana hagati yacu umweku wundi na buri kintu, byose birangira bigeze ku mbaraga ebyiri. Hari imbaragaebyiri gusa ndetse hari ubwami bubiri gusa: imbaraga ebyiri n'ubwami bubiri.Utu tuntu duto dusigaye twose dufitanye isano n'imwe muri izo mbaraga ebyiri. Kandiizo mbaraga zose ni imbaraga z'Imana n'imbaraga za Satani. Ibyo nibyo—burintambara, buri gahunda nke, buri kintu cyose kije, kiba kigenzuwe n'imbaragaz'Imana cyangwa iza

Satani, kubera ko izo nizo mbaraga zonyine ziriho. Kandiizo nizo mbaraga z'Ubuzima n'imbaraga z'urupfu. Noneho, izo nizo mbaraga ebyirizonyine.

39 KandiSatani ashobora gusa… Imbaraga ze n'imbaraga z'Imana zangijwe. Ntabwo ariimbaraga nyakuri; ni ukwangirika kw'imbaraga z'Imana, buri kintu cyose Sataniafite. Urupfu ni ubuzima bwangiritse; ikinyoma ni ukuri kuvuzwe nabi. Murabona?Ubusambanyi ni igikorwa gikozwe nabi, igikorwa cyiza gikozwe nabi. Murabona?Buri kintu cyose Satani afite ni ikintu runaka cyangijwe, ariko ni imbaraga.

Kanditwicaye hano uyu munsi, kandi imbaraga imwe cyangwa indi igiye kutugenzura;noneho reka twirukane umubi. Reka dufate igihagararo cyacu nk'inyenyeri zomw'ijuru.

40 NkukoBibiliya yavuze, "Inyenyeri zizerera (aho mu gitabo cya Yuda), biremera ibiteyeisoni byabo…" kandi ntabgo dushaka kuba inyenyeri zizerera: dukekeranya nibaibi ari ukuri, dukekeranya niba biriya ari ukuri, dukekeranya ko bizasohora,dukekeranya uko bizagenda. Ntugakekeranye, hagarara nka ziriya nyenyeri zomw'ijuru, nk'umusirikare w'ukuri uri ku mwanya we w'akazi. Uhagarare ahowizeye. Ubuzima cyangwa urupfu...

41 Noneho,ingabo… igihugu iyo cyiteguye gutera ikindi gihugu, kigomba kubanza kikicaramaze kireba ibikwiriye n'ibidakwiriye, kandi bakareba niba bashoboye guteraicyo gihugu kindi cyangwa batabishoboye. Yesu yigishije ibyo. Kandi niba abantubashobora gukora ibyo, iyo ibihugu bishobora kwicara ndetse bigahagararabigatekereza kuri ibyo bintu, ku mpande zombi, ntabgo twakagize intambaraukundi.

Noneho,tubona ko iyo umuntu adakoze ibyo, iyo abakuriye ingabo mu gihugu batabanje ngobicare kandi bibaze ndetse barebe ibiri ngombwa, n'icyo bagamije n'icyobazageraho cy'ukuri, maze bakareba niba bafite umubare uhagije n'imbaraga zogutsindaicyo gihugu kindi; noneho ubwo baba bagomba gutsindwa.

42 Aho niho General Custer yakoze ikosa rye rikomeye.General Custer, nkuko mbizi, yari afite itegeko rya guverinoma ryo kutajya mugihugu cya ba Sioux, kubera ko cyari igihe cy'iyobokamana kuri bo. Cyari igihecyo kuramya;bari bafite umunsi mukuru. Ariko Custer arasinda, maze atekereza ko agombakubikora uko biri kose.

Yagombaga kwambuka, byaba ari itegeko cyangwa atariryo. Kandi hanyuma barasa abantu b'inzirakarengane—babarasaho. Ndatekereza kobamwe muri bo babahitanye. Bari abasukuti barimo bahiga ibyo kurya byokugaburira —abantu babo mu gihe bari muri uko kuramya. Kandi Custer, yambutsearababona maze atekereza ko bari mu ruhande rw'abo, maze arasa kuri ababasukuti. Hanyuma aba basukuti baracika maze basubirayo. N'iki bakoze?Barambaye ubwabo, kandi baza hano, kandi iryo ryari iherezo rya General Custer,kubera ko atigeze yicara ngo abanze atekereze.

Ntiyari mu mwanya we. Nta burenganzira yari afite bwokujya hariya. Yasunitse abahinde bari ku kirwa cy'iburasirazuba aho hoseabageza mu burengerazuba uko biri kose. Kandi bari bafitanye amasezerano, arikoyica amasezerano. Kandi igihe yishe amasezerano, hanyuma aba atsinzwe urugamba.

43 Rero, ingabo, icyambere, mukwitegura intambara, ugombagutoranya abasirikare bamwe. Bagomba kwambarira urugamba; bagomba kuba baratorejwe urugamba. Kandi ndizera kouru arirwo rugamba rukomeye rutigeze rurwanwa ubu twiteguye gutangira. Ndizerako Imana yatoranyije abasirikare Bayo; Ndizera ko irimo kubambika, ibatoza. Kandi urugambani ntagisibya, bitegura gutangira.

44 Iyi ntambara ikomeye itigeze irwanwa yatangiriyemw'ijuru igihe Mikayeri n'abamarayika be barwanyije Luciferi n'abamarayika be.Rwatangiye bwambere—urugamba rwambere rwari mw'ijuru, uko niko icyahakitakomotse kw'isi; cyaturutse mw'ijuru. Kandi nibwo cyajugunywe kw'isi, kijugunywa kw'isikivuye mw'ijuru kandi kigwa ku biremwa muntu. Hanyuma intambara y'Abamarayikaihinduka intambara y'abantu. Nuko Satani aza gusenya ibiremwa by'Imana. IbyoImana yaremye kugira ngo bibe ibye, yari afite (Satani), yaje gusenya ibi. Uyu niwowari umugambi, kwari ukubisenya. Hanyuma intambara yatangiriye hano kw'isikandi yatangiriye muri twe, kandi yabayeho iteye ubwoba kuva icyo gihe.

45 Noneho, mbere y'uko intambara iyo ariyo yose ijyakurugamba, bagomba kubanza gushaka ikibuga bahuriramo cyangwa ahantu bagombakurwanira, ahantu hatoranijwe. Mu Ntambara ya Mbere y'Isi yari yashyizwe mubutaka butagira nyirabwo, kandi ahantu barikurwanira, hagomba kuba ahantuhazwi.

Mu ntambara yambere y'isi, habayeho ahantu nkaho, mugisigazwa cy'ubutaka, aho bazarwanira. Hagomba kuba ahantu runaka hazwi.

Kimwen'igihe Isiraheri yagiye mu ntambara n'Abafilistiya, hari umusozi kuri buriruhande aho bahurira. Kandi aho niho Goliyati yasohotse maze ahamagara ingaboza Isiraheri.

46 Aho niho Dawidi yahuriye nawe mu kibaya, igihe yambutse akagezikanyuraga hagati y'iyo misozi ibiri, atoramo amabuye. Aho hagombaga kuba ahantuhemejwe.

Kandi muri ibi, hari ikibuga bahuriramo, "ahantuhatagira nyiraho," kandi barwanira aho hantu. Ntabwo

barwana umwe hano, ngoundi hariya, kandi undi hakuno hano; hari aho guhurira mu rugamba, maze bagapima imbaragazabo, aho buri ngabo zipima imbaraga zirwanya izindi ngabo—ikibuga cyoguhuriramo.

Noneho, ntucikwe n'ibi. Igihe iyi ntambara ikomeyeyatangiye kw'isi, hagombaga kuba ahantu ho guhurira; hagombaga kuba ahantu hatoranijwe aho urugambarugomba gutangirira, ndetse aho urugamba rugomba gukomerera; kandi aho niho kibuga cy'intambara yatangiye mubitekerezo by'umuntu. Kandi icyo kibuga cy'intambara cyatangiye mu bitekerezoby'umuntu. Aho niho intambara yatangiriye. Ibitekerezo by'umuntu byaratoranijwengo bibe ahantu h'urugamba, aho byagombaga gutangirira; kandi ibyo byari, kubera ko ibyemezo bifatirwa mubitekerezo, mu mutwe.

Noneho,ntabwo barutangiriye mu miryango runaka; ntabwo batangiriye mu bintu bya mekanike; ntabwo aria ho byatangiriye. Kubw'ibyo, idini ntabworyakwigera, rikora umurimo w'Imana, kubera ko ikibuga cy'urugamba, aho ugombaguhurira n'umwanzi, ni mu bitekerezo. Ugomba gukora amahitamo yawe.Muzahahurira.

Ndashaka ko uyu mukobwa uri hano urwaye cyane ko yumvaneza ibi.

47 Ibyemezo bifatirwa mu bitekerezo, mu mutwe. Aho nihoSatani ahurira nawe. Kandi ibyemezo nibyo, kuberako Imana yaremye umuntu muriubwo buryo. Noneho, mfite… Iyo muba mureba ku nyandiko yanjye ahangaha, hariikarita nto nashushanyije. Nari nyifite hano ntabgo haciye igihe kinini—yariiri ku kibaho.

Ikiremwamuntu cyakozwe kimwe n'akabuto k'ingano. Ni akabuto,kandi ikiremwa muntu ni imbuto. Mu mubiri, uri imbuto ya so na nyoko, kandiubuzima buturuka muri so, naho ibigize umubiri bigaturaka muri nyoko. Bityobyombi hamwe, igi n'amaraso bigahura, kandi mu turemangingo tw'amaraso harimoubuzima, kandi muri aho bitangira gukura, bigakora—umwana.

48 Noneho,kandi buri mbuto iba ifite igishishwa ahagana hanze; imbere hari umurama, kandiimbere mu murama harimo ibyo bigize ubuzima. Rero, uko niko turemye. Turiumubiri, ubugingo, n'umwuka. Hanze, umubiri, igishishwa, kandi imbere muri ibyo(umutimanama n'ibindi) ni ubugingo, kandi imbere mu bugingo harimo umwuka. Kandiumwuka ayobora ibyo byose bindi.

49 Noneho,nimugera imuhira, mwicare maze mushushanye inziga ebyiri, muri buze kubona kouruziga rwo hanze ari umubiri ufite ibyumviro bitanu aribyo ushyikiranirahonawo, kandi ibyo ni ukureba, ukuryoherwa, ukwiyumvayumva, uguhumurirwa, ukumva;ibyo nibyo byiyumviro bitanu bigenzura umubiri. Imbere mu mubiri harimoubugingo, kandi ubwo bugingo bugenzuwe no ugukeka, amarangamutima, ukwibuka,ugutekereza, no urukundo; ibyo ni ibintu bigenzura ubugingo. Ariko umwuka,ufite gusa icyiyumviro kimwe—umwuka. Yoo, reka tubirebe! Umwuka ufiteicyiyumviro kimwe, kandi icyo cyiyumviro ni ukugenzurwa na kimwe, kwizeracyangwa gushidikanya. Uko ni ukuri. Kandi hari inzira imwe kuwugeraho, ayo niamahitamo asesuye. Ushobora guhitamo ugushidikanya cyangwa ushobora guhitamoukwizera, kimwe muri byo ushaka gukorana nacyo.

Hanyuma,Satani yatangiriye kuri icyo gice cyingenzi atuma umwuka w'umuntu ushidikanyakw'Ijambo ry'Imana. Imana yatangiriye kuri icyo gice cy'ingenzi ishyira IjamboRyayo muri uwo mwuka. Ngaho aho muri, ibyo nibyo bibikora.

50 Iyaba,iri torero, aka kanya rishobora gushyira hamwe kandi ari umwe muri ubwo buryo,kuburyo buri muntu ashobora kuba mu guhuzumutima, nta gacu ko gushidikanya ahoariho hose, ntabgo hashoboraga kuba umuntu ufite intege nke hagati muri twe muminota itanu ikurikiyeho, ntihajyaga kuba umuntu ushaka Umwuka Wera, keretse koyariguhita awubona. Iyo mujya kubona icyo kintu gitunganye.

51 Noneho,aho niho intambara itangirira—aho nyine mu bitekerezo byawe, waba ubishaka… Noneho,mwibuke, ubu si ubumenyi bwa Gikiristo noneho, ibitekerezo ku kintu; ibyo sikobiri… Ibitekerezo byemera Ubuzima buri mw'Ijambo ry'Imana, kandi aho bizanaUbuzima. Ibitekerezo byawe gusa ntabgo bibikora, ariko Ijambo ry'Imanaryinjirira mu miyoboro y'ibitekerezo byawe. Murabona? Ntabwo ari ibitekerezo,nkuko Ubumenyi bwa Gikiristo bubikora, gutekereza ku kintu. Oya. Ibyo si byo.Ariko ibitekerezo byawe biracyemera byarangiza bikagifata. Ibitekerezo byawebigenzurwa n'iki? Umwuka Wawe; kandi umwuka wawe ufata Ijambo ry'Imana, kandiicyo ni ikintu gifite Ubuzima muri cyo. Kizana Ubuzima muri wowe.

Yoo,Mwene Data, igihe ibyo bibayeho, igihe Ubuzima buje muri wowe bunyuze muri iyomiyoboro ijya muri wowe, Ijambo ry'Imana riba rigaragajwe muri wowe. “Nimugumamuri Njye kandi amagambo yanjye akaguma muri mwe, noneho musabe icyo mushakakandi muzogihabwa.”

52 Nonehoibyo n'iki bikora? Biturutse mu ndiba z'umutima, ariwo bugingo, biturutse ahobirasohoka, kugaburira buri muyoboro. Ikibazo gikomeye duhagaze hano dufitegushidikanya kwinshi tugerageza kwemera ibiri hanze. Mukwiriye guhagarika ibyokandi mukaza muri uwo muyoboro hamwe n'Ijambo ry'Imana ry'ukuri, hanyumarikajya hanze, ubwaryo, ako kanya. Ibiri muri wowe nibyo bibarwa. Ibyo nibyobintu bibarwa, n'imbere. Ibyo Satani atera n'imbere.

53 Noneho,muravuga muti, "Ntabwo niba; ntabwo nywa inzoga; ntabwo nkora ibi bintu." Ibyontacyo bifite gukorana nabyo (Murabona?); ni imbere. Uko waba uri mwiza kose,uko waba ugira ikinyabupfura kose, uko waba uri umunyakuri kose, ibyo bintubirubahwa, ariko Yesu yaravuze ati, "uretse umuntu wavutse ubwakabiri..."Murabona? Hagomba kuba hari ikintu cyabaye aho imbere. Niba ataribyo, ibyon'ibintu by'ibihimbano byo kwishushanya, kuko aho hasi mu mutima wawe ushakakubikora uko biri kose.

54 Ntagobikwiriye kuba ibikorano; bikwiriye kuba ari ibyukuri. Kandi hari gusa—gusa,inzira imwe bishobora kuzamo, kandi iyo n'inzira y'amahitamo asesuye, biza mubugingo

bwawebinyuze mu bitekerezo byawe. "Nkuko umuntu atekereza mu mutima we niko ari.Nuramuka ubwiye uyu musozi, 'Va aho' kandi ntushidikanye mu mutima wawe, arikoukizera ko ibyo wavuze bigomba kubaho; ushobora guhabwa ibyo wavuze."Murabyumva? Ngaho aho muri. Murabona? Hari ikibuga cy'intambara.

55 Iyomushobora kubona ibyo bitangiye. Turifuza cyane kubona ibintu bibaye; turifuzacyane gukora ibintu by'Imana. Uyu mugore muto ntabwo abujijwe amahoro—ntagushidikanya arifuza cyane kubaho; arashaka kugubwa neza. Abandi bari hano,bashaka kumera neza. Kandi iyo twumvishe ibijyanye na cya kibazo, kimwe naDogiteri, umuzuko w'abapfuye, ibintu bikomeye cyane ibyo Imana yacu yakoze,noneho twumva tubuze amahoro. Ndetse n'ibintu ukuntu bimeze, tugerageza kugerabinyuze muri ibi byiyumviro aho dufata ikintu hano, kimwe n'amarangamutima

56 Nikoabantu benshi ibihe byinshi bumva nabi Ijambo, kandi nabisobanukiwe kubw'ibi,kubw'uburyo bahamagara abantu ku gicaniro. Ndavuga nti, "ntabwo nemeranya noguhamagara abantu ku gicaniro," bitavuze ko mudakwiriye guhamagara abantu kugicaniro, ariko umuntu gufata undi ku kaboko akavuga ati, "Oh, Mwene Data John,uzi ibyo ari byo? Njye na mwe turi abaturanyi ibi bihe byose; ngwino hano kugicaniro; uce bugufi."

Niiki arimo gukora? Nifuzaga kuba mfite ikibaho hano, nari guhita mbereka ibyoarimo gukora. Arimo aragerageza gukora ku bugingo bwe binyuze muri ibyobyiyumviro byo gukunda. Ibyo ntago bikora. Iyo ntago ariyo nzira. Nyakuri ntagoariyo. Ahari arimo gukora kuki? Kwibuka, binyuze mu byiyumviro by'ubugingo."Oh, Mwene Data John, wari ufite mama wawe utangaje; yarapfuye mu gihe kininigishize": kwibuka. Murabona? Ibyo ntukwiriye kubikora, bikwiriye ku nyura mumurongo w'amahitamo asesuye. Wowe, ubwawe, reka Ijambo ry'Imana... Ntabwo uzakubera ko mama wawe yari umuntu mwiza; ntabwo uza kubera ko uri umuturanyimwiza; uza kubera ko iyo Mana yaguhamagaye ngo uze, kandi Urayemera bishingiyekw'Ijambo Ryayo. Iryo Jambo risobanuye buri cyose.

IryoJambo, niba udashabora gukura ibintu byose munzira, umutimanama, ibyuyumvirobyose, maze ukareka Ijambo rikinjira, iryo Jambo razakura nyakuri.

57 Hano, murabona icyo bitwikiriye? Muravuga, "Ntacyononeho, uh..." Muravuga muti, "Ntacyo, uwo mutimanama, n'ibyuyumviro, ndetsen'ibindi ntacyo bifite gukorana nabyo, Mwene Data Branham?" Nyakuri birabikora.Ariko iyo uretse Ijambo rikinjira maze rikabitwikira rikoresheje umutimanama,noneho ntibishobora gukura; bizagoreka ijambo. Wigeze ubona akabuto kezak'ikigori katewe mu murima maze kakagwirwa n'igiti, kizakura cyaragoramanze.Umuntu wese, ikintu icyo aricyo cyose gikura niko bizagenda, kubera ko hariicyakibangamiye.

58 Ntacyo, icyo nicyo kibazo ukwizera kw'Abapantekotegufite. Dufite ibintu byinshi bikubangamiye, kwizera twigishijwe, Umwuka Werawabaga muri twe. Twemereye ibintu byinshi: kurebera kuwundi muntu wundi. Kandisatani igihe cyose agerageza kukwereka amakosa y'undi muntu, ariko ageragezakugutwara kure y'ubuhamya bw'ukuri bwiza. Azakwereka inryarya igihe kimwe,uzasohora agerageza kwigana ikintu runaka. Ntabwo yigeze agikora, kubera koyarimo acyigana. Ariko iyo biturutse kw'isoko y'ukuri y'Ijambo y'Imana, "Ijurun'isi bizashira ariko Amagambo Yanjye ntazashira." agomba kugumaho. Murabibona,Mushiki wacu?

59 Bigomba kwemerwa mu bitekerezo; hanyuma bikizerwa mu mutima; hanyuma Ijambo ry'Imana rigahinduka ukuri; hanyuma buri cyiyumviro cy'ubugingo n'umubiri kibagikubwe n'Umwuka Wera. Noneho ukaba uri icyuyumviro cy'Imana; ukaba uri umutimanama w'Imana; buri kintu cyose cyo kubaha Imana kiratambuka muriwowe. Nta hantu haba hari gushidikanya. Nta kintu gishobora guhaguruka. Ntakintu gishobora kuza mu kwibuka maze ngo kivuge kiti, "Ntacyo, nibuka ko MissJones yagerageje kwizera Imana. Miss runaka, Miss Doe yagerageje kwizera Imanakubwo gukira indwara igihe kimwe, hanyuma akananirwa." Murabona? Ariko niba uwomuyoboro waratunganijwe, kandi ukaba warazibuwe, kandi ukaba muriwo warujujemoUmwuka Wera, ibyo nta nubwo bishobora kuza mu kwibuka. Utitaye ku byerekeyeMiss Jones n'ibyo yakoze; ni wowe hamwe n'Imana, ndetse nta wundi uretse mwebabiri. Ngaho aho muri; ngaho ahari intambara yanyu.

60 Mwice kw'itangira; umubuze gutambuka apfuye mu nzira ze. Ntago ari ukobishobora gutuma intambara itinda; bihita bihagarara akokanya. Niba uzaza, kandiukagumana kwibuka, n'umutima nama,

ndetse na buri kintu utekerezaho, "Ntacyo,nshobora kunanirwa. Bishobora kuba bidatunganye." Ntubikore na gato. Ute kureburi kintu maze ufungure umuyoboro hanyuma uvuge uti, "Mana, Ijambo ryawen'ukuri kw'iteka, kandi ni irya njye. Niba urusengero rwose runaniwe, niba isiyose inaniwe, ariko njye sinanirwa, kubera ko ntwaye Ijambo Ryawe."

61 Aho hari urugamba; icyo nicyo kintu. Kubera iki Imana ishobora byoseyakuraho Kanseri kw'ibere ry'umugore kuburyo hadasigara n'inkovu hanyumaikareka umwana akaryamaho maze agapfa? Oya, mugabo.

62 Umukobwa muto yaje hano hadashize gihe avuye mw'ishuriryisumbuye. Mama we yarampamagaye, aravuga ati, "Mwene Data Branham, umukobwawanjye afite uburwayi bwa Hodgkin." (Ni Kanseri yirema mu bibyimba.) Kandimuganga yafashe agace kavuye ku cyo bakase kw'ijosi, acyohereza ahandi, kandibyari koko uburwayi bwo gusunsumira.

Niko kuvuga ati, "igikurikiyeho gishobora guhinguka kumutima; bibaye,yaba agiye. " aravuga ati, "Ntabwo yari afite… uburyo bizamo, asigaranye kubahonk'amazi atatu.

Mama we aravuga ati, "N'iki nakora, mwohereze asubirekw'ishuri?"

Aravuga ati, "kumureka akagenda kubera ko ashobora kugenda bitunguranye"Kandi aravuga ati,

"kumureka akagenda mazeakabaho ubuzima busanzwe uko ashoboye. Ntitugire icyotumubwira kuri byo."

Nikoumugore yavuganye nanjye, "N'iki nkwiriye gukora?"

Ndavuganti, "Umuzamukane maze umuzane mu murongo w'amasengesho." Kandi ndavuga nti,"uzane nawe." (numva ibyuyumviro muri njye bitangaje)

63 Kandiigihe uwo mukobwa muto yaje muri icyo gitondo hamwe n'iyo minwa isize amarangiy'ubururu, kandi nkuko amashuri abifite, kandi—kandi akantu gato karaza aho(sinarinzi uwo ari bube we, kuko twarimo tuvugana kuri telephone.) Mfataukuboko kwe; ndavuga nti, "waramutse, mushiki wacu." Aho yari ari; uwo yari we.Mukanya gato ndebye kuri mama we kandi mbona bombi ntaMana, nta Kristo. Ndavuga nti, "Ni gute mwatekereza gukira ahantu nk'aha? Eseushobora kwemera Yesu Kristo nk'Umukiza wawe?" ndavuga nti, "Ese ushobora kuzakuri iki kidendezi ukabatizwa mw'Izina rya Yesu Kristo kubwo kubabarirwa ibyahabyawe?"

Baravuga bati, "Turibubikore." Oh, muzi icyabaye.

Umugore ashobora kuba yicaye hano muri iki gitondo.Benshi muri mwe muzi icyo kibazo. Mwene Data Mike Egan, umwe mu bayobozi hano,yabonye ibyo bintu; byabaye nko mu myaka ine cyangwa itanu ishize. Umukobwa muto yasubijwekwa dogiteri;nta n'agace gato k'uburwayi bwa Hodgkin bwigeze buboneka muri we.

64 N'iki cyari ikibazo? Ugomba kubanza ugafunguraumuyoboro. Ugomba gushaka Umusirikare, Umwuka Wera, uhagaze imbere ku rugambango atware Ijambo ry'Imana. We ni Ijambo, kandi Ahagarara aho; kandi aho nta kintu gihari cyo kumuhagarika noneho.Nta kintu cyabishobora... Buri muyoboro wose uba watunganijwe.

Kimwe n'icyo cyuma gishyushya amazi gikoresha gazcyangwa amavuta ariko itiyo yacyo yazibye; ni ushyiramo umuriro, nibwo giturikana ibintu byawe.Icyo nicyo kibazo hamwe n' abakristo benshi baturikanywe ukubera ko batajyabatunganya imiyoboro; ntago bajyamo imbere. Ugomba kugitunganya: umutimanama, kwibuka,ibitekerezo, ugashyira iruhande buri kintu cyose hanyuma bigaturuka imbere bizahanze hamwe n'iryo Jambo ry'Imana ritavangiye, ibyo ni Ukuri. Ni ubwo ibihumbicumi bapfa kuri uru ruhande uyu munsi bizeye, ibihumbi cumi bagapfa kuri ruriyaruhande bizeye, ibyo ntacyo bifite kunkoraho. Ndi umuntu ku giti cyanjye; Ni njye wizera; Ninjye ubyizera.

65 Kandi tubona inyuma hakurya, niba dushaka gufunguraimiyoboro yacu noneho, niba dushobora no kubona, tubona uyu n'uriya, ndetse uyun'uriya, ibihumbi byabo bihamya, ariko satani azagerageza kongera kugaruka.Murabona, iyo ashoboye kwinjira hariya gato, ahita ayobya ingabo zawe akokanya. Niba ufite ibyuyumviro byawe, kubona, kuryoherwa, kwiyumva, guhumurirwa,no kumva, bimeze neza, ariko ntukabyizere keretse nibiba bihuza n'Ijambory'Imana. Aho ntacyo bitwaye, ariko niba bitemeranya n'Ijambo, ntukabyumvire.

Noneho, gukeka, umutimanama, kwibuka, gutekereza, nogukunda, ni byiza, niba bihuza n'Ijambo. Ariko niba ari gukunda kwawe kudahuzan'Ijambo ry'Imana, ukureke; uzibure vuba vuba. Murabona? Niba gutekereza kwawekutemerenya n'Ijambo ujye kure yako. Uko ni ukuri. Imashini... Niba kwibukakwawe, niba gukeka kwawe, niba umutimanama wawe, cyangwa ikindi kintukitemeranya na ryo, kuri ibyo biri imbere, ukireke.

66 N'iki ufite noneho? Ufite imikorere y'izuba. Halleluya.Imana yashyizeho inyenyeri muri gahunda kandi iravuga iti, "Ugume aho kugezaubwo nguhamagaye." Ziguma aho. Nta kintu gihari cyo kuyimura. Igihe Imanaishobora kubona umuntu mu biganza Byayo, kugeza ubwo ishobora kubonaibyuyumviro bye, umutimanama, buri kintu gisohowe hanze, kugeza ubwobihagararana n'Imana inyuma yaryo mu Mwuka, nta dayimoni ihari ishoboragucengezamo kutizera aho. Niko biri.

67 Iyo aje aho maze akavuga ati, "Ntabwo ucyumva uguweneza" yewe n'umutimanama wawe ukaba wagiye kuri ibyo. Ariko udutiyo tukabatuzibuye neza tuzasakuza, "Halleluya." Aho bisohokera havuze ifirimbi; "Icyubahiro kibe icy'Imana," bigasohoka hanze,nyakuri, bitunganye kandi byumvikana kugira ngo Ijambo ry'Imana ribashegukoreramo, imbaraga z'Imana. Murabona? Icyo nicyo kintu cy'ingenzi; aho niho hari ikibuga cy'intambara. Ikibugacy'intambara kiri hano inyuma aho mw'itangiriro, aha inyuma mu bugingo, ahoinyuma mu bitekerezo byawe, ibyo bifunguka. Ibyo—ibitekerezo ni urugi rujya kubugingo, ibyo—urugi rujya ku mwuka, cyangwa. Ibitekerezo byawe birafunguka mazebikemera Umwuka cyangwa bikanka Mpwemu.

68 Ushobora kugira umutimanama gato, n'ibyuyumviro bike,no kwiyumvayumva guke, ibyo bintu byose; ntacyo bifite kubikoraho. Ibyo ni ukwiyumvayumvandetse n'ibindi. Ariko igihe bije ku kuri, ibitekerezo byawe birafunguka.Ibitekerezo byawe wenda bikabyemera cyangwa bikabyanga. Ibyo nibyo, nshuti.Mana, ntureke hari numwe uhusha ibi. Murabona? Ni ibitekerezo byawe bifunguraurugi, cyangwa bigafunga urugi, maze bikumvira umutimanama wawe, bikumvirakwibuka kwawe, bikumvira gukunda kwawe. Ariko igihe ibitekerezo byawe byifunzekuri ibi bintu maze bikemerera Imana, Umwuka w'Ijambo Ryayo, ukinjira, uhitautumurira hanze ibyo bintu byose bisigaye. Buri gushidikanya kuba kugiye; buri byiyumviro biba bigiye. Nta kintu kiba gihagazeaho uretse Ijambo ry'Imana, kandi Satani ntashobora gushoza urugamba kuri ibyo.Oya, mugabo! Ntabwo ashobora gushoza urugamba kuri Ryo. Noneho, tuziko uko ariUkuri.

69 Uru rugamba rwarashyushye guhera mu gihe cy'ingobyi yaEdeni, urugamba mu bitekerezo by'umuntu. Satani yararutangiye. N'iki yakozeigihe yahuye na Eva? Ntabwo yigeze ahakana Ijambo ry'Imana, ahubwoyararicuritse. Yahagaritse utwo tuyoboro duto ahantu runaka hano. Aravuga ati,"Ariko nyakuri Imana... (Itangiriro 3:1. Murabona?) Nyakuri Imana... Ibi bintubyose ibyo yo—yo— yasezeranije..." Yari aziko Ijambo ari ukuri, ariko yariaziko atashobora kuza gutyo ngo arisohoremo aho uburyo butumvikana nka gutyo,ariko yigize nk'uryemera ariko we—we ari ikinyoma.

70 Nkuko mama yajyaga atugira ashaka ko tunywa umuti,nuko—nuko akagerageza gushyira umutobe w'ironji muri ayo mavuta ya castor.Mbega, ari kimwe no gufata ayo mavuta ya castor nta mutobe w'ironji. Ibintunk'ibyo by'uburyarya… Murabona? We… Twakundaga kubyuka mu gihe cya nijoro, mazeakaduha ayo mavuta ya peteroli kubera gufungana. Kandi yafataga ayo mavuta yapeteroli maze agashyiramo isukari. Murabona? Ibintu by'uburyarya, arikobyagombaga kukotsa mu muhogo bimanuka nyuma yuko isukari ivuyemo.

71 Ntacyo, uko niko biri, nshuti. Satani ageragezaku—kuba inryarya kubijyanye nabyo. Agerageza kukwereka ikintu cyiza, inzirayoroshye, gahunda yumvikana. Ariko nta gahunda nziza yumvikana iruta iyo Imanayashyizeho kw'itangiriro: Ijambo Ryayo. Mufate iryo Jambo; mwikomeze kuri Ryo. Mugumane naryo aho. Ibyo—icyonicyo kintu.

72 Urugamba rwakaze igihe Eva yafunguranga ibitekerezobye kujya kumva imitekerereze ye. Uko niko udutiyo byanjiriyemo; ibyo ni—imiyoboro yo byanyuzemo: ibitekerezo bye. Wemu bugingo bwe, yaratekereje. Amaso ye, binyuze mu kureba amenya inzoka. Yariiyuburanga, ari iyi gikundiro, iruta kure umugabo we. Yari izi ubwenge kurushaizindi nyamaswa zo mw'ishyamba. Kandi ahari yari umuntu ukeye kurusha umugabowe; igaragarank'ikigabo cy'ibigango mu nyamaswa gihagaze aho. Mbega ukuntu yari ikomeye,kandi yarimo igerageza kumubwira ukuntu yari ikintu gikomeye. Kandi ikintucyambere yakoze, yafunguye ibitekerezo bye. Kandi igihe Eva yabikoze,ibitekerezo bya kimuntu birafata. "Kubera iki, ese ibyo ntibyari binejeje?"

73 .Icyo nicyo kintu akora ku bagore uyu munsi. Bamwe mubagore bafite abagabo bato bakunda akabona abandi bakomeye, umugabo muniniw'ibigango;uyu mugabo akagerageza gufungura intekerezo. Wibuke, iyo ni Satani; iyo ni dayimoni. Cyangwa no ku rundi ruhande, umugaboku mugore, umugore ku mugabo, mu nzira imwe... N'iki akora? Akora muri izombaraga zo gutekereza, muri uwo mutimanama aho ikintu gitangira gutambukamo,ariko ugomba guha Ijambo ry'Imana umwanya wambere.

74 .Umuntu nta nubwo yashobora kuza… ntabwo yashoboragukora icyaha. Halleluya. Hano niko biri, ibi bije bigitoshye. Umuntuntashobora gukora icyaha keretse abanje kujugunya Ijambo ry'Imana iruhande. Ntanubwo yashobora gukora icyaha (uko ni ukutizera) kugeza abanje kureka Ijambory'Imana, Kugaragara kw'Imana; ntabwo yashobora gukora icyaha. Eva ntiyashoboragagukora icyaha, kugeza ubwo yashyize Ijambo ry'Imana iruhande, agafunguraimiyoboro ye yo gutekereza ku bugingo bwe kandi agatangira gutekereza. "Kuberaiki nyakuri, umugabo wanjye atigeze ambwira ibi bintu, ariko nizeye ko wowe… Yarambwiye ko ntagomba gukora ibi, urazi, urabigaragaje neza; birumvikana. Njye—ndizera ko ari biri

bube byizacyane, kubera ko urimo kubinsobanurira neza.”

Murabona? Aho hari urugamba rwa mbere. Kandi binyuzemuri urwo rugamba byateye buri ntambara yose ndetse na buri kumena amaraso kosekwigeze kubaho kwaturutse hariya mu ngombyi ya Edeni. Ntiyizeye Ijambory'Imana.

75 .Kandi niba agace gato cyane kamwe k'Ijambo ry'Imanakatizewe, karateye ibi byago byose, ni gute tugiye kuzakira, tutizera Ijambo?Ntabwo wabikora. Ugomba gufunga ibi bintu bindi, umutimanama, kwibuka, kandiukavuga uti—gutekereza, ndetse n'ibi bintu bindi, “kwanga ibitekerezo.” Ntabwotubitekerezaho na gato, nta kintu na gato. Twemera Ijambo tugendeye kukuba,“Ari uko Imana yavuze”; kandi ibyo bishyira inzira hagati yawe n'Imana. Buri muyoboro woseuhita ufunguka hagati yawe n'Imana noneho. Aho hari urugamba, urwabanje kuremambere y'izindi.

76 .Reka twe gukoresha imbunda ya .22. Rekadufate—Bombe atomique. Reka dukore umurimo neza.

Reka dufate Ikibombe cya kirimbuzicy'Imana. “N'iki, Mwene Data Branham?”F-a-i-t-h [kwizera—kiny.Ed] mw'Ijambo Ryayo. Iyo ni Bombe atomique, kandi iyoituritsa uburwayi n'amadayimoni maze bikagenda. Iyo —irabisenya, ikabyimaumwanya. Oh, yo—yo irabisenya gusa; igakuramo ikintu cyose kitubaha Imana. Igihe iyoBombe yo kwizera iguye aho hamwe n'Ijambo ry'Imana inyuma yako, itwika buridayimoni yose, buri burwayi, buri cyorezo.

Muravuga muti, “Ese nibyo, Mwene Data Branham? Noneho,kubera iki bikora kuri bamwe kandi ntibyemere kubandi?” Ni ukubera uyumuyoboro. Ushobora kureba hanze kandi ukabibona, ariko ukwiye kuba ubifite hanourimo ureba muri ubu buryo. Atari hariya hanze urebamo imbere, ugomba kubaureba hanze. Murabona?

77 .Ntabwo ushobora kuza binyuze mu gutekereza; ntushobora kuza binyuze muri ibi bintu bindi; ugomba kuza unyuze mu miyoboro y'Imana kuri byo, ahomu bugingo. Kandi ni gute mu bikora? N' uwuhe muyoboro wanyuma? Bazatekerezaaho hasi kandi bavuge bati, “Ibyuyumviro. Oh, Njye—

ndabyiyumvamo. Yegobirahari. (Uh-huh.) oh, njye—nshobora kubihumurirwa cyangwa n'ibindi. Ibyobintu biri aho, yego.‵

Ikintu gikurikiyeho utekereza, “Ntacyo, birasa nkahoashobora kuba azi ibyo arimo kuvuga. Muganga yaravuze ngo sinshobora gukira.Ibyo niko bigomba kuba...”

Murabona? Aho ngaho uri—uri mu makosa. Uwo ni sataniuhagaze aho ngaho. Uyu ni satani urimo ukwinjizamo ibi bintu; ntukabyizere. Halleluya. Ijambo ry'Imana riravugariti, “Njye… Hejuru y'ibintu byose ndashaka ko uba mutaraga.” Uko niko biri. Nigute ushobora kuba umusirikare hariya hanze? murabona? “Ndashaka ko ubamutaraga.”

78 .Aho niho biri, iyo miyoboro. Ubashishije kuyibonaifunguye;ntashake kuyitambuka. Noneho Iyo Satani ashobora kwinjira hariya, akahageraakoresheje uyu mutimanama ndetse n'ibi bintu bindi byose, noneho akagera hasihano kw'iherezo ry'ubugingo mu bitekerezo. Noneho, iyo abashije kukugera...Ntuzigera—ntuzigera ureba na kimwe muri byo kugeza ubanje kumwinjiza imberehano. Ugomba kumwemerera akinjira; hanyuma igihe yinjiye, akabona gufata ubugenzuzi

Noneho n'iki we akora? Atangira gukoresha umutimanama.Atangira gukoresha ibi, atangira gukoresha ibi bibahuza. N'ibiki? Kureba,kuryoherwa, kwiyumvayumva, guhumurirwa, kumva, gukunda; atangira gukoresha iyo miyoboro mito inyuranye, igihecyose ashobora kwinjira imbere akajya hejuru y'uyu. Agomba kubanza akaza mubitekerezo byawe, kandi ugomba kubyemera. Birashoboka...

79 .Mwumve. Ashobora kukurwanya, ariko ntashobora kwinjiramuri wowe kugeza ubyemeye. Igihe Satani yasanze Eva maze akavuga ati, “Urazi,urubuto ruraryoshye,” yahagaze akanya gato. Oh, icyo nicyo gihe yakoze ikosa,igihe yahagaze akanya gato. Ntugahagararire ubusa. Ufite ubutumwa. Yesu nimuzima; Imanan'Ukiza indwara;ubwo ni ubutumwa. Ntugahagarare ku busa, nta gutekereza, nta kindi kintu.

Ariko yahagaze akanya gato. Icyo nicyo gihe Sataniyinjiye muri ibyo bitekerezo. Aravuga ati, “Ntacyo, birasa nk'ibyumvikana.” Oh,ntugakore ibyo. Ufate gusa ibyo Imana yavuze.

80 .Abraham, byari kugenda gute iyo ajya guhagarara ngoatekereze igihe yamubwiye ko agiye kubyara umwana kuri Sara, kandi Sara yariafite imyaka mirongwitandatu n'itanu kandi we mirongwirindwi n'itanu. Kandiigihe yari afite imyaka ijana kandi Sara afite—kandi afite mirongwicyenda,Abraham yari, we—we—yaturaga ko Ijambo ry'Imana ari ukuri; kandi akita ibyo bintu bitariho nkaho biriho.Murabona? We—we... Yewe n'ibyiringiro, ese hari ibyiringiro byari bigihari? Ntanubwo yigeze akoresha ibyiringiro.

“Ntacyo,” muravuga muti, “Niringiye ko nshobora kumeraneza. Niringiye ko ndibumere neza. Niringiye ko ndibubone Umwuka Wera.Niringiye ko ndi Umukristo. Niringiye ndakora ibi.” Ntabwo ukeneye ibyo.Abraham ntabwo yigeze areba kuri ibyo. Amen. Ibinyuranye n'ibyiringiroyakomeje kwizera Ijambo

ry'Imana. Kwizera kurenze ibyiringiro. Kwizera guturukahano inyuma mw'imbere, Kwizera guturuka hano. Ni gute kugeramo imbere? Binyuzemuri ibi bitekerezo, uyu—uyu muryango, urugamba ruhagaze hariya

81 .Noneho, igihe mubonye urugamba rugeze mu mirongo…noneho, satani yicaye muri buri mutima muri iki gitondo. Yicaye mu mutima w'uyumukobwa muto;yicaye mu mutima wawe; yicaye aha hose. Arimo kuvuga ati, "Oh, nabibonye mbere bigeragezwa; numvishe biriya mbere." Mumujugunye hanze; nibyo; mumute hanze. N'iki Bibiliya ivuga hano mu cyigishocyacu? Mumwirukane; uko ni ukuri, kumwirukanira hanze.

82 .Twaratojwe, tekereza, "N'ikihe kibazo twe ababwirizadufite?" Nibaza ni ubuhe bwoko bw'imyitozo dufite. Imyitozo y'Imana kuri ururugamba rukomeye.

Matayo 24 aravuga hariya—ndetse no muri Daniel 12aravuga ati hazabaho igihe cy'umubabaro utarigeze kubaho mbere kw'isi. Kandituri kuba muri icyo gihe ubwo umuco, no kwiga, ndetse n'ibindi byamazegupfukirana Ijambo ry'Imana maze binjira mu gutekereza ndetse n'ibindi.Urugamba ruri ubu. N'inde uzahagarara? Halleluya. Urugamba rwiteguye kwinjira; ari mu mirongo y'intambara.

83 .Rebaguhangana gukomeye dufite hakurya. Ni nde uzaba nkuko Dawidi yavuze ati,"Murahagarara maze mukareka uriya mufilistiya utakebwe agatuka ingabo z'Imanaihoraho. Ngiye kumurwanya." Amena. Imana ishaka abagabo n'abagore iki gitondobashobora guhaguruka maze bakavuga bati, "Ndakurikira Umwami kw'Ijambo. Amena.Icyavugwa cyose, cyangwa aho iki cyakorewe n'icyo uriya yakoze; ibyo ntacyobifite kubikoraho. Mwe ba Sawuli n'abandi, niba mu mutinya, musubire ahomwahoze, ariko ingabo z'Imana zo zirajya imbere." Amena. Abagabo b'intwari,Abagabo bo—bo kwizera, abagabo b'imbaraga, abagabo bo gusobanukirwa. Singombwako baba ari abahanga; singombwa ko baba barize; bagomba kuba ari umuyoboro.Imana ifata iyo miyoboro mito. Igahagarika gato gutekereza, nko kuvuga uti,"Ntacyo noneho, reka turebe."

84 .Ntacyo,kimwe n'ibyo…byagenda bite niba—uyu mugore hano muri iki gitondo, ntagushidikanya uwo muganga yamaze kubwira ko ari kw'iherezo ry'urugendo, ntakintu cyakorwa. Ntacyo noneho, ibyo—uwo muganga, ntabwo mucira urubanza. Uwomuntu ni umuntu w'iby'ubwenge. Abona ko uburwayi bwamaze gutsinda umubiriw'umwana. Birenze ikintu icyo aricyo cyose. Nta muti afite ushoborakubihagarika. Uko niko iyo Kanseri yanesheje uriya mugore. Nyakuri, urupfurwanesheje uriya mwana, ariko Umukuru w'Ingabo wacu (Halleluya.) w'izi ngabozikomeye, We ni Ukuzuka n'Ubuzima; nta kintu cyamunesha. Halleluya.

85 .Ibitekerezoby'ingabo biba biri mu mukuru wazo, ubwenge. Rommel mu budage yari ubwonkobw'ubudage, atari Hitler, Rommel. Uko ni ukuri. Eisenhower, umugabow'umusirikare, Patton, abo bagabo bari imbere, biterwa n'uburyo batanzemoamategeko.

Ukurikireumukuru w'ingabo wanyu. Niba ari umugenerali mwiza, niba ari umuntu mwiza, nibaari umugenerali w'inyenyeri enye, niba yarapimwe, niba yarapimwe bagasanga ariwe, mumukurikire. Nubwo byagaragara kuri mwe nkaho bipfuye, komeza imbere;mukore nkuko ababwiye. Halleluya.

86 .DufiteUmugenerali w'inyenyeri eshanu uvugwa gutya J-e-s-u-s[Yesu—kiny.ed]. Ushyira inyenyeri eshanu kuri twe F-a-i-t-h[kwizera].Ntabwo yigeze atsindwa urugamba. Halleluya. Yanesheje urupfu, ukuzimu, ndetsen'igituro. Kura amadayimoni munzira. Ni we Mugaba w'ingabo ukomeye. Uko nikosatani atagaragara no mu mukino.

87 .Urugamba rukomeye kurusha izindi rwigeze rukara cyaneubu ruriteguye ubu. Nyakuri niko biri. Oh, Halleluya. Igihe mbitekereje, igihempagaze maze nkamwitegereza akora ibintu, nkamubona ahishura ibintu, afunguraibindi, avuga ati, "Bizaba muri ubu buryo na buriya," ngaho aho biri. Oh,ukareba inyuma hano maze nkavuga nti, "Uyu ni uwuhe Mugaba w'ingabo ukomeye?"Oh, ntago ndeba inyuma maze ngo ndebe niba ari Dogiteri runa na runaka. Ndebaicyo Umugaba w'ingabo yavuze; N'Umugaba w'ingabo w'agakiza kacu. Halleluya. Agakizan'iki? Kubohorwa. Icyubahiro kibe icy'Imana. Ni Umugaba w'ingabo zo kubohorwakwacu.

88 .Isaha ikomeye yo "Kugaba" irageze. Ese ni Halleluya?Abasirikare bafite intwaro zirabagirana, amabara yisukiranya… Kwizera nogushidikanya byishyize mu mirongo y'urugamba hano muri uru rusengero ikigitondo: gushidikanya ku ruhande rumwe, kwizera kurundi. Basirikare, muhagarareku myanya yanyu y'akazi. Halleluya. Umugaba w'ingabo wacu, Inyenyeri yo murutururuturuarayoboye. Ntabwo ajya asubira inyuma; Ntiyigera na rimwe—ntabwo azi ijambo ryo gutorokaurugamba. Ntago agomba gutoroka urugamba. Amena. Nyakuri.

Intambara ikomeye itarigeze irwanwa, irimo kuba hanoaka kanya (Yego, mugabo.) hagati y'ubuzima n'urupfu, hagati yo kurwaran'ubuzima, hagati yo kwizera no gushidikanya (Oh, mbega.), hagati yo kubohorwano ubunyage. Urugamba rurakomeje. Mutyaze inkota zanyu, basirikare, mutunganyeintwaro zanyu.

89 .Imana irimo gutegura abasirikare bayo. Amena. Imanayasize abasirikare Bayo. Amerika yambitse

ingabo zayo mu buryo bwiza bashoborakubambika, ibigofero by'ibyuma, n'intwaro, ndetse n'ibyo bafite byose,ibimodoka bidasenywa n'amasasu, ibyo bafite byose. Imana yambitse ingabo Zayo.Halleluya. Twe dukoresha izihe ntwaro? Umwuka w'Inkota, Ijambo ry'Imana. Amena.Ijambo ry'Imana riraryaye kurusha inkota ikatira amugi yombi (Abaheburayo 4),rirahinguranye rikageza no kugusatura amagufa, yewe no—kugeza no kumusokorow'amagufa, yewe no—Rikarondora ibitekerezo by'ubwonko, Ijambo ry'Imana. KwizeraIjambo Rye, kandi ubwo buryo Imana yambika intwaro.

90 Icyo nicyo yahaye Eva ngo atware nk'intwaro, kandiasenya iyo ntwaro ye. Ni gute yashoboraga kubikora? Kubwo gufunguriraibitekerezo ku gutekereza. Ntabwo utekereza kw'Ijambo ry'Imana; Nta gutekereza guhari. Wowe gusa—ni Ijambo ry'Imanagusa; ntabwoharimo—nta gushidikanya kuri Ryo; nta gutekereza kuri Ryo; ni Ijambo ry'Imana; ibyo bikemuye ikibazo. Ibyo birahagije. Ibyo bikemuyeikibazo by'iteka. Murabona icyo nshaka kuvuga, Mukundwa? Ni Ijambo ry'Imana.Imana yarabisezeranye. Imana niko yavuze.

91 .Babwiye Abraham, "Ni gute utekereza ko uzabonaumwana?" "Niko Imana yavuze." Ibyo bikemuye ikibazo.

"Ntacyo, kubera iki utaramubona?"

"Ntabwo nzi igihe nzamubonera, ariko nzamubona. Imananiko yavuze. Ibyo ntago byampagarika na gato." Aba araba…

"Kubera iki udasubira iwanyu aho waturutse?"

"Ndi umwimukira n'umushyitsi muri iki gihugu." Amena……

"Imana yatanze isezerano; Imana izampa umwana muri iki gihugu aho Yanyohereje."

92 .Halleluya. Imana izagukiza nyakuri muri iki kirerecy'Umwuka Wera, aho yakohereje. Amena. Imana izabiguha; ubyizere gusa. Amena. Ufungure iyo miyoboroy'ubugingo n'umubiri, ibyuyumviro n'umutimanama, kandi… Maze ureke Ijambory'Imana ricengere. Ubwa mbere rifate ibyo bitekerezo; hari ikibuga cy'urugamba. Atari ukuvuga ati, "Ntacyo,iyo nshobora kubyiyumvayumvamo... Iyo mbasha kuva ubwiza bw'Imana bumanuka..."Oh, ibyo ntacyo bifite gukora aho, nta na kimwe. Ufungure ibitekerezo byawe; icyo n'ikibuga cy'urugamba; aho niho urugamba ruba ruri mu mirongo y'intamba, ahanyine ku mirongo y'imbere, ibitekerezo byawe. Ubifungure kandi uvuge uti,"Njye... Buri gushidikanya, ndashidikanya ku gushidikanya kwanjye." Amena."Ndashidikanya ku gushidikanya kwanjye noneho; nizeye Ijambo ry'Imana. Hano Ndaje, Satani." Hariikintu kigiye kuba. Nyakuri kiraba. Yego, mugabo.

93 .Yasize umugaragu We Umwuka We; Yabohererje abamarayika Be. Abantu bakunda gukinishaibyo rimwe na rimwe: Abamarayika. Reka—reka ngire aho mfata hamwe namwe umunotaumwe. Reka dufungure mub'Abaheburayo umunota umwe, Abaheburayo ibice 4: igicecya kane, kandi reka—ndashaka kuvuga igice cye 1 cy'Abaheburayo, kandi rekadufungure ku murungo wa 14 :

Mbese.. abamarayika bose si imyuka iyikorera, itumwagukora— umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza?

Ni uwuhe mu Bamarayika yigeze abwira, "Icare iruhanderwanjye"…abamarayika b'Imana…

94 .Noneho, hano Bibiliya iragaruka maze ikatubwira hanongo Imana yohereje abamarayika. Icyubahiro cy'Imana. Bo n'iki? Imyukaiyikorera. Icyubahiro cy'Imana. Abakozi b'Imana bayikorera? Biturutse mu bwizabw'Imana. N'iki cyo gukora? Gukorera Ijambo ry'Imana. Amena. Ntabwo murimogukorera za tewologiya z'amatsinda y'amadini, ahubwo gukorera Ijambo ry'Imana(Ibyo n'ibi.), imyuka yoherejwe kuyikorera.

Nigute tumenya ko ari bo? Bibiliya iravuga iti Ijambo ry'Umwami riza kubahanuzi.Ese ibyo ni ukuri? Abamarayika bakorera Ijambo Ryayo binyuze mu Mwuka Wayo,bakorera Ijambo binyuze mu Mwuka Wera; kandi Umwuka n'Ijambo biza ku bahanuzi;kandi abahanuzi bafite Ijambo ry'Imana. Iyo niyo mpamvu bashoboraga gukoraibitangaza nk'ibyo bakoze. Ntabwo yari umuntu, yari Umwuka w'Imana mu muntu,Umwuka wa Kristo mu muntu. Kubw'Ijambo ry'Imana...

N'ikiyakoze? Yatunganije buri muyobora. Imana yaramutoranije, kandi yari asizweUmwuka Wera, kandi ntabwo yari we. Nta kintu yakoraga keretse akibonyemw'iyerekwa. Eliya yaravuze ku Musozi Karumeli, "Ibi byose nakoze kw'itegekoRyawe, Mwami, Reka bimenyekane ko uri Mana." Oh, Icyubahiro kibe icy'Imana.

95 .Nabibonyeinshuro nyinshi. Igihe ubonye Umwuka w'Imana akubise ahantu, kandi aho hantuhakajya munsi yo gusigwa. Iyo iri tsinda rito hano muri iki gitondoryaribushobore gufata iki gitekerezo hano, rigakura buri gushidikanyamunzira…Ni gute washidikanya ukundi igihe ureba abapfuye—abapfuye bazuka,ibirema bigenda,impumyi zireba, ibiragi bivuga?

96 .Marayikaw'Uwiteka, yewe n'ifoto ye imanitse hano ku gikuta, ese ubushakashatsintibwabishyize ahantu hose. N'iki Yakoze? Yagumanye n'Ijambo. Amena. Bikurahoburi satani. Yego, niko bikora. N'ibiki? Imyuka ikora yoherejwe ivuye Imberey'Imana kugira ngo isige abavuga Ijambo, iyo igumana n'Ijambo, kandi IgasigaIjambo hamwe n'ibinyetso biriherekeza, mu kugarura Yesu uko yari ejohashize,uyu munsi, n'iteka. Nguwo Aho ari.

Nigute twashidikanya igihe We mu buryo bwombi ubw'ubushakashatsi, ubw'ibifatika,ubw'umwuka, buri buryo bwose ashobora kuba ahamirijwe, Arahamirijwe hano.N'ikihe kibazo? Biri mu bitekerezo byacu. Dufungura ibitekerezo byacu ku bintu,baravuga bati, "Ntacyo, Njye—Ntabwo nzi niba bishobora kuba cyangwa bitaba.Ahari, niba nzaba nguwe neza ejo hazaza..." Oh, ibyo nta kintu bifite gukorananabyo.

97 .Nkukonkunda kubivuga, Abraham ashobora kuba yarabwiye Sara… Yari yararenze imyakayo—yo kuba umugore (Muzi icyo nshaka kuvuga?), n'igihe cy'ubuzima, iminsi yemakumyabiri n'umunani. Murabona? Yari afite imyaka mirongwitandatu n'itanu;Yari amaze kurengaho imyaka nka cumi n'itanu cyangwa makumyabiri. Kandiaramubwira ati, ahari mu minsi mike aravuga ati, "Ese urumva nta cyahindutse,mukundwa?"

"Ntan'impinduka na nto."

"Ibyontacyo bitwaye kuri byo; turakomeje uko biri kose. Ntacyo noneho, ni wongeraugatangira nkuko—umugore muto nanone, tuziko binyuze muri ayo maraso y'ubuzima,uko biri noneho, tubona ko aho hagiye kwakira umwana kandi ibintu byosebikagenda neza. Noneho, wumva hari itandukaniro uyu munsi? Hashize ukweziuhereye igihe yansezeranije. Ese hari impinduka wumva, mukundwa?"

"Ntana gato, Abraham. Nta kimenyetso, nta kintu. Njye—Ndacyameze nkukonjye—narimeze mu myaka mike ishize; nta tandukaniro na rito."

"Icyubahirokibe icy'Imana, tugiye kumugira uko biri kose."

98 ."Ese ushatse kuvuga ko, Abraham, kuri ibyo… Reba, iyoIgusezeranije, nyakuri Yajyaga kuduha ikimenyetso muri ubu buryo. NyakuriYajyaga kuduha ikimenyetso." Ha. Halleluya.

Igisekuru kibi cy'abasambanyi bashaka ibimenyetso. Ukoni ukuri. Yari afite Ikimenyetso. Ibyo byari ibiki? Ijambo ry'Imana, Iryo ryariIkimenyetso.

Nigute Imana yakiza uyu mwana? Ijambo ry'Imana niko ryavuze. Niba wumvakwiyumvayumva cyangwa nta kwiyumvayumva, Niba Njye—icyaba icyo aricyo cyose,Imana niko yavuze, kandi ibyo birahagije.

99 .Abrahamyaravuze ati, "Mufate ingofero zanyu n'ibindi hamwe; tuvuye aha vuba tugiye mugihugu." "Mbese ugiye he?"

"Ntabwo mpazi (Amen.), ariko turagiye uko biri kose. Hanoturagiye." Arapakira kandi aragenda. Halleluya. Iryo n'Ijambo ry'Imanary'ukuri. N'iki yarafashe imbere ye? Isezerano ry'Imana, Ijambo ry'Imana.

"Tuzakibona."

100 ."Va mu bantu bawe, Abraham, bo—ibintubyabo ni abashidikanya n'abatizera, kandi bazaguhindura umeze nkabo. Ngwino uzeusohoke kandi witandukanye nabo kandi ubeho ku Bwe." Ibyo ni ibiki? "Reka uwomutimanama wawe wose, n'ibyuyimviro, kandi—inyuma yawe nka gutyo; funguraibitekerezo byawe, kandi wibuke ni Njye. Ngwino ubane na Njye." Amena.

Imanaihamagara buri mbuto y'Abraham muri iki gitondo kuri ubwo bwoko bumwebw'ubuzima. Ubu Intambara ikomeye iri kw'isi yose. Imana ishaka abana bayo kobatandukana n'iki? Kubona, kuryoherwa, kwiyumvayumva, guhumurirwa, kumva,gukeka, umutimanama, kwibuka, gutekereza, gukunda, buri kintu. Gufunguraibitekerezo byabo kandi bakareka Ijambo rikinjira kandi bagahura n'Ijambo. Uwoni umusirikare w'ukuri.

101 .Uko niko inyenyeri zihagarara. Imikorerey'inyenyeri ntabwo yigeze ihinduka. Zodiac, inyenyeri ya mugitondo ihaguruka kumurimo wayo buri gitondo nkuko yabikoze kuva isi yaremwa. Inyenyeri yanimugoroba ifata umwanya wayo. Buri nyenyeri, izo nyenyeri nto, icana mu giherunaka aho niho nyakuri yagenewe kuba. Inyenyeri yo mumajyaruguru yahagazeikomeye kandi ntiyegera inyeganyega. Halleluya. Buri kintu cyose kigendakizenguruka inyenyeri yo mumajyaruguru, abasigaye bose babo, kubera ko irimohagati kw'isi; uwo ni Kristo. Amen!

102 .Ahagarara aho, agategeka ingabo Zenk'Umugaba ukomeye. Kimwe na Mose ku musozi hamwe n'ibiganza bizamuwe, kandiIsiraheri yarimo irwana, yishakira inzira; kandi ahagarara n'ibiganza byebizamuwe. Ahagarara n'ibiganza bye bizamuwe kugeza izuba rirenze; bagombagagufatira ibiganza bye hejuru. Uwo yari Mose; yari urugero rwa Kristo. Kugirango bemere neza ko ibiganza bye byari hejuru, ibiganza Bye babiteye imisumariku musaraba. Halleluya. Kandi Yurira inkike z'ubwiza uyu munsi n'iyo

kanzuy'amaraso imbere y'Imana mu ruhande rw'iburyo rw'Ishoborabyose aho. Kandiurugamba rwa buri musirikare ruzamuremera inzira yo gucamo (Ntabwo nitayekubiba)hamwe n'Ijambo ry'Imana, rizamuremera inzira ku kubohoka. Amena.

103 .Kimwen'inkoko mw'igi, byagenda gute igize ubwoba bwo kurunguruka? Byagenda guteitinye gushishura igi? Byagenda bite iyo nkoko nto iri mbere mw'igi, iyo nyoninto igize ubwoba bwo kudondanga ku gishishwa cy'igi? Byagenda bite iramutseyumvise ijwi rituruka hanze, rivuga riti, "ntukubite kuri icyo gishishwa,ushobokora kwikomeretsa ?" Ariko uburyo iremwe ubwabwo bwavugira muri iyo nyonibuti, "Donda. Cukura umwobo muri cyo."

Reka amadini yose avuge ati, "Iminsiy'ibitangaza yararangiye. Ugiye kwikomeretsa. Ugiye mu bintu by'abakundirira."

Dondanyirizina kuri icyo gishishwa bikomeye nkuko ushoboye. Halleluya. "Satani, vamunzira; nsohotse hano; ntabwo nkiryamye hano ukundi; ntabwo nkicaye hanoukundi; ntabwo nkiri muri iki kibuga cya kera cya satani ukundi; ndimo ndaremainzira yanjye muri iki gitondo. Amena. Ndi ikizu." Amena. Halleluya.

104 .Kimwe nicyo kizu cya kera, uwo munwawacyo ukomeye nk'inyundo aho inyuma kirimo kidondanga kuri icyo gishishwa,ukoigishishwa cyaba gikomeye kose, ikidomaho ikanyuramo. Ikintu cyambere murazicyashoboye kunyeganyeza amababa gato. Cyari kimeze neza.

Mucukureinzira isohoka hanze; uko niko biri. Ubikora ute? Urabituritsa ukoreshe UKU NI K'UHORAHOAGIZE, UKO NI K'UHORAHO AGIZE, UKO NI K'UHORAHO AGIZE; hanyuma agatangira guhumekaumwuka mwiza. UKO NI K'UWITEKA AVUGA, ushyize umutwe hanze. UKO NI K'UHORAHOAGIZE. Sunika cyane noneho, ugeze hanze. Ntabwo yigera na rimwe isubira mugishishwa indi nshuro. Amena. Yarabohowe. Oh, mbega. Iryo Jambo, igihe kimwerimaze kwicara aho binyuze muri ibyo byiyumviro byose, n'umutimanama, n'ibindi,kugeza igihe bikemutse hano hasi, kandi ibyo bitekerezo birafungukabikaryemerera (oh, Mana, utugirire imbabazi), aho nta kintu cyo kugushyira mububata ukundi. Urabohowe. Uwo Umwana yamaze kubohora aba yasohotse mugishishwa.

105 .Idini ryawe ntago ryashobora na rimwekuguhamagara ngo ugaruke; satani ntashobora gukora ikintu kindi kirenze;aragusifura ndetse akakumokera, ariko uba uri mu muhanda munini uri kumuvudukowo hejuru (oh, mbega.), urimo wiruka mu muhanda mugari w'Umwami, umusirikarew'umusaraba usizwe. Mwa bizu mwese hamwe n'ukwizera gutangajwe "Yesu Umucyow'isi," muzamuke mwiruka mu mihanda y'Umwami.

106 .Koko.Yego, mugabo. Iyi ni Imyuka iyikorera yoherejwe iva mu Bwiza bw'Imana kugirango iyikorere. Kugira ngo iyikorere iki? Ijambo Ryayo, atari za tewologiya,ariko Ijambo ry'Imana. N'Imyuka iyikorera yoherejwe iva ku Mana kuyikorera:Imyuka iyikorera. Oh. Kandi mwibuke niramuka ikoreye ikindi kintu kitariIjambo, ubwo ntiryavuye ku Mana, kubera ko Ijambo Ryayo igihe cyoserirahamirizwa mw'ijuru. Igihe cyose mw'ijuru, Ijambo. Imana irarireberera,kandi Yo ntabwo izigera yohereza Umwuka gukorera ikindi kintu kitari Ijambo.

Ntabwoizigera na rimwe yohereza Umwuka hamwe n'izi mpamyabumenyi zikomeye nini zaD.D.D., Ph.d., kandi ikora ry'umweru rihindukije inyuma kandi buri kintu kimezenk'icyo, aravuga ati, "Ntacyo, niko biri, iminsi y'ibitangaza yarahise. Tweseibyo turabizi." Oya, oya. Ibyo ntago byavuye ku Mana; binyuranye n'Ijambo.Amena. Yohereza uwo uzakorera Umwuka w'Ijambo. Amena (Oh, mfite ibintu nka binecyangwa bitanu, ariko ndabireka bigende ubu, nzabigarukaho Kucyumweru gitaha.Niko biri.)

107 .Satanin'abadayimoni barasizwe. Niba iyi Myuka y'Abamarayika basigiwe kugira ngobazane Ijambo, bigutera kwizera Ijambo… Noneho, nihe wigeze ubona aho wumvaumuhanuzi, umuhanuzi w'ukuri w'Imana ahakana Ijambo ry'Imana? Oya, mugabo.N'iki cyabaye igihe amadini y'iminsi yabo yahagurutse maze akavuga ati,"Noneho, ari mu makosa." Ihagararana nawe ubwe maze agahagarara wenyine.Aravuga ati,

"ni ukuri."

108 .Reba kuri Mikaya hepfo aho wa munsi, uwowera muto wigaragura (Murabona?), umuhungu wa Imlah. Hari maganane basizwe,bakekwa kuba, abahanuzi basizwe bahagaze aho bose bagaburiwe neza, kandibitunganijwe, ndetse n'impamyabumenyi nini, kandi abantu bize cyane ndetseabanyamashuri bakeye, baravuga bati, "Zamuka, mwami wacu ukiranuka. Uwiteka abehamwe na we. Ibyo biterwa natwe; Yosuwa yarakiduhaye, bityo uzamuke kandiugifate. Ibyo nibyo by'ukuri. Uzamuke kandi ugifate."

Niiki yavuze ati, "Ntacyo, Yehosh..." Urazi, Yehoshafati aravuga ati, "Esentawundi uhari ahantu runaka?" Ntacyo, bari bafite maganane; kubera iki batizeyeabo maganane? Aravuga ati, "Ariko nyakuri, wowe ufite undi ahantu runaka."

Aravugaati, "Njye—njye… Ntacyo, dufite umwe. Hari undi umwe, ariko oh, ndamwanga.""Aho—aho, uwo niwe muntu nifuza ko nakumva." Murabona? Aravuga ati, "Mumuzane.Reka turebe icyo agiye kuvuga."

109 .Kandi ni uko bagiye maze baramubwira,aravuga ati, "Noneho, mwumve. Mwashyizeho ibibwiriza byanyu muri iki gitondo,kubera ko muri kubwiriza umwami. Muri kubwiriza kuri byo—mwese—ishyirahamwery'ababwiriza aba n'aba (Murabona?) bo muri Palestine, ishyirahamwe ryosery'ababwiriza. Noneho, muribuka, hano icyo bavuze; wavuze ikintu kimwe; wizeyeibintu bimwe."

Uwo muto… We—Yarafite umuntu utariwe aho. Uwo muntuyari yabashije kujya kure y'uku gutekereza kwa kera. Yari yaratunganije imiyoboro(Murabona?), umutimana we, na…

"Ntacyo—ntacyo, muzi icyo bazakora? Iyo uvuze ibintubimwe, ndatekereza ko bazakugira pasteri ukuriye district; ahari niko bazabikora. Bazabigira—bazakugira umukuruubareberera hejuru y'ako gace ka district hano niba ushobora—niba ushoborakwemeranya nabo." Ibyo ntago byari ku muntu w'Imana nyakuri.

Kubera iki, imiyobora yari itunganijwe neza,umutimanama we wose na buri kintu gitunganijwe; ibitekerezo bye byari bifunguwe kw'Ijambo ry'Imana; kandi Ijambo ry'Imana niryo ryonyine yashoboragakwizera;Iyo n'Imyuka iyikorera; iyo n'Imyuka yo kuyikorera. Aravuga ati, "Ntabwo nzi icyo kuvuga ubu,ariko ngiye kubabwira iki kintu kimwe. Nzavuga gusa icyo Imana imbwiye kuvuga."Uko niko bategereje iryo joro; yari afite iyerekwa.

110 .Mu gitondo gikurikiyeho, nashobora gutekereza Mikayaarimo areba mu Byanditswe maze aravuga ati, "Noneho, reka turebe ubu. Ese iryoyerekwa… Noneho, abo bantu bose… Hari ikintu kitagenda ahantu runaka hano,kubera ko binyuranye n'icyo bavugaga. Ariko n'iki yavuze? Reka turebe icyoEliya yavuze hano inyuma, umuhanuzi, kubera ko tuziko ari umuhanuzi. Murabonauko Ijambo ry'Umwami ryaje kuri

Eliya, Yego, kandi n'ikiryavuze? 'Kandi imbwa zizarigata amaraso yawe, Yezebel. Imbwa zizamurya, kandi— kubera ko umukiranutsi Ahabu—umukiranutsi Naboti.'" Aravuga hanyuma... Igiheyabonye ibyo, yabonye ko iyerekwa rye ryahuzaga neza neza n'Ijambo ry'Imananoneho, uwo Ahabu wa kera byagombaga kumuzaho.

Yasohotse aho ngaho hanze maze aravuga ati, "Zamuka,ariko nabonye Isiraheli..." Murabona, ntabwo yari atewe isoni n'iyerekwa ryenoneho, kubera ko ryari Ijambo ry'Umwami. Yari aziko yashobora gufata icyokintu mu buryo butunganye. Iki? Yashoboraga gufungura umutima we, ibitekerezobye kw'Ijambo ry'Imana, kandi Ijambo ry'Imana ryari ryaramuhishuriwe, bityoyari aziko ibyo bitunganye kw'Ijambo ry'Imana.

111 .Noneho, Muravuga muti, "Oh, iyo mba Mikaya gusa."ushobora kumuba;uri we. Uriwe nawe, mukundwa. Uri Mikaya umuhanuzi. N'iki nakora? Funguraibitekerezo byawe. N'iki ndimo ngerageza kukubwira muri iki gitondo? Ijambory'Umwami. Murabona? Fungura ibitekerezo byawe; uvuge uti, "Noneho, urazi, nizeye ko nshoboragukira."

"Ntacyo, n'ibiki noneho? Ese ni Ijambo ry'Umwami?"

Nyakuri n'Ijambo ry'Umwami. Kandi uyu muntu hanoaravuga ati, "Iminsi y'ibitanga yararangiye; ntabwo wakora ibyo, kandi..." Ibyo ubyibagirwe.Ushyire Imana imbere. Hano haza Ijambo ry'Umwami, maze ararivuga, kandi byariuko.

112 .Noneho, n'iki Satani yakoze? Satani yariafite abandi basizwe. Noneho, Sataniyasize abagaragu be. Oh, nyakuri, Uh-huh, nyakuri. Yasize abagaragu be.Yabasize n'iki? Kutizera. Satani n'amadayimoni ye basiga ibiremwamuntu kukutizera Ijambo ry'Imana. Noneho, niba ushaka guhamya ibyo, ufate mw'Itangiriro3:4.

Reka dufate hariya inyumakandi twumve ibi nk'umunota umwe, ndetse turebe niba ibyo atari amayeri yeyambere. Icyo nicyo kintu cyambere yakoze; Ntabwo yigeze areka ayo mayeri ye amwe; yabikoze ibihe byose. Noneho, reba niba koko—ibyoariko biri. Ubu, ntiyigeze ahakana Ijambo; yateye gusa kumva nabi gato ibyo, murabizi, mu buryogusa butuma ryumvikana mu buryo yifuza ko ryumvikana—ntafata Ijambo ryose.

113 .Noneho, Itangiriro, mfite hano mw'Itangiriro 3 na 4.Reka turebe niba ari byo bivuze noneho. Niko biri.

Iyo nzokaibwira umugore, iti "—Gupfa ntimuzapfa, Murabona uburyo yabivuze aho? "Oh,twizera ko iminsi y'ibitangaza yahise. Ntabwo twizera ko hari ikintu nk'icyocy'uko hari abantu bakira Umwuka Wera nkuko babikoze ku munsi wa Pantekote. Oh,uko biri kose mwarabatijwe, ntago bitandukanye." Murabona Satani? Murabonaamayeri ye?

"Ntacyo, niba muganga yarakubwiye ko udashobora kumeraneza, ibyo bikemuye ikibazo."

114 .Noneho, atari guteshaagaciro—kutizera muganga, muganga akora ku ruhande rw'ubushakashatsi. KandiAbadogiteri bakoze buri kintu bashoboye ngo bakize ubuzima bw'abantu; nyamara ntibwashobora gukira, kubera ko nta kindibazi gukora kindi;kw'iherezo ry'ubwenge bwabo. Umuntu mu kuri kwe.

Ariko noneho, igiti cyo kumenya ni cyiza, ariko igiheugiye kure hashoboka cyagera, noneho wururuka ku Giti cy'Ubugingo kandiugakomeza kugenda. Amena. Uko niko biri. Bizakora kugeza kure. Yego.

Noneho, aya ni mayeri ki ya Satani ubu? N'iki yavuzehano? Noneho, mwitegereze, uwo umwe ndetse —umurongo wa kabiri. Noneho,reka—reka nsome umurongo wa mbere muri 3:

Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyambazose, Uwiteka Imana yaremye. Ibaza uwo mugore iti "Ni ukuri koko Imana yaravuzeiti 'Ntimuzarye... ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi'?"

115 .Mumwumve uyu mwanya noneho,ukuntu yabaye mubi ndetse n'ukuntu we—ukuntu yagerageje gucurika Ijambo.Murabona? N'iki arimo kugerageza gukora? Kwinjira mubitekerezo bye. Murabona?Arimo avugana nawe nyuma y'uko Ijambo ryamaze gukomezwa aho. Noneho, ntimurekeSatani agerageza kugira icyo akomeza. Murabona? Urinde Ijambo ry'Imanarikomejwe mu mitima yanyu. Murabona? Mukore bimwe. Noneho, mwitegereze, mwebweba Mikaya.

Uwo mugore arayisubiza ati "Imbuto z'ibiti byo muriiyi ngobyi twemererwa kuzirya, keretse—keretse imbuto z'igiti kiri hagati…(hagati. Murabona?)...y'ingobyi ni zo Imana... yatubwiye iti 'Ntimuzazirye,ntimuzazikoreho, mutazapfa.' "

Murabona? Noneho, iryo ni Ijambo; arimo arimusubiramo. Noneho, mwitegereze. Iyo nzokaibwira umugore, iti "Gupfa ntimuzapfa,

116 .Murabona amayeri ye?Murabona? N'iki arimo agerageza gukora? Icyo kiremwamuntu cya mbere, arimoagerageza kumuha gusigwa uwo mugore w'igiciro aho, umukobwa w'Imana, hamwe nokutizera mw'Ijambo ry'Imana. Ibyo nibyo neza neza arimo agerageza gutuma Evaakora. Ibyo nawe arimo kugerageza gutuma nawe ukora, mukundwa. Ubwo nibwo buryoagerageza gutuma buri wese muri mwe akora atyo hariya hanze: akabasiga. Kandiikintu kimwe mugomba gukora... Ubu, mufite amahitamo asesuye; Noneho, mushobora kubyemera niba mubishaka, arikomubite hanze.

Iyo Eva ataba yarahagaze akanya gato ngo yumve…Ntugahagararire ubusa. Ntugahagarare.

117 .Igihe uwo—igihe Eliyayabwiye Gehazi, aravuga ati, "Fata inkoni yanjye, ugende, uyirambike kuri uwo mwanawapfuye;kandi nihagira umuntu ukuvugisha, ntumusubize. Nihagira ugerageza kuguhagarika,ukomeze."

Reba kuri uwo mugore igihe yahamagaye umugaragu we.Aravuga ati, "Munshyirire amatandiko ku nyumbu maze mukomeze imbere, kandintimuhagarare kugeza mbibabwiye." Ibyo nibyo. Igihe ufite ubutumwa, uzakomeze.Amena. Aravuga ati, "Ntabwo nashobora kongera kugenda, noneho—oh—ndananiwe."Komeza ugende gusa; ntuhagarare. urambika buri kintu iruhande, ukomeze ucemo gusa. MweneData, ufite inkota mu kiganza cyawe, ukomeze ukebe gusa.

118 .Nagiye muri stade y'umupiraw'amaguru igihe kimwe kandi nari ngiye kubwiriza, kandi mpagarara ku muryangomaze ndeba hejuru, aho hejuru, kandi haravugaga hati, "Ntibiterwa n'ubuninibw'imbwa mu mirwano; ni ubunini bw'imirwano mu mbwa." Ibyo nibyo bitsinda mu ntambara.Murabona?

Muravuga muti, "Ntacyo, murebe—murebe kuri ayamatorero manini arwanya ibi." Ntabwo nitaye ku bunini bwayo; ni intambara iri mu mbwa, ibyo nibyo bibarwa. Niukwizera kuri mu muntu ku giti. Niba uri umunyabwoba, wisubirere mu mwobo waweuraramo. Ntacyo, Mwene Data, niba uri umusirikare, hagarara aho hanze; hari urugamba rukomeje. Bibe bizima cyangwa bipfuyeugomba kujyamo. Reka turwane.

119 .Kimwe na Peter Cartwrightyagiye mu mugi, aravuga ati, "Umwami yarambwiye ati— ati nze hano maze mpagireububyutse." Akodesha inzu y'ububiko ya kera, yinjiramo aho, kandi atangirakuyitunganya.

Maze ikirara kimwe cy'umugi, hamwe n'imbunda nto iriku mufuka, aramanuka maze aza ku…nzugi… umuntu aravuga ati, "N'iki uriya muntuarimo gukora hari hepfo?"

Aravuga ati, "Ni umubwiriza. Agiye kugira amateraniro,niko yavuze."

"Ntacyo" aravuga ati, "ndakeka ngiye kumanuka hariyankamujugunya mu muhanda, kandi nkamwirukana hano. Nibyo gusa. Nta materanirodushaka aha iwacu."

120 .Nuko ajya aho hepfo,ahagarara ku muryango; nuko Peter Cartwright yari yambaye ikote, murazi, kandi yarimo yozaamadirishya n'ibikuta hepfo—akagabo gato cyane, murazi. Uwo mubwiriza wa keraaramuseka, murazi, kubera ko yaryaga inkoko n'ibiganza bye (ari wo muco uyumunsi, murabizi). Ubwo yarimo yoza amadirishya ndetse atunganya aho. Icyokirara kiza aho ngaho, cyigiza ikote ryacyo inyuma gato, akabunda gato kari kumukandara, aravuga ati, "urimo urakora iki?"

"Oh," aravuga ati, "Ndimo koza amadirishya." Akomezakoza amadirishya, murabizi. Yari afite intego imwe: Imana yari yamubwiye kuzanaububyutse. Arimo yoza ibirahure aho hepfo…

121 .Aravuga ati, "Ntago twemeraububyutse aha ngaha."

Aravuga ati, "Oh, ariko Umwami yarambwiye— ngo ngireubu bubyutse." Murabona? Yikomereza akazi ke. Murabona, murabona?

Aravuga ati, "Hari ikintu kimwe ugomba—ugombagusobanukirwa." Aravuga ati, "Ntegeka uyu mugi aha hose."

Aravuga ati, "Oh, ni wowe?" kandi akomeza kozaamadirishya, murazi.

Aravuga ati, "Mbere y'ukougira ububyutse ugomba kubanza ukankubita." Aravuga ati, "Oh, niko bimeze?Ubwo, nibyo ndakurikizaho noneho." Akuramo ikote rye, maze ajya aho ngahoamufata mu mashati, nuko amukubita hasi, kandi ahita amujya hejuru, aravugaati, "Ngomba kurwana niba ngomba kwima. Unyongerere imbaraga, Mwami."Aramuhondagura. Aravuga ati, "Ntiwumvishije?"

Aravuga ati, "Yego." Arahaguruka maze amukora mu ntoki; arakizwa iryo joro mu rusengero. Ngaho aho muri.Murabona?

122 .Fata Ijambo ry'Imana gusakandi uce inzira yawe muri buri gushidikanya. Murabibona? Ni ukuri, Niko biri.Niba uwo ariwo murimo ukurikiraho, reka nawo tuwukore. Ni ukuri. Ikintu cyizacyane nzi nakora ni ugutandukana no kutizera kwanjye, nkaguta hasi.

Uwo niwo murimo ukurikiraho ni ugufata ibyo byosebimbuza amahoro nkabita kure. Iyo ibyuyumviro byanjye bimbwiye biti, "noneho,urumva umeze nabi," ikintu gikurikiraho ni ukuca icyo kintu nkagita kure. Ukoni ukuri.

Muravuga muti, "Ntacyo, mwe—bambwiye bati uh… Urazi,umutimanama wanjye wambwiye, Mwene Data Branham, ko nshobora..." Noneho reba,ukwiriye guca icyo kintu ukagita kure; ntaho ushobora kugera kure haruta aho. Noneho rekaumurimo wawe ukurikiye ukorwe. Kuramo ikote ryawe maze wirukire muri ibyo. Niuko ukomeze gusa. Intego imwe: "Ngiye kunesha." Amena. "Ntabwo natsindwa. Ngiyekunesha." Amen!

123 .Satani usizwe. Murabona?Amayeri ye yambere ni ayahe? Ni ayahe mayeri yambere yabanje kugira? Ibitekerezo. Eva yahagaze gato kujya kumva icyo avuze.

"Oh,ntukavuge gutyo." Aho niho ab'igitsinagore bato benshi bakorera ikosa, kandin'abenshi mu gitsinagabo bato bakora amakosa yabo. Uko ni ukuri. Hagararaakanya gato, hagarara akanya gato gusa.

124 .N'inshuro zingahe nabonye ibijyanye nagatanya ndetse n'ibindi biza imbere yanjye. "Ntacyo, ndakubwiye, Mwene DataBranham, avugiriza nka gutya[Mwene Data Branham avuga ijwi nk'impyisiivugiriza—Ed.] Murazi, maze ndahagarara; kandi nyakuri, Njye—sibyo naringamije."Uh-huh, ngaho aho muri."

"Oh,umugore… Nari nicaye hafi y'ameza hafi ye; we—yari afite amaso meza." Murabona,Uh-huh. Murabona? Ibyo nibyo. Satani akora ibintu nk'ibyo.

125 ."Oh, muganga yambwiye ko ntashoboragukira, nuko njye..." Aho. Niho muri.Ikintu kimwe. Murabona? Intambara ikomeye kurusha izindi itarigeze irwanwa…

"Ntacyo, Barambwira… Nabonye runaka na runaka bahamyako bafite Umwuka Wera." Yego, warebeye kuri babandi b'inryarya za kera. Bimezegute kuri babandi bawufite nyakuri? Uh-huh? Yego, satani azakwereka ba bandibya bikona bya kera, ariko ntabwo azigera akwereka inuma z'ukuri. Uko nikobiri. Ntabwo azigera akwereka izo; azatuma ibyo biguma bihumye.

Oh, ni intwari na we. Mwibuke, ariko ukomeyeni—ukomeye ni uwo uri muri mwe, kuruta uwo uri mu b'isi. Bityo mukomeze Ijambory'Imana;muryizere, mwebwe bagaba b'ingabo hano. Mukomeze ibihome byanyu, Mwene Data.Uko ni ukuri, mugume ku murimo wanyu.

126 .Niko nigeze ngira umwanaw'umukobwa muto hano igihe kimwe. Uwo mugore ashobora kuba yicaye hano ubu; izina rye ni Nellie Sanders. Ubwambere mbona dayimoniisohoka. (Twabaga… Noneho, mbashije kubona aho hantu ni muri— ku muhanda wagatatu uvuye aha, hakurya y'irimbi.) Noneho, nari kimara guhinduka umubwiriza,kandi narimo mbwiriza ahagana hano kuri uru ruhande mu materaniro yo mw'ihema.Kandi uwo mukobwa muto yari umwe mu bazi kubyina neza. Yagiye mw'ishuriryisumbuye aha hapfo. Kandi we na Lee Horn (kandi benshi muri mwe hano mu mugimuzi Lee Horn aha hepfo, ufite inzu yo gukiniramo Billard hariya.)—Niko bo, wena Lee Horn, yari umubyinnyi wa mbere mu gihugu. Yari Umugaturika ubwe; kubera ko, iyobokamana kuribo ntacyo risobanuye.Bityo noneho (Nellie na bo), bityo yari umubyinnyi ukomeye kandi na we yari we,kandi bari bafite iyo mbyino hano bita "black bottom" na "jitterbugs" ndetsen'ibyo bintu byose; kandi we yari— nako bombi bari abambere mu gihugu.

127 .Umunsi umwe yaje ahaharuguru wenyine (ijoro rimwe) mu materaniro. Aho agwa ku gicaniro, uwo Nelliemuto; uheumugisha umutima we. Yaryamye aho ku gicaniro; azamura umutwe we, maze ararira n'amarira atemba kumatama ye, aravuga ati, "Billy..." (Yari anzi.) Aravuga ati, "Ndashaka

gukwizwacyane."

Ndavuganti, "Nellie, ushobora gukizwa; Yesu yamaze kugukiza, mukobwa. Ugomba kubyemera ubuushingiye kw'Ijambo ry'Imana." Ndetse aguma aho, kandi ararira, maze arasenga,kandi abwira Imana ko atazongera kumvira ibintu by'isi ukundi. Inshuro imwe ukobyakabaye binejeje, amahoro meza aza mu bugingo bwe. Ahaguruka aho arimoasakuza kandi ahimbaza Imana, ayiha icyubahiro.

128 .Kandi hafi amezi atandatu cyangwa umunani nyumay'ibyo, yarimo amanuka Spring Street ijoro rimwe

(Noneho umukobwa muto, yarimu kigero cye cy'ubwangavu, hafi nk'imyaka cumi n'umunani.), kandi aza kurinjye, maze aravuga ati, "Hope…" (Uwo yari umugore wanjye, uwo wagiye.) Aravugaati, "Nifuza ngo iyo mba meze nka Hope na Irene." Aravuga ati, "Urazi, ntabwobigeze bajya mw'isi." Aravuga ati, "Isi igushyiraho ikimenyetso." Aravuga ati,"mfite isura mbi." Aravuga ati, "Ubu, naretse kwishyiraho ibyo bipapiranon'ibindi, ariko ndasa nabi. Yewe n'uburyo ndeba," aravuga ati, "nsa nabi." Aravugaati, "Bo basa nk'abakiranutsi n'abanyembabazi." Aravuga ati, "Nifuza ko ntarikuba narakoze ibyo."

Ndavuga nti, "Nellie, Amaraso ya Yesu Kristo yozaibyaha byose, Mukundwa. Komeza, ubyizere."

129 .Wayne Bledsoe (Benshi murimwe muramuzi hano, inshuti yanjye y'inkoramutima imyaka n'imyaka), yariumusinzi, kandi aza hano hamwe n'umuvandimwe Edward. Hanyuma asindira hano mumuhanda, maze ndamuterura, kubera ko abapolisi bari bagiye kumufata. Kandindamuzana hano;ubwo nari umubwiriza mba hano kwa mama na papa ubwo nari ntarashaka. Mazendamufata, mushyira mu buriri hariya; naryamaga—naryamaga kuri double. Hari itsinda rininiry'Abranhams, murazi (icumi muri twe), kandi twe twari dufite nk'ibyumba bine,kubwibyo twagombaga kujyamo turi babiri. Kandi nari mfite iyo matera ya doubleya kera naryamagaho, kandi ndakurura nka gutya kandi—kandi shyiraho Wayne kuburiri hamwe na njye, yasinze. Byasabaga kumuheka munzu maze nkamuryamishahasi. Kandi nari nryamye aho, ndavuga nti, "Wayne, ese ntutewe isoni naweubwawe no kuba umeze gutyo?"

130 .We, "Uh, duh, Billy, ntuvugane nanjye ibyo." Murazi?[Mwene Data Branham yigana uko umusinzi avuga—Ed.] Mushyiraho ibiganza ndavuganti, "Ngiye kukugusengera, Wayne. Imana iguhe umugisha."

Kandi nari narakijijwe, oh, ndakeka hari nka, nk'igihecy'umwaka. Kandi noneho nkako kanya—imodoka, ikubitaho urugi aho hanze, kandiumuntu akomanga kurugi cyane, "Mwene Data Bill. Mwene

Data Bill"

Ndatekereza nti, "Mana yanjye, ahari hari umuntuupfuye." Nsimbukira ku rugi, mfata ibyo bintu byanjye bya kera, njugunya iyopinjama yanjye aho nka gutya, maze ntwikira Wayne hejuru, maze nirukira kurugi. Byumvikanaga nkaho ari umugore. Mfungura urugi, kandi uyu mukobwa mutoahagaze aho ku rugi, aravuga ati, "Oh, nshobora kwinjira?"

131 .Ndavuga nti, "Injira," maze natsa amatara kandi…

Noneho, yarimo arira nka gutyo, kandi aravuga ati,"Oh, Bill—Billy, nda—nda—ndagiye, ndagiye."

Ndavuganti, "Ufite ikihe kibazo, Nellie? Ufite se—ufite se indwara y'umutima?"

Aravuga ati, "Oya." Aravuga ati, "Mwene Data Bill, narimomanuka Spring Street." Aravuga ati, "Mbaye umunyakuri, Mwene Data Bill, Mbayeumunyakuri, Mwene Data Bill, nta kibi nashakaga; sinaringamije ikibi."

Ndavuga nti, "N'ikihe kibazo?" Ndatekereza, "N'ikingiye kumukorera noneho?" Murabona? Ntabwo narinzi icyo gukora. Nari nkiriumusore muto, maze ndatekereza...

Aravuga ati, "Oh, Mwene Data Bill," aravuga ati,"Ndumva—ndumva—ndumva nacitsemo uduce."

Ndavuga nti, "Noneho, tuza, mushiki wacu. Mbwira byoseuko byagenze."

Kandiaravuga ati, "Ntacyo," aravuga ati, "narimo manuka mu muhanda, kandi kuriRedmen's Hall..." (Kandi bakunda kugira imbyino zo kuwagatandatu nijoro aho.)Kandi aravuga ati, "Narimfite ibintu; nari ngiye murugo kujya kwambara." Kandi aravuga ati,"Numva iyo ndirimbo," nuko aravuga ati, "murazi," aravuga ati, "Nahagaze umunota umwe," maze aravuga ati, "Itangira kuba nziza. Nuko ndatekereza nti,'urazi, ntabwo bya ari bibi ndamutse mpagaze aha.'"

132 Ahoniho yakoze ikosa, yahagaze akanya gato.

Nuko arumva gusa, aravuga ati, "Ntacyo, ngiye gutekereza."Aravuga ati, "Oh Mwami, Uziko ngukunda nubwo bimeze bityo." Aravuga ati, "Uraziko ngukunda, Mwami, ariko nshobora kwibuka igihe Lee na njye twigeze gutsindiraibyo—ibyo bikombe byose ndetse n'ibindi." Aravuga ati, "Mbega, ndibuka ko iriyandirimbo yakera yajyaga inkurura; ubu ntikibishobora." Oh,oh. Oh, oh, uratekereza ngontiyabishobora;yari yamaze kugufata aho ngaho nyine. Ibyo byari bimeze neza nkuko

ibishaka.Murabona?

Ni bangahebazi Nellie Sanders? Ntacyo, ndakeka abenshi muri mwe mumuzi. Yego, ni ukuri.Niko bo—aho hari—aho hari kuvuga tuti… Aravuga ati, "Ntacyo, muzi ibyoaribyo?" Aravuga ati, "Ahari ndamutse nzamutse haruguru hariya," ati,"aharinshobora guhamiriza bamwe muri bo." Murabona, uri nyakuri mu kibuga cya satani.Jya kure ya byo. Muhunge igisa n'ikibi cyose.

Arikoarazamuka aho hejuru ku ngazi kandi ahagarara aho iminota mike, kandi ikintucyabanje murazi, yari mubinganza by'umuhungu hanze aho imbere. Hanyuma yajekwiyibuka, kandi yari ahagaze aho arira ndetse akomeza, aravuga ati, "Oh,ndazimiye ku byiza."

133 .Njye—ndatekereza, "Ntacyo, ntabwo nzi mbyinshi kuriBibiliya, ariko nizera ko Yesu yavuze ibi: 'Mw'Izina Ryanjye bazirukanaabadayimoni.'" Noneho… kandi Wayne yari yashizemo inzoga gato kandi yicaye ahoarimo areba. Murabona? Nuko ndavuga nti, "Noneho, satani, ntabwo nzi uwo uriwe,ariko ndakubwiye noneho, uyu ni mushiki wanjye, kandi nta gahunda mufitanye,ngo umufate. Ntabwo yashakaga gukora ibyo; yahagaze akanya gato." (Aho niho yakoze ikosa ukobiri kose.) Ndavuga nti, "Ariko usabwe gusohoka hano. Uranyumva?" Kandi nonehoumfashe (Imana izabimenya ku munsi w'urubanza), iryo dirishya ry'ikirahuriryatangiye kwikinga no kwikingura ubwaryo: rihondagura, rihondagura, aho kurugi, ka-plump, ka-plump, ka-plump. Ndatekereza... Maze aravuga ati, "Bill,reba hariya, reba hariya."

Kandi ndavuga nti, "Yego. Ibyo n'ibiki?"

Aravuga ati, "Ntabwo mbizi."

134 .Ndavuga nti, "Nanjye ntabyonzi." Kandi urugi rutangira gukaka, pump, ti-pump, rukinga nka gutyo,ndatekereza nti, "N'ikihe kibazo hano? N'ikihe kibazo?" kandi ndongera ndarebanka gutyo, kandi ndavuga nti, "Muvemo, Satani. Mw'Izina rya Yesu muvemo." Igihemvuze ibyo, cyasaga n'agacurama kanini, kanini nka gutya, gahaguruka aho inyumaye, hamwe n'imisatasi miremire munsi y'amababa yako, ndetse no munsi y'ibirengenka gutyo;karimo kagenda, "Whrrrrrrr," gatangirira aho kansanga, kihuta kuburyobushoboka. Ndavuga nti, "Oh, Mwami Mana, Amaraso ya Yesu Kristo andinde ibi."

Kandi Wayne asimbukira mu buriri, arareba; kandi hano byari bimeze nk'igicucu kinini,kirazenguruka, kandi kiragenda, maze kijya inyuma y'igitanda. Wayne ava mugitanda, ajya mu cyumba gikurikiyeho yihuta nkuko bishoboka.

135 .Bityo twe—Mfata Nellie mazemujyana mu rugo, ndagije ndagaruka, kandi njye sinabishobora… Mama ajyamo ahokandi akunguta amashuka na buri kintu; nta kintu cyari muri ubwo buriri. Cyari iki? Sataniwari uvuye muri we. N'iki cyabaye? Yahagaze akanya gato. N'ibyo gusa.

Ntuhagarare na gato. Imana yinjize Ijambo Ryayo mumitima yanyu, kandi ufate iyo Nkota maze utangire uteme kandi ukate. Halleluya."Nta mwanya mfite wo gutegereza ikindi kintu kindi. Narambutse hakurya; Nta nubwo narimfite akanya ko kwicara ngo mbikemure."

136 .Aravuga ati, "Igihe… Fatainkoni yanjye maze uyirambike ku mwana; kandi nihagira ukuvugisha, ntuvugane nawe. Nibasatani avuze ati, 'Hey, uzi uko ibyuyumviro byawe uko bimeze...' Ntukanavuganenawe. Ukomeze."

Satani—murazi, satani aravuga ati, "Ariko uzi ibyoaribyo? Urazi runaka na runaka, igihe babonye Umwuka Wera, muribuka bo—baribameze nka bataye ubwenge." Ntukavugane nawe; wikomerezegusa. Ntabwo uzi ibijyanye na runaka na runaka; ni wowe n'Imana. Uko ni ukuri. Urinde Imana.

137 .Yasize abagaragu be. (ngombakugira vuba.) Imana isiga abakozi Bayo. Murabona? (Noneho, mfite gusimbukaimpapuro nke hano, ariko ndifuza kuvuga ibi.) Hano… wumve noneho, neza, mudamumuto. Wumve neza noneho.

Hano turabona amayeri ya satani. Ni gute tubikora?Noneho, mfite Ibyanditswe byinshi hano, by'abahanuzi n'ibintu, aho yaje kuribo, n'abantu batandukanye binyuze muri Bibiliya kandi akora ibintu bimwe. Niamayeri ye ibihe byose yo gutuma abantu batizera Ijambo ry'Imana

138 .Mwumve, mwe basirikareb'umusaraba. Igihe utizeye Ijambo ry'Imana rimwe ryanditse muri Bibiliya, ubawambuwe intwaro. Wizere ibyo, mukundwa? Uba ukuweho intwaro; ukamanika amaboko. Wa gafi gato we, wambare intwarozose z'Imana. Amena. Turi mu ntambara. Icyo Imana yavuze ko ari ukuri, burijambo ry'umuntu ni ikinyoma. Murabona?

Ariko ako kanya —ukimara kumva ikintu kimwe, ibyo niyomayeri ye, uba ukuweho imbaraga. N'ibintu bingahe Eva yari akeneye kumva?Kimwe, yahise akurwaho intwaro ako kanya.

N'iki satani yakoze? Yakubuye mu bitekerezo bye ajyamu mwuka, kandi aho yahise abyangiza, Ese ibyo ni ukuri? Yari yangijwe, kuriuwo munota nyirizina yari yambuwe intwaro, igihe atizeye Ijambo

ry'Imana. Nikobiri. Hano turabona amayeri ye.

139 .Abasirikare b'Imanabategetswe kwambara intwaro zose z'Imana. Ese siko biri? Noneho, niba mushakakwandika ibyo Byanditswe, biri muri Efeso 6:10 na 13. Murabona? Twabisomye mukanya gashize;n'ikibwiriza cyacu. Niko biri.

Mwitegereze, mwambare intwaro zose z'Imana, reka… Esemufite akanya k'iminota mike? Reka dusubire hano inyuma mu minota mike. Rekaturebe nyakuri icyo intwaro z'Imana zuzuye ari cyo. Niko biri. Reka dutangirireku murongo wa cumi. Noneho, mwumve neza noneho. Reka turebe intwaro zuzuyez'Imana.

Ibisigaye,benedata,…

140 .Noneho, nziko ngiye… njye…ni sasita zibura makumyabiri, ninka hafi. Njye—ntabwo—ntabwo nashatse kubigishaumwanya muremure uyu munsi, ariko Njye—nshobora kutagira ubundi butumwa burenzeho,kugeza mfashe urugendo rwo mu mpeshyi (Murabona?) kandi…

141 .Mbe murazi? Muziimpamvu ndimo nkora ibi? Ndabibabwira. Undimunsi nagize inzozi. Ntabwo nagombaga kuzivuga, ariko biri mu bitekerezobyanjye; nshobora no kubikora.

Nyumay'uko Umwami yampaye ubusobanuro, narose ndimo ko narimo nitunganya ngo nambukeuruzi runini ngiye mu murimo. Kandi Njye… Icya mbere, nari aho haruguru hamwen'umugore wanjye, kandi nibangahe bigeze bamenya George Smith, "Six-second"Smith hano mu mugi? George Smith,umuhungu we ari hano muri Police. We—uwo mutindi George yari yarabaswe n'inzoganoneho. Ariko yari umwe mu bantu bazi kurwana. Ni we wampaga imyitozo, mberey'uko njya muri YMCA n'ahandi. Yajyaga adutoza. Kandi yari abangutse, nyakuriabangutse kandi afite ibiro biri munsi gato y'ibiro byo hagati mw'iteramakofe,afite ibiro nka 66[145lb—kiny.Ed], kandi yarantoje. Yajyaga ahagarara aho; kandi yashoboraga gufunga igipfunsi cye nka gutya,maze agakubita umuntu mu nda, ngahaguruka niyegamije igikuta (Murabona?), ariko—kandiibyo ntago nabyitagaho. Kuko yarimo antoza, kugeza ubwo nta kindi uretsekwitoza.

142 .Kandi noneho Njye—nararosemuri ndi joro mbona "Six-second" Smith (Noneho, ntabwo ryari iyerekwa, byariinzozi.), kandi nabonye "Six-second" Smith—abasore bato baza kumurwanya ngobakirane. Kandi we nk'umusaza ufite nko—oh, ndakeka, mfite mirongwitanu n'ibiri; afite mirongwitanu n'umunani, mirongwitandatu; nta musore muto washobora kumukoraho uko byagendakose. Yashobora kubazingazinga, kimwe n'ibyo, hanyuma akabagwisha hasi kandiakabafata n'ukuboko kwe. Noneho, ndatekereza, "Ibyo ni ibidasanzwe," kandindatekereza ko umugore wanjye yari kumwe nanjye, kandi ndavuga nti, "Ibyon'ibidasanzwe." Ndavuga nti, "Muzi ibyo ari byo, Meda? Yahoze ari umutozawanjye."

Yaravuze ati, "Njye—ndabyibuka, ubimbwira."

Ndavuga nti, "Yego, mugabo. Hamwe n'imyitozo ye myizanatsinze indwano cumi n'eshanu zo kurwego rwemewe hanyuma ndabireka—njyakubwiriza Ubutumwa Bwiza."

143 .Noneho hanyuma zihitazihindura, kandi nari ntangiye kwambuka—amazi. Ariko igihe naringiye, naringiyemfite ubwato bufite imbaraga. Nuko ndareba, maze aho hari hahagaze benedatababiri, bicaye aho mu kato gato, bitegura kujya nanjye. Ndavuga nti,"Ntimushobora gukora ibyo, benedata. Huh-uh. Ngomba kugenda njyenyine."

Kandi umuntu utwara ubwato araza maze aravuga ati,"Hano hari ubwato," bw'umweru cyane, akato ka plastic.

Ndavuga nti, "No, huh—uh, atari buriya."

Aravuga ati, "Ntacyo, ushobora kugenda muri iyi nziranabwo nk'ibirometero mirongwinani mw'isaha." Ndavuga nti, "ariko ngombakwambuka muri iyo nzira." Murabona?

"Ntacyo," aravuga ati, "mufate ubu bantu.

Ndavuga nti, "Ntabwo ari abatwara ubwato. Ntabwo baziibihagije kubijyanye nabyo; barabikunda.

Ntabwo bakwambuka; bazarohama bombi; ntabwo babikora."

Kandi aravuga ati, "Ese wowe—washobora kubizera..."

Ndavuga nti, "Umva, njye—nzi neza ibijyanye n'amatokurusha uko bo babimenya, kandi sinashobora kwambuka n'ibyo—n'ubu bwokobw'ibikoresho." Ndavuga nti, "Bisaba ubwato bw'imbaraga kwambuka hariya."Ndavuga nti, "Birasaba ikintu kiruta ubwo."

144 .Kandi mbona areba aho kuri umwe muri abo benedata mazearavuga ati, "Ese uri utwara ubwato?" Mwene

Data aravuga ati, "Yego." Mugabo?

Ndavuga nti, "ibyo sibyo."

Kandi utwara ubwato aragaruka; aravuga ati, "Babwire icyo bakora." Aravuga ati,"Baragukunda;barakwizera," Ariko aravuga ati, "Nugerageza kwambuka mu bwato bufite imbaraga,bazagerageza kugukurikira muri kariya kato; bombi bazapfa." Murabona? Aravuga ati, "Ntabwobagukurikira."

Ndavuga nti, "Ntacyo, n'iki ngomba gukora?"

Kandi uyu muntu utwara ubwato aho ku cyambu, aravugaati, "Muzamuke hariya haruguru." Aravuga ati, "Hari inzu imwe nto mu zobahunikamo zose muri iki gihugu, inzu imwe bahunikamo nto. Kandi huzuyemoibintu byinshi," aravuga ati, "kandi bazaguma hano. Bo—bazaguma hano, mu giheuzaba—igihe uzaba waragiye, ariko aravuga ati, " ugomba gushyiramo ibintu byogutanga.

Kandi narimo ntegeka ibintu byose by'amashu na turnip,na radishes, n'ibintu, mbipakira aho nka gutya; maze ndabyuka.Sinigeze menya icyo byaricyo, arikondabizi ubu. Murabona? Twarimo duhunika ibintu, benedata. Ubu nibwo buzimamugomba kunyuramo bwonyine.

145 .Leo, wibuka za nzozi wagizecya gihe ubwo waje aha bwambere kubijyanye na pyramid maze utekereza koushobora kuzamo aho imbere; nuko ndavuga nti,"Leo, nta muntu uzamuka aha hejuru; Imana igomba gushyira umuntu aha hejuru. Wazamutseahantu hose hafatika aho washoboraga kuzamuka." Ndavuga nti, "Ntabwo waza hano,Leo. (Murabona?) Manuka hariya hepfo, ubabwire ko bivuye ku Mana. (Murabona,murabona?) N'ikintu icyo mwe... mutakwishingikirizaho..."

Kimwe na benedata, na bashiki bacu, n'itorero ryanjye, na buri kintu; kandi kimwe n'andi matorero

uko ari, ndetse na benedataahantu hose…

146 .Noneho, ntabwo naguma kure y'itoreroaho hanze. Umuntu aravuga ati, "Ntacyo, kubera iki usohokana na bariya bantu,b'Abanyabutatu, aba hose, bariya, n'abandi, Abanyabumwe, n'ab'Izina rya Yesugusa, n'ibi bintu bindi hanze hariya. Kubera iki wivanga nabo uko?" Ni abanjye.Icyo bakora cyose. Ni abanjye. Bo n'igicaniro cyanjye.

Igihe Isiraheri yakoze ibibi, kugeza Imana ibwiye Mosengo "Itandukanye nabo; Nzatangira ubundi—ubundi bwoko bushya hamwe na we," Mose yinagamunzira ubwe;aravuga ati, "Mbere y'uko Ubatwara, ubanze Untware."

Icyo baba bakoze cyose, abo nibo natumweho. YoherejeUmucyo, atari kurabagiranira ahantu hari Umucyo, ahubwo ahantu hari umwijima; aho niho hakwiriye Umucyo. Kandi ugomba kujyanan'abantu;ugomba guhagararana nabo uko byaba biri kose. Ufite…

147 .Mu bibi byabo… Israheli yarimu makosa nkuko amakosa ashobora kuba. Bari mu makosa, kugeza ubwo Imanaibaretse, ariko Mose… Igihe cyose nahoraga nibaza uko biriya byagendaga, arikowari Umwuka wa Kristo muri Mose. Murabona. Murabona, twese turi abanyamakosa.Ahagaze mu mwanya wacu twese, igihe twari mu bibi byacu.

Uko baba bari mu makosa kose, reka twe kwitandukanyanabo cyangwa tureke gufatanya nabo ubwacu n'ibindi bintu. Mu gihe cyosedushobora guhindura ubugingo bumwe, reka dukomezanye na bo "mugira ubwengenk'inzoka, mutagira amahugu nk'inuma " (Murabona?), kandi tugerageza guhinduraburi bugingo uko dushoboye.

148 .Noneho, ibi n'iki, ibyondimo mbabwira muri iki gitondo n'uguhunika Ibyo kurya, guhunika Ibyo kurya,bityo kugira ngo ubashe kugira ikintu cyo kurya, ndetse kugira ngo mubashekubona ikintu cyo gukoresha umunsi mukuru. Mubifata ku makasete yanyu; mwicare mu cyuma gituje. Ahari igihe nagiye aho kure,muzahora mwibuka ibi bintu ko ari ukuri. Mwicare mu cyumba cyanyu maze mwumve.Murabona? Kandi ibi n'Ibyo kurya, kandi tubihunika mu nzu y'ububiko. Ntabwo nziaho urugendo ruri, ariko aho rwaba ruri hose, Azi aho azanyobora; Ntabwo mbizi. Ndakurikira.

149 .Noneho, n'iki yavuze hanononeho? Mwumve neza.

Ibisigaye, benedata, mukomerere mu Mwami, ndetse no mumbaraga z'ubushobozi bwe bwinshi. ( Mukomerere mumbaraga Ze nyinshi. )

Mwambare intwaro zose z'Imana, kugira ngo mubasheguhagarara mudatsinzwe n'uburiganya bwa satani.

Kuko tudakiranan'abafite umubiri n'amaraso… (ngo turasane amasasu ndetse duterane ibyumba…

Murabona, ibyo sibyo.)…Ahubwo dukiranaabatware, n'abakomeye, n'abategeka b'iyi…si y'umwijima,…

( abategeka umwijima)…

150 .Ni bande bategeka iyi si? Satani. Niukuri. N'inde nyiri ibi bintu byose biba, ibi bintu byose byo kutubaha Imanabirimo kuba aha hose, ndetse n'izi za guvernoma, ndetse n'ibindi? Byose nisatani; Bibiliya niko yavuze. Satani ategeka Leta Zunze Ubumwe; Satani ategekaUbudage; Satani atageka ibihugu byose byo kw'isi. (Ndaza kubizaho mu minotamike.) Kandi tuzabona niba yarabikoze cyangwa atarabikoze, niba buri bwamibwahozeho n'ubundi buzabaho, kugeza—Imana ishyizeho Ubwami Bwayo, ubu bugenzuwena satani. Ntabwo nshatse kuvuga ko buri muntu wese muri bwo ari satani noneho.Harimo abantu b'Imana mu—mu biro bya Leta.

151 .Hariugiye kuba hano mu majoro make, aha nyine, azerekana film hano hamwe na MweneData

Arganbrighthano hantu. Yabaye uhagarariye igihugu ku ba perezida nk'abatanu batandukanye,Mwene Data Rowe, ndetse yari… (Azaba hano, ndatekereza ko ari icyumweru cya kabirimuri mata. Mwene Data Neville azabitangaza.) Kandi ni umuntu mwiza cyane.

Yaravuzengo ashobora kuvuga indimi umunani zitandukanye (ndibwira), ariko igiheyakiriye Umwuka Wera, nta rurimi yari afite rwo kuvugana n'Umwami; bityo Umwamiyamuhaye rumwe, aravuga ati, uko niko ashobora kuvugana na We akoreshejeurwo—yamuhaye urwo atigeze yitoza. Niko biri.

... n'imyukamibi y'ahantu ho mu ijuru.

Nukorero… (Noneho, mwumve, mwe basirikare mwese mwe, mbere y'uko dutangira umurongow'amasengesho.)... Mutware intwaro … (zose)… zose… (atari igice cyazo)...z'Imana, kugira ngo mubashe gukomera ku munsi mubi,... (icyo nicyo gihe turimokubamo)... kandi murangije byose mubashe guhagarara mudatsinzwe. (Muhagarare.Amena. murumva ibyo? Urabona, mukundwa, igihe umaze gukora ibyo ushobora gukorango uhagarare, noneho hagarara, ntuhave.)

Muhagararemushikamye… (Mwumve ibi, mwumve hano icyo ibi biricyo)… mushikamye… (icyo nicyogice cyo hagati hano. Murabona?)... mukenyeye ukuri,… (Ukuri n'iki? Ijambory'Imana. Uko niko biri. "Ijambo Ryawe ni Ukuri." Niko biri.)... mwambayegukiranuka nk'icyuma gikingira igituza;... (Ibyo ni, uko ibyo bitunganye— ugireIjambo ry'Imana muri wowe, ukore ibitunganye.)...gukiranuka nk'icyuma gikingiraigituza;Mukwese inkweto, ari zo butumwa bwiza bw'amahoro bubiteguza, (Mujye ahoari ho hose, ahantu

hose, igihe cyose: ibirenge byanyu byambaye UbutumwaBwiza. Murabona? Noneho murebe.) kandi ikigeretse kuri byose… (hejuru y'ibibyose)... mutware kwizera nk'ingabo,… (uko niko kuzimya

imyambi.)... Kwizerank'ingabo,ari ko muzashoboza kuzimisha imyambi ya wa mubi yose yaka umuriro.

Mwakire agakiza kabe ingofero,… (Ubwo ni ubugingo,ibitekerezo—ibitekerezo birimo hano—umutwe—bitwikira umutwe.)… mwakiren'—n'inkota y'Umwuka ari yo Jambo ry'Imana,

152 .Ni gute mugiye gukoresha iyi ngofero, ese ikora iki? Niukurengera. Ingofero iba ikoze mu ki? Umuringa. Ntabwo ushobora kuyenga:urakomeye, ukomeye kurusha icyuma. Umuringa nk'igice cy'umutwe—iki? Agakiza,ubumenyi bwo kumenya ibi: "Uko ni ugukira kuvuye ku Mana; agakiza kanjyegaturuka ku Mana; umwuka wanjye ugahura n'Ijambo Ryayo," atari ibitekerezoby'itorero, Ijambo. Amena. Ngaho aho muri. Mutwikiriwe n'ikibarinda. Ingoferoy'agakiza, kubohorwa, mutware ibyo; noneho mutambuke mujya imbere. Oh, noneho. Noneho,ibyo nibyo basabwa gukora.

153 .Ingabo za Satani, noneho murebe.(Noneho, twe—nkwiriye kwihuta cyane, ariko Njye—nkwiriye kwinjira muri ibi)Ingabo za satani zizana ibyorezo. Icyo nicyo Satani ari cyo; ni uwangiza.Satani—ubwami bwa Satani bwose ni uburwayi, urupfu, n'agahinda, no kubuzwaamahoro, n'amaganya, byose kuri Satani. Imana ni Ubuzima, kwizera, umunezero,amahoro, hano hakurya. Murabona?

Noneho,izo nizo mbaraga ebyiri zikomeye ziza hamwe ubu. Zirimo zirwana. Zirimozirarwana; zirimo zirarwana hano aka kanya muri iyi nzu. Zirwana nawe umunsi kumunsi. Buri mbaraga yose, ni Satani ugukurikirana, icyo kintu kinini gikomeye,byacyami, ubutambyi bwa Goliyati agerageza gutera ubwoba igifu cyawe, abaari... Kubw'Imana, murakomejwe (Amena.) hamwe n'Ubutumwa Bwiza, hamwe n'Ijambory'Ukuri rizengurutse urukenyerero. Ishimwe. Mubwiriza, uko niko biri: ingoferoy'agakiza, ingabo yo kwizera, ndetse n'Intwaro urabagirana mu ntoki zawe."Satani, nje guhura nawe. Unteye mw'izina ry'ubushakashatsi; unteye mw'izinary—ry'umuco; unteye mw'izina ry'idini; unteye mw'izina ry'ibi, biriya cyangwaibindi; ariko nguteye mw'Izina ry'Umwami Imana ya Isiraheri. Ndagukurikirana.Va mu nzira." Habe n'urupfu ubwarwo ntirwahagarara aho. Cukura umwobo muri byo.Uko niko biri.

154 .Ingabo za Satani zizana indwara, kandiingabo z'Imana zahawe akazi ko kuzirukana. Amena. Ngaho aho muri. Igihe cyoseSatani ajugunye ikintu—kuri mwe, ingabo z'Imana ziri aho kugira ngo zigitehanze. Amena. Mubite hanze, ayo niyo mayeri Imana yakoresheje. Sataniyakoresheje ingabo zo gusenya mu kutizera Ijambo ry'Imana, kugira ngoyiyubakire ubwami bwiza kurusha ubwo Mikayeri yari afite, kandi

Imana imutahanze

Uburyobw'Imana ni uguta hanze ikibi, ugata hanze gutekereza, ugata hanze ubukonikoni,ugata hanze gucika intege, ugata hanze uburwayi, ugata hanze ibyaha. Amena. Urihejuru yabyo, warazutse muri Kristo Yesu wicaye ahantu ho mw'ijuru hamwe naburi dayimoni munsi y'ibirenge byawe. Igihe atangiye kwinjiza umutwe we aho,n'iki...

155 .Murazi, mwarapfuye, ubuzima bwanyuburahishwe. Gupfa n'iki? Urapfuye ku myumvire yawe; urapfuye ku mutimanama wawe(ubushake bwawe bw'ubumuntu bushobora kuvuga buti, "Yego ndakeka Njye..."),warapfuye ku mitekerereze, warapfuye kuri ibyo bintu byose, kandi warashyinguwemw'Izina rya Yesu Kristo maze uzukana na We. Kandi aho Ari hose, aho niho naweuri.

N'ikicyabaye igihe bo—umwe muri abo bashidikanya yageze mw'ijuru? Imana yamutayehanze. Kandi n'iki yabwiye abasirikare bazutse muri Kristo? Igihe sataniabajeho mu mute hanze. Mumute hanze.

156 IgiheYesu yatoje ingabo Ze maze akazituma kugera ku mpera y'isi: "Mujye mu mahangayose, mubwirize Ubutumwa Bwiza kuri buri kiremwa. Uwo uzizera kandi akabatizwaazakizwa; uwo uzizera ntago azacirwaho iteka. Kandi ibi bimenyetso bizaherekezaabizera, Ingabo zanjye; mw'Izina Ryanjye zizirukana abadayimoni; zivuge mundimi nshya; bafate inzoka; cyangwa nibanywa ikintu cyica, ntacyo kizabatwara;nibarambika ibiganza ku barwayi bazakira."

Mukomeze imbere, ngabo z'abakristo,

Mutambuke nko kurugamba,

Hamwe n'umusaraba wa Yesu

Utambuke mbere…

"Nabambanywe na We; ariko nubwo bimeze bityo ndiho; atari njye uriho, ahubwo We uriho muri njye." Ijamboniryo ribanza, Imana irimo ikebesha iyo nkota yayo ikebera amugi yombi…?...

157 .Ntibitangaje, igihe Grant yafasheRichmond, nuko uwo mugore muto wo mumajyepfo yabonye Grant arimo yinjira,gusigwa kuramufata maze aravuga ati:

Amaso yanjye abonye icyubahiro cyo kuza k'Umwami;

Arimo yenga mu rwina aho iyo mizabibu y'umujinya ibitse Yarekuye iyomirasire yo gukiranuka hamwe n'iyo nkota iteye ubwoba kandi ibangutse; Ingabo ze zirimo gutambuka. Amena.

158 .Ni gute Grant yafasheRichmond? Yarayiteye. Amena. Uko niko yafashe Richmond. Uko niko Ingabo z'Imanazafashe icyaha, uburwayi: zarabuteye. Amena. Uko niko zanesheje gushidikanyakwabo n'ubwoba, ndetse n'ibintu. Igihe umwe yahagurutse, bamukubise hasi,bamutegeka kuva mu nzira. Oh, mbega. Uko niko biri.

Imana yabitaye hanze, nkuko yabikoze mw'ijuru. Umugabaw'ingabo wacu Mukuru Ukomeye yatweretse uko bikorwa.

159 Roy Roberson, Mwene Data Funk, benshi muri mwe bahozemu gisirikare hano, muzi nyakuri icyo umugaba ari cyo.

Igihe kimwe nari mw'ishami rizimya umuriro muriJeffersonville hano hepfo… Kwa Pfau hafatwa n'umuriro, kandi hano hari iryoshami rizimya umuriro rya Jeffersonville bahagaze aho, maze umukuru azengurukahose aravuga ati, "Mumene amazi make hano"[Mwene Data Branham yigana uko amaziavuga iyo bayapiriza asohoka ahantu hato—Ed.]—kimwe n'ako kantu gatokanyanyagiza amazi mu busitani aho hanze. Hano haza Clarksville aho harugu,"Apiriza amazi make hano."[Mwene Data Branham yigana uko amazi avuga iyobayapiriza asohoka ahantu hato—Ed.]Inzu ya Pfau irashya.

160 .Bahamagara Louisville; hano haza abantu batojwe. Oh, mbega ukuntu za kizunguzunguzasakuzaga aho hakurya. Maze aho uwo mukuru wabo wa hano w'aba bazimya umuriroaravuga ati, "mupirize amazi make hano haruguru; mupirize amazi make hanohepfo": umuntu utaratojwe. Mwene Data, ako kanya igihe icyo kimashinicyahagaze, ni nde wari ku mutwe w'urwego? Uwo mukuru. Igihe urwo rwego rwariruzamuwe, yazamukanye na rwo. Igihe rufashe kw'idirishya (ntiyari kubashakwinjira mw'idirishya ubwo), afata ishoka ye, ayikubita mw'idirishya. Mazearavuga ati, "Muze, basore" Umuriro wari umaze kuzima mu kanya gato. Umukuru.Ntabwo yari wa mukuru uvuga ati, "Mupirize amazi make hano; mugerageze andimake hariya," ariko,"Muze, basore." Amena. Yatweretse inzira; yatweretse ukobikorwa.

Naratekerejenti, "Iri n'ishami ryo kuzimya umuriro ryatojwe neza, bari bamaze kuzimya uwomuriro mu minota mike." Kubera iki? Bari bafite umukuru aho uzi ibyo arimoakora.

161 .Mwene Data, vuga ibyo byose bijyanye natewolojiya ushaka, ibyo bihimbano by'amadini, ayo

mashyirahamwe. Mukine na byo.Mfite Umugaba mukuru yambwiye uko bikorwa.

Muravugamuti, "Ntacyo, nshobora kubihumeka, nkabyiyumvayumva..."

Ohubupfu. Hano hari uko Umugaba Mukuru yavuze bikorwa muri Luka ibice 4. ntabwomfite igihe ngo nsome; muhasome ubwanyu igihe… Luka ibice 4 mutangirire kumurongo wa mbere. Ntabwo yigeze avuga ati, "Noneho, ndakubwiye. Ujye harihakurya, cyangwa uko idini rikomeye; ushake umukuru ku rwego rw'akarere,cyangwa umudiyakoni, ndetse— cyangwa ushake Karidinari na aba Bishop kandiushake ibi." Ntabwo yigeze avuga ibyo.

IgiheSatani yahuye na We, aravuga ati, "Noneho, urasonje; hindura aya mabuyeimigati."

Aravugaati, "Haranditswe." Amena.

Aravugaati, "Haruguru hano, turakuzamura hano maze tukwereke ikintu."

"Ariko haranditswe ngo."

"Nzakora ibi niba ukoze..." "Haranditswe ngo."

162 .Uko niko uwo Mugaba w'ingaboukomeye yavuze ko bigomba gukorwa. Nigute bikorwa, mushiki wacu? Haranditswengo: "Nimurambika ibiganza ku barwayi bazakira." Haranditswe ngo: "Mw'IzinaRyanjye bazirukana abadayimoni." Amena. Ibyo n'ibiki? Haranditswe. Ayo niamategeko y'umugaba. Haranditswe ngo: "Uwumva amagambo Yanjye kandi akizerauwantumye afite Ubugingo Buhoraho." Haranditswe; haranditswe; haranditswe; ayo ni—ayo ni amategeko; abo ni abasirikare; ubwo nibwo buryo; ibyo nibyo bitwaro bya kirimbuzi tuzamura.

163 .N'iki yakoze? Yazamutse ahoharuguru kuri Goliyati. Yaratweretse. Ni gute Dawidi yeretse ingabo ukobikorwa? Ni gute Dawidi yeretse Isiraheri uko bikorwa? "Dawidi" bisobanuye"mukundwa, Umukiza." Murabona? Ni gute Dawidi yabikoze? Yaravuze ati, "Hanohari uko bikorwa: kwizera mw'Ijambo ry'Umwami."

Kandi Goliyati yasohotse aho, aravuga ati, "Uraziikintu? Ndaguterura ku ruhembe rw'icumu ryanjye, kandi ndakugaburira inyoni."

Aravuga ati, "Unteye nk'idini; unteye nk'umushakashatsi w'ibigezweho; unteye n'inkota yawe ikomeye nini ndende; unteye n'ikigofero cy'umuringa ndetse n'igicecy'ingabo ntashobora gukura hasi; unteye k'umurwanyi watojwe; unteye na Ph.d, na L.L.D. ndetse niyo ifite L.D.ebyiri; unteyemuri ibi bintu byose; Ariko Njye nje mw'Izina ry'Umwami Imana ya Isiraheri, kandi uyumunsi ndagucaigihanga kive ku ntugu zawe." Amena.

164 .Ako gaheri gato, karimo kazahano kurwanya icyo gihanda, ariko yari azi aho ahagaze. Isiraheli yari ahoinyuma irimo ititira, "Oh, agahungu gato."

Goliyati aravuga ati, "Ndakwereka— n'iki nzakora."maze hano araza.

Yari afite F-a-i-t-h[kwizera—kinya.Ed.] (Murabona?)i-n-J-e-s-u-s[muri Yesu—kiny.Ed], amabuye atanu, amabuye atanu. Ibuye rimwe ryogutangiriraho. Ririmo rizenguruka aho nka gutya, Umwuka Wera afata ibuye n'ahorigiye; mazeGoliyati yikubita hasi. Uko niko bikorwa.

Uko niko Yesu yavuze igihe yavugaga ati, "Noneho, nibamwe benedata mugiye mu murimo, niba mushaka kumenya uburyo bwo kuneshaamadayimoni, ndabereka uko bikorwa."

165 .Satani aravuga ati, "Ndahuranawe (Goliyati);Ndakwereka icyo nshobora gukora. Urashonje; niba uri Umwana w'Imana, ndagusharirije. Uravuga ngouri Umwana w'Imana; Nzagushaririza. Niba uri Umwana w'Imana, hindura aya mabuye mo imigati.Urye, urashonje. Kandi niba uri Umwana w'Imana, ufite imbaraga zo kubikora."

Aravuga ati, "Ariko haranditse:: 'Umuntu ntagoazatungwa n'umugati gusa.'" Oh, uko niko Uwo Mugaba w'Ijambo yabikoze.

Yamujyanye ku gasongero k'urusengero; maze aravuga ati, "nuramuka usimbutse ubwawe,"aravuga ati, "urazi, haranditswe nanone..."

Aravuga ati, "Yego." ati, "haranditswe: 'NtuzageragezeUmwami Imana yawe.'" Murabona icyo Yiyise We Ubwe? Umwami Imana yawe. Murabona?Yego. "Uzagerageza Umwami Imana yawe." Handitswe gutyo nanone. Murabona

166 .Oh, mbega. N'iki Yakoze?Yamutsindishije Ijambo ry'Imana. Amayeri ya satani ni kugutera kutizera Ijambory'Imana, kandi Umugaba w'ingabo Mukuru yaravuze ati fata Ijambo ry'Imana mazeubikore. "Mw'Izina Ryanjye bazirukana abadayimoni."

167 .Oh. Satani, uwo mugaba mukuru wabo, oh, yego, murazi,amwe muri aya madini agerageza gutuma wizera ko afite ibinono, murazi, ndetsen'umurizo ufite ubusembwa, ndetse n'ibyo bintu byose. Ntimukabyizere. Huh-uh.Siko ameze. Oya, mugabo, Mwene Data; ni umuntu ujijutse. Ntukizere ko afite ibyo. Bakoraibyo kugira ngo bagutere ubwoba; uwo si we satani. Satani ntago afite ibinono guherambere. Ndabishidikanya cyane. We ni—ni umwuka; satani ni umwuka. Ntabwo afite ibinono n'ibintu nkukobagerageza kumushushanya. Oya, oya. Ahubwo ni umuhanga. Mwene Data, ni umuntuw'umunyabwenge, umuntu wize cyane (igihe cyose niko yahoze) mu bwenge bw'isi.Oh, yego. Ni umunyaburanga. Yegeranyije ingabo ze hamwe n'ubwenge bw'isi. Byababyiza umenye neza ibyo urimo kuvuga igihe uhuye ni umwe muri aba bantu bavugabati, "Iminsi y'ibitangaza yararangiye."

168 .Noneho,ntabwo afite—afite ibinono. We ni—oh,we—we ni uturutse muri seminari; Arasobanutse, Mwene Data; ndavuga ko yize cyane: Ph.D., L.L.D., Q.U.S.D.,ndetse n'ibyo byose bisigaye. Murabona?

Aba bose hariya baba barizekuburyo bashoboye bwose. Umunyabwenge? Nyakuri niko ari, inzoka, "aracengerabikomeye" muri bose. Umusatsi usokoje umanuye, Mwene Data, ndavuga ko yambayekandi nta mikanyari mw'ikote, azi ubwenge, azi ubwenge ndetse arasobanutsenkuko ashobora kuba. Uko niko biri. Ntukagerageze guhangana nawe keretse nibauzi neza ibyo urimo kuvuga. Uko niko biri. Oh, ariko tuzi ayo—ayo makosa ye yakera. Tuzi ibyo arimo kugerageza gukora: kudutera kutizera Ijambo ry'Imana.Kandi ntabwo afite ibinono. Oya, oya. Oya.

Noneho, tubona ko niba atari umuntu ufite ibinono,noneho agomba kuba ari ikintu runaka. N'umuntu usobanutse; ni ubwenge, wize, wishyize hamwe. Mwene Data, afiteingabo ze bityo…

169 .Raba. Igihe kimwe aho muBusuwisi (sinashobora kubona ahantu nahagarikira, nshuti) aho—aho hakurya muBusuwisi, aho haza izo ngabo z'abadage—abanyamahanga barinjira. Kubera iki,byasaga nk'urukuta rw'amatafari, buri muntu yaratojwe, buri cumu risohowe hanzenka gutya, nko mu metero ebyiri n'igice cyangwa eshatu imbere. Kandi barazamukakuri ako gahugu k'ubusuwisi haruguru aho. N'iki bari bafite? Bari bitwajeintwaro—hamwe n'imihoro ityaye, inkoni, n'amabuye. Kandi bo bari bahagaze aho; barabashyigikira. Aho hakurya ku musozi hari ingozabo. Hano ingabo z'Abasuwisi zirasohoka zijya guhura nabo. Ntacyo baribabakoreye. Baraje gusa batwara ubutaka bwabo.

170 .N'iki muri iyi si uyu mwanayakoze, umwana gusa? Satani, uwo niwe ushaka gutwara ubuzima bwe iyoabishobora. Ni ukuri. Aho hari kuba ari mbere y'igihe.

Murabona? Ubusuwisi nta kintu bwakoze. Bari abantubeza; barimobagerageza kurengera ingo zabo, ariko bahagaze aho hanze ngo barwane. Nyumay'aho hari umwe ufite izina ry'Arnold Von Winkelried.

Hano haza izi ngabo; bose bari bagoswe. Baravuga bati, "N'iki twakora?"Ahantu hose, nk'inyanja y'abantu, batojwe. Uko niko Satani abikora. Batojweneza, amacumu yabo ashinze, umuntu wese atera intambwe, rimwe-kabiri,rimwe-kabiri, zirimo zerekeza kuri izo ngabo nto. Gusa—Bakomeza kugenda gusa,ibyo nibyo bari bafite gukora kandi bafata ibyo, buri wese, inkota ye, amacumu,bagenda berekeje kuri bo. Iryo ryari iherezo ry'ingabo z'Ubusuwisi; ibyo byari kuba bose.

171 .Aho hejuru ku musozi hariingo zabo nabo bakunda. Kandi abagore bagahatwa kuryamana, no kubafata kungufu,kandi abakobwa babo bato n'abana bakicwa n'amazu agatwikwa, ndetse na burikintu, ibyo kurya byatwawe, amashyo n'ibindi byagiye. Aho niho bari bari. N'ikicyabaye?

Gusigwa kuza kuri umwe witwa Arnold von Winkelried.Aravuga ati, "Bagabo b'Ubusuwisi, uyu munsi ngiye gupfira Ubusuwisi" Amena."Uyu munsi ndapfira Ubusuwisi."

Baravuga bati, "N'iki uri bukore?"

Aravuga ati, "Munkurikire kandi murwanishe ibyo mufitebyose." Ahagarara aho haruguru, ajugunya hasi icumu rye (iyo nkoni yari afitemu biganza nka gutyo); maze asakuza cyane n'ibiganza bye hejuru, nka gutya, kandi agendaabasanga, avuza induru ati, "Muduhe inzira y'umudendezo." Yiruka uko ashoboyeagenda yerekeye ingabo; kandi igihe abikoze, afata buri ryose mu macumu ayo yashoboraga mazeayaterera mu gituza cye nka gutya, nuko arapfa.

172 .Yabibabwiye mbere y'ibyo,aravuga ati, "Hari urugo ruto hakurya hariya, umugore, n'abana bamwe." Aravugaati, "ngiye gusiga inzu nto nari naraguze." kandi aravuga ati,"Njye—ndabakunda, ariko uyu munsi ndapfira Ubusuwisi." Aratanga mbega—aravugaati, "Ntanze ubuzima bwanjye ngo ncungure igihugu." Kandi uwo yari intwariibyo... Ntabwo bongeye kugira intambara guhera ubwo; ibyo—ibyo byarayirangije. ibyo byatsinze izo ngabo,hamwe n'ubwo butwari bwagaragajwe, kugeza ubwo nta — izo —izo -izo ngabo zabozahise zita umutwe, Ubusuwisi bubamanuriraho amabuye, kandi barabirukana mugihugu; ntabwobigeze bagaruka kuva ubwo. Ibyo byabaye mu myaka amajana yashize. Murabona?Kubera iki?

173 .Icyo cyari igikorwagikomeye, ariko , oh, Mwene Data, umunsi umwe igihe kutamenya, ubukonikoni,gushidikanya, kubuzwa amahoro, n'ubwoba byatumye abantu b'Imana bihisha ahomunguni, hari Umwe witwa Yesu Kristo aravuga ati, "Uyu munsi ndapfira abantu."Uko ni ukuri.

N'iki yabwiye ingabo Ze? "Munkurikire kandi murwanisheburi kintu cyose mufite. Niba ufite ubuhiri, urwanishe ubuhiri; ntugire ubwoba. Niba ufite inkoni, urwanishe inkoni.Niba ufite ibuye, urwanishe ibuye, icyo ufite cyose." Icyo nicyo Umugabaw'ingabo wacu Mukuru avuga uyu munsi. "Nafashe Ijambo ry'Imana, kandi Natsinzesatani mu mbaraga ze." Yaramuvunaguye (Amena.) hamwe n'iryo Jambo.

Noneho, icyo ufite cyose, niba ufite Ijambo rimwe,"Umwami Imana yawe, niyo igukiza." Mukubite. Kurikira…?... (Amena.), ukurikireUmugaba wacu. Yego, mugabo, Yaramuvunaguye.

174 .Satani hamwe n'ubwo bwamibwe bwiza, ndetse bwiza cyane, na buri kintu, byose bigezweho ntacyo bifitegukorana natwe. Uko niko biri. Aracyari inyaryenge kurusha izindi nyamaswa zosemw'ishyamba. Yego, mugabo. Yesu yaravuze ati abana b'isi bari abanyabwengekurusha abana b'Ubwami bw'Imana.

Noneho, izi ntambara ebyiri zikomeye (tugiye… mfite—ngombaguhagarika), izi ntambara ebyiri zikomeye zigomba kubaho ubu nyine. Ubu nyineniyo saha igihe uburwayi n'ibintu byateye isi, kugeza ubushakashatsi bwa kivuzibwananiwe, kandi buri kintu cyose cyananiwe; nta kintu kiri hano... kandi twe gusa... Ndetsen'ingabo, izo ngabo nto z'Imana ziri aho zihishe mu nguni na buri kintu. MweneData, ni igihe cy'undi Arnold von Winkelried.

175 .N'igihe, igihe cy'undi muntu w'Imana guhaguruka; n'igihe cy'uwo Eliya guhinguka. N'igihe cyo kugirango hagire ikintu kiba; ingabo z'Imana, mufunge ibitekerezo byanyu; ntimuhagarare n'umunota umwe wo gutekereza ku kintucyose satani afite kubahereza binyuze mu bitekerezo byanyu. Ariko mwibuke,Ijambo ry'Imana ntirishobora kuneshwa. Izi ngabo ebyiri zikomeye...

Igihe umwanzi yaje nk'umuvu, nkuko aza uyu munsi,n'iki Imana yavuze izakora? Umwuka w'Imana uzahaguruka kandi umurwanye. Ese uriumwe wo muri bo? Yego, mugabo.

176 .Twigishijwe muri Yakobo 4:7 (Ntabwo mfite igihe cyokubisoma), Yakobo 4:7, kurwanya satani, kandi ntabwo azasohoka gusa, ahubwoazahunga. Murwanye satani. Ni gute murwanya satani? Mu buryo bumwe n'ubwoUmugaba w'ingabo wacu Mukuru yatubwiye tugomba gukora. Fata Ijambo ry'Imana; uko niko murwanya satani mukoresha Ijambo ry'Imana.Umugaba w'ingabo Ukomeye yatubwiye uko bikorwa.

Niko biri.

177 .Noneho, mukurangiza,ndashaka kuvuga ibi: uwo satani wa kera, ubu mutekereza ko aza ku mugaragaro; mutekereza ko azatera uyu mwana? Azatera buri kintucyose; yateyeYesu Kristo. Yamuteye afite izo ngamba eshatu zo mu butayu. Ese mwamenye ibyo?Satani ntabwo yateye rimwe gusa. Azagutera akoresheje indwara, hanyumaazagaruka maze agutere nuko avuge ati, "Iminsi y'ibitangaza yararangiye. Ntabwowakira indwara;nta kintu kiri kuri byo." Urazi uko niko biri?

Yateye Yesu inshuro eshatu. Yagabye urugamba gatatu mubutayu kuri Yesu rwo kutizera Ijambo ry'Imana. Yesu yari Ijambo. Nyakuri,ntabwo yigeze aryizera. "Niba ari wowe. Niba ari wowe." Hano araza, ingamba zomu butayu, nkuko rimwe na rimwe umwanzi abikora. Hano araza, akavuga ati, "Nibauri umwana w'Imana, nyereka igitangaza; reka mbirebe bikozwe." Mwene Data, ingamba eshatuyinjiriyemo, "Niba wowe—niba ari wowe."

178 .Noneho, N'iki Yesu yakoze? Yesu yari Ijambo ry'Imana; Yari Ijambo. Yateye Ijambo. Icyubahiro. Njye —njye—ndimo ndumva ngubwa neza kugira ngo mbwirize, nyakuri niko ndi. Murabona?Yesu ni Ijambo.

Mw'itangiriro yari Ijambo,kandi Ijambo ryari kumwe n'Imana, kandi Ijambo ryari Imana. Nuko Ijambo ritura—rihinduka umubiri maze ritura... Yesu yari Ijambo. N'iki yakoze?Yaramuvunaguye. Oh, mbega. (Ngiye kugenda.) N'iki Yesu yakoze? Yari Ijambo,hamwe n'Ijambo yacagaguye Satani muri ibyo bitero bye byo mu butayu. Yinjiyeaho ameze nk'itsinda ry'abasirikare barwanira mu kirere cyangwa ikindi kintunk'icyo, binjira aho kuri Yesu, Ijambo, nka gutyo, maze Yesu afata iryo Jambonuko amucamo uduce. Halleluya. Nyakuri, amucamo uduce, amutsindisha Ijambo.

179 .Murabona ibitero vyiwe? Mwitegereze. Mwumve neza ubwo ndimo gusoza. Igitero cye n'iki? Kutizera Ijambory'Imana;icyo nicyo gitero cye. Aho, ushobora kubona intambara ikomeye kuruta izindizigeze zirwanwa? Hari imbaraga ebyiri gusa: Satani n'Imana. Kandi intwaro zaSatani zikurwanya n'izihe? Ni ukugutera kutizera Intwaro yawe. Akwamburaintwaro. Reka—Reka twumve neza noneho, mwumve.

Niba yashobora kugutera kutizera, Intwaro yawe ibaicishijwe bugufi;iyo abashije gutuma wizera ko Intwaro yawe idakomeye bihagije, agukurahointwaro. Oh, Mwene Data Neville, ndibwira ko utazigera na rimwe utizera ibyo.Reba. Agukuraho intwaro, igihe aguteye kutizera izo Ntwaro. Igihe urambitse Izohasi, ibyo birangiza urugamba rwawe; uba urangiye. Komeza iyo Ntwaro; ntuyirambike hasi. Tubona ko ari ukutizera. Reka...Ikindi kintu kirenzeho nshaka kuvuga aka kanya mu munota umwe.

180 .Mu Burusiya… Ndashaka kuvugaibi kunyungu z'abahoze mu gisirikare, ndetse n'abandi hano, kandi mwebwebanyeshuri biga Bibiliya. N'ibiki mwirirwa musakuza murwana nabyo kubyerekeyeUburusiya?

Ntimuzanyumva mbabwira kubaka aho kwihisha ibisasu bya kirimbuzi,ese sibyo? N'ibiki murwana nabyo ku Burusiya? Uburusiya ntacyo buricyo; nta ntambara buzatsinda; ntabwo buzigera bufata isi. Communism ntabwo izigeraifata isi. N'ikihe kibazo ku bantu? Ese Ijambo ry'Imana rishobora gutsindwa?

Mwumve, biri ku makasete noneho. Ndabwira Isi cyangwaaho aya makasete azajya hose. Ndetse no kuri mwe bantu bari hano, ikizaba cyosekuri njye, muzizere ibi. Uburusiya, communism nta kintu na kimwe izigerainesha. Ijambo ry'Imana ntirishobora kuneshwa. Romanism izanesha isi.

181 .Reka dufate iyerekwa rya Daniel; iryo ni Ijambo ry'Imana. "Mwe, oh Daniel— oh mwe, ohMwami

Nebuchadnezzar ni we mutwew'izahabu: Babylon. Ubundi bwami buzagusimbura, aribwo muringa (Murabona?),aribwo Abamede n'Abaperesi." Ubundi bwari Ubugereki, Alexander le Grand; hagakurikiraho Roma. Kandi aha nta kintu cyavuzwekijyanye na communism. Roma izanesha isi.

Yesu Kristo yavutse ku ngoma y'Abaroma kandiararenganywa, ubwa mbere Aza hano kubw'ingoma y'Abaroma. Kandi ku kuza Kwe kwakabiri aza ubu, ubutumwa Bwe burenganywa n'idini y'Abaroma, ariryo nyina w'abobose. Kandi igihe agarutse, Azagaruka gukuraho iyo ngoma y'Abaroma, uwoAbayahudi bari bategereje kugira ngo aze maze amareho Ubwami bw'Abaroma.Ubutware bwa Gaturika hamwe n'amadini yose mw'isi, ubu noneho agiye hamwenk'ishyirahamwe, ishyirahamwe ry'amadini bishyira hamwe ubwabo. Ntabwo ariUburusiya, ni Roma. UKO NI K'UHORAHO AGIZE.

182 .Nyereka Icyanditswe ahocommunism cyangwa ikindi kintu kitari Roma kizategeka. Ese Abamede n'Abaperesibasimbuye Nebuchadnezzar? Nibyo. Ese Ubugereki bwarabasimbuye? Yego. Ese Romayarabafashe kuva icyo gihe? Ese yagabanyitsemo imbaraga icumi za Ottoman nkukotubifite ubu? Ese "Eisenhower," aribyo bisobanuye "Icyuma" "Khrushchev"bisobanuye "ibumba" ese bagize inama yabo aha nyine maze Khrushchev akuramourukweto rwe mu kubigaragaza, ikintu kigaragaye, arukubita ku meza nkagutya[Mweneata Branham akubise ku gicaniro mu kubyerekana—Ed.] Mu kwerekaabantu? Ntacyo, ikibazo cy'abantu uyu munsi n'iki?

183 .Ese kwizera kugomba kubahe?Kubera iki—Ese ntimwizera ko Ijambo ry'Imana ari Ukuri? Kandi uko niukuvuga…?...hano. Ikibazo cy'ababwiriza n'ikihe uyu munsi? Communism, burimubwiriza hano agerageza kurwanya communism. Communism ntacyo iricyo, ibintu,satani arimo azunguza imbere y'amazuru yanyu kandi ntago mubizi. Ni Roma,amadini, kandi Roma ni nyina w'amadini. Bibiliya yavuze ko yari nyina wa bamaraya kandi abakobwa be bari abamaraya ku Mana, barwanya Ijambo Ryayo.Basirikare, mufate Ijambo;...?... mugumane n'Ijambo.

Umunsi umwe nzapfa, ariko iri Jambo ntiryapfa. Kandimwe bantu bakiri bato, nibitaba muri iki gihe cyanjye, muzabibona. Hari icyokintu.

184 .Ese mwumvise amakuru muriiki gitondo, Umugore wa Kennedy agiye kureba papa, kandi n'iki papa yavuze?Amayobokamana yose y'isi… Oh. Ntacyo, ahari tubona ibindi biruseho Kucyumwerugitaha.

185 .Murabona? Ntimuterwe ubwoban'ibijyanye n'Uburusiya. Uburusiya n'agacanga gato ku cyambu. Ntimuterwe ubwobana communism;mwe mwitegereze Romanism, igihe irimo kwiyunga n'amatorero. Nta kintucyanditswe mu Byanditswe kubijyanye na communism ku gutegeka isi. Kandindajyana n'Ijambo, ntitaye kukuntu ibindi bintu birimo kugenda; Iryo n'Ijambo ryo nizera.

Ni Romanism ifata isi, kandi Romanism ni nyinaw'amashyirahamwe. Ntago higeze habaho amadini kugeza kuri Roma, kandi buriryose ryasohotse muri yo, kandi niko Bibiliya yavuze. Yari nyina wa bamaraya.(Nshobora kongera nkabimaraho igice cy'umunsi, ariko ndatekereza nkwiriyegukomeza imbere.)

186 .Igihe umwanzi aduteye,noneho… "Oh, akababwira, mugomba kuza mukishyira hamwe na twe..." N'iki ugiyegukora? Gusubira inyuma? Kugambana? Ntabwo umusirikare w'ukuri yabikora. Oya,mugabo. N'iki dukora noneho? Ibitekerezo, reka bya bitekerezo byari muriKristo... Ese ibyo nibyo Bibiliya yavuze? Ibitekerezo byari muri Kristo bibe murimwe. N'ibitekerezo bwoko ki Yari afite? Kugumana n'Ijambo. Uko ni ukuri.Mugumane n'Ijambo, Ijambo rya Data, kandi mutsinde umwanzi igihe cyose.

187 .Noneho, igihe umwanzi agabyeigitero kandi akagerageza kuvuga ko ugomba gukora ibi, no gukora biriya, n'iki ugiyegukora? Ugumane n'Ijambo? Ufate Ijambo. Ijambo n'iki? Bibiliya yaravuze hano,twabisomye. Ko Umwuka w'Imana ari Ijambo. Murabona? Murebe hano. "Kandi mufateingofero z'agakiza, ndetse n'Inkota, inkota y'Umwuka—Inkota y'Umwuka." Ni uwuheMwuka uza muri wowe unyuze mu bitekerezo, maze ukinjira muri wowe; kandi Inkota y'uwo Mwuka n'Ijambo ry'Imana. Ese uwoMwuka urwanisha iki? Ese Umwuka Wera urwanisha iki? kwiyumvayumva? Ibyuyumviro?Ijambo. Icyubahiro kibe icy'Imana. Whew. Icyubahiro kibe icy'Imana.

Ese Arwanisha iki? Ijambo ryo gukira indwara. Ijambo.Reka tubivuge, Ijambo. Ijambo. [amateraniro arasubiza, "Ijambo"—Ed.] Ijambory'Imana niryo Umwuka arwanisha.

Umwuka w'Imana arazamuka akajya kuri satani mazeakavuga ati, "Haranditswe" Amena.

"Haranditswe" kandi satani agahita ahunga.

188 .N'iki dukora? Fata Inkota,ariyo Jambo ry'Imana, uyikuruze iki? Ukuboko ko kwizera, ukuboko gukomeye kokwizera, Inkota ikebera amugi yombi. Bibiliya iravuga mu Baheburayo 4, ni—niamugi—yombi y'Inkota, ikata hombi igenda kandi igaruka.

Mwene Data, n'iki akora? Gufata Ijambo… Ufata Umwuka,ureke Umwuka aze mu mutima wawe, ufungure ibitekerezo byawe, uvuge uti, "IjamboRyawe ni Ukuri." (Kandi ukora ibi, mushiki wacu.) "Ijambo Ryawe ni Ukuri.Mwami, ntabwo ngiye kwita ku buryo numva merewe, icyo undi muntu wundi yavuga; ndahagaze; ndimo kuzimya buri yose mu nzira zanjye. Kubuzwaamahoro kose, no gushidikanya, no kutizera ibyo nigeze ngira; buri byiyumviro wigeze ugira; uburwayi bwose nigeze ngira; ikindi kintu cyose nigeze ngira; ndimo ndabizimya byose; ndimo ndabirenga byose kandi nkajya neza mu Mwukawanjye."

189 "Yoo, Mwami, ururuka; Waravuze, Wangize umuntu wigenga mu mahitamo?"

"Uri, umuhungu wanjye"

"Niko biri, nafunguye umutima wanjye n'ibitekerezobyanjye. Winjire, Mwami Yesu"; kandi ufate ukwizera, iyo Nkota y'Umwuka, UKU NIKOUWITEKA AVUGA. Musakuze, Halleluya. Amena. Hanyuma uteme buri mwanzi wese uriimbere yawe. Amena. Ngaho aho biri. Uteme buri mwanzi. Niba ari—wa mwukaudasanzwe ushishana utuma wumva byose... Uce ibyo bintu ubite kure hamwen'Ijambo ry'Umwami. Imbaraga zacu ni, umunezero w'Umwami ni imbaraga zanjye.Jya kure yanjye. Muhondagure maze umukebe n'Ijambo ry'Imana.

190 Vyaba dayimoni; byaba umwanzi; byaba uburwayi; byaba ibyorezo; icyo byabacyo cyose; fata iryo Jambo nuko urikuremo hamwe n'Inkota: kandiniba—nubihonda ubwambere maze ntibise nk'ibigiye, wongere ubihonde, kandiubihonde nanone, ndetse ubihonde nanone. Maze ubihonde kugeza uciyemo umwobomuri byo nkuko inkoko icukura akobo ubwayo aho—cyangwa ikizu, icyo uri cyo.Ucukuremo akobo ubwawe aho nyine muri icyo gishishwa cy'Uburwayi, ushakemoinzira yawe, maze uvuge uti, "Halleluya, ukurikiraho arihe?" Amena.Iyo ni intambara; uwo ni umusirikare. Uwo ni umusirikare w'umusaraba. Yego, mugabo.

191 .Ukubite hasi buri mwanziwese. Kubera iki? Kubera iki? Twe urubyaro rw'ubwami rw'Abraham rwamenywembere… Igihe Abraham yahakanye buri kintu cyose cyarwanyaga Ijambo ry'Imana,yiciriye inzira aho muri buri ngorane yose iza aho imbere ye. Baravuga bati,"Umugore wawe arashaje cyane." Ibyo yarabikase abita hanze y'inzira.

Satani yaravuze ati, "Ntushobora gukora ibi cyangwabiriya."

Abraham yarabikase abikura mu nzira. Yarabihondaguye,ndetse arabihondagura, kugeza ubwo yikuye muri byo. "Ahakurikiyeho nihe,Mwami?"

"Uzane ihema ryawe hano haruguru." Aragenda kandiamwubakira igicaniro aho haruguru.

Ageze aho nuko Satani araza, aravuga ati, "Noneho,ndakubwiye, aha ntago ari ahantu hakwiriye." "Nzaguma hano; mvira mu kibuga." Aravuga ati. Halleluya.

Loti aravuga ati, "Byaba byiza umanutse hano hepfo; dufite ibihe byiza hano hepfo. Twese hano hepfodufite ishyirahamwe. Kubera iki, umugore wanjye ni we ukuriye isosiyete y'umucondetse n'ibindi bintu bindi mu mugi. Ndakubwiye, ugomba kumanuka hano hepfo."

192 Saraaravuga ati, "Abraham..."

"Ceceka, Sara. (Halleluya.) Uhagarare aha. Aha nihoImana yanshyize;aha nyine niho mpagaze. Aha niho Imana yashyize. "

Bose bahamagare imbaraga z'Izina rya Yesu?

Reka abamarayika bose bagwe bubamye; Bazane iryo kamba ry'ubwami, kuri Kristo, we Gitaregikomeye, mpagazeho; Ahandi hantu hose niumucanga utemba, ahandi hantu hose ni umucanga utemba.

Yewen'urupfu ubwarwo, buri kintu cyose n'umucanga utemba. "Kuri Kristo, Rutarerukomeye, niko mpagaze..." Imbuto ya cyami y'Abraham, imbuto ya cyami.

193 .Kubera iki, Mu bwongereza ingabo zemewekurusha izindi ni ingabo z'ubwami bw'Ubwongereza, amaraso ya cyami, buri kintu.Kandi imbuto ya cyami ya Kristo ni itorero ryuzuye Umwuka Wera,buzuye UmwukaWera. Iki? Imbuto ya Cyami kubw'isezerano, atari kubwo kwiyumvayumva, ahubwokubw'isezerano ry'Imana. Bahagarara ku ruhande rw'Ijambo ry'Imana kandi bagacainzira yabo mo aho, basakuza, "Halleluya."

Haben'urupfu ruraza maze rukavuga ruti, “ruje ku kujyana”

Vugauti, “Va munzira, Yorodani, ndimo ndambuka.” Shaka inzira aho herekeza mugihugu cy'isezerano. Amena

194 .N'iki cyabaye? Igihe intambara irangiye(Ndimo ndasoza noneho, nyakuri birahagije), igihe intambara yose irangiye,kandi abera bakaza batambuka bagiye mu rugo… Ndashaka kubabaza ikintu. N'ikicyabaye — n'iki cyabaye igihe Hilter yajyaga hariya mu Bufaransa? Kubera iki, bavuga ko utashoboraga kureba ikirerekubera indege ze zose. Abadage batambuka nk'ibishuhe (Murabona?)bahagaze—barimobamutambutsa bishimira intsinzi.

Igihe Stalin yaje mu Burusiya, ku birometero inyuma,buri kimodoka cy'umutamenwa gikurikiranye gato n'ikindi, arasa Berlin kugezaubwo nta kintu cyasigaye. Ni ibyo gusa. Kandi igihe bagiye n'aba Badage—izingabo z' Abarusiya zishimira intsinzi, binjiranye ibyo, muzi ibyo bintubitangaje bakora. Nabibonye kw'ifoto igihe kimwe muri Londre, uko binjiyemo(ifoto nyayo y'ibyo bintu aho—uko byabaye)— baza mu kwishima. Oh, mbega. Igihetwumvise ko intambara irangiye, twarasakuje, tuvuza amafirimbi. Igihe intwarizagarukaga, twahuye nazo hariya haruguru; barimo basakuza ndetse bavuza akaruru.

195 .Mfite mubyara wanjye, warimoaho, yaravuze ngo igihe yagarukaga, abo bose ba kera—bahoze mu gisirikarebagize ubwoba cyane kuburyo batashoboraga kuva mu buriri; bityo babakururiye hejuru y'inkuge ngo barebe icyoshusho yo kwibohora ihagaze aho. Aravuga ati, “Abo bagabo bakomeye banini,bahagaze aho, bararira kandi bahirima aho, nka gutyo, igihe babonye iyo Shushoyo Kwibohora.” Bari bari kure yo mu rugo mu gihe cy'imyaka ine barwana,intambara ibakozeho ndetse n'ibindi bindi, ariko bari baziko abo bagore, n'abobakundwa, na mama, na papa, n'abana ndetse n'ibyo bakunda byose byari ahoinyuma y'Ishusho yo Kwibohora; ihagarariye icyo barimo barwanira. Oh, amafirimbiaravuzwa, na New York ijya mu rusaku (Ibyo byose.) igihe intwari zabo zarimoziza zitambuka ku karasisi. Icyo kizaba ari akantu gato

196 .Igihe kimwe ubwo Kayizari,nyuma y'urugamba rukomeye, yavuze ati, “ndashaka intwari yanjye ikomeyeyamamaye kugendana nanjye kuri uyu munsi mukuru ukomeye wo kwishima hejuru y'umwanzi.”Kandi buri musirikare mukuru wese atunganya imyenda ye atakaho ayo mapeti,ndetse batukuza ingabo zabo, kandi bakora akarasisi (murabizi, kimwe n'ibyo)nku—nk'umusirikare w'ukuri gutyo. Nyuma gato, haza umuntu muto ushaje araza,yarakebwe? Mbega, yarebye ukuntu hejuru maze aratangira nka gutyo. Kayizariaravuga ati, “Mutegereze umunota umwe; mutegereze umunota umwe. Wowe (nta nubwo yari yambayenk'—umusirikare mukuru)” aravuga ati, “ngwino hano.” Aravuga ati, “Izo nkovuwazikuyehe?”

Aravuga ati, “Hanze aho ku rugamba.”

Aravuga ati, “Zamuka hano; ni wowe muntu nshaka ko yicarana nanjye.” Kubera iki?Yerekanye koko ko yabaye mu ntambara.

Oh, Mana ugirire imbabazi umuntu ushobora kwikata nagakopo ka sardine hanyuma akabigira icyivugo. Ndashaka kuba ufite inkovuz'urugamba. Pawulo yaravuze ati, “Ntwaye muri njye inkovu za Yesu Kristo.” Iyoniyo mpamvu nshaka kurwana ku rugamba.

197 .Umunsi umwe, igihe uyuMugaba w'ingabo wacu Ukomeye azaza, Uwo watwambitse intwaro, Waduhaye intwaroz'Imana, Umwuka Wera, waduhaye Ijambo Ryayo ngo turirwanishe, agahagarara hanzehariya; igiheUmugaba w'ingabo Wacu Ukomeye azaza agendera ku mafarasi, ndashaka kuzurirakw'igare maze nkajyana na We mu rugo; ese sibyo? Noneho igihe nzafata umugore wanjye mutoushaje mu kuboko, nkareba ahagana hano maze nkabona benedata, n'abagore babo,n'abana babo;igihe tuzatangira kumanuka aho hose muri izo paradizo z'Imana, Abamarayikabuzuye ikirere n'izo ndirimbo aho hejuru nka gutyo; bavuga ibijyanye no kwizihiza...

Kandi igihe intambara izarangira tuzambara ikamba. Oh,mbega. Oh, basirikare b'umusaraba, iki gitondo, mukuremo izo ntwaro zo kwizeraaha hanze kandi mufate iyi Ntwaro.

Bimeze bite kuri yo, mushiki wacu? Ese uriteguye?Gusohora iyo Ntwaro hanze, ukavuga uti, “Mana, ntabwo nitaye ku cyo—ku cyosatani yavuze kuri njye, sinitaye ku nshuro zingahe undi muntu wundi yavuze,iki gitondo ndizeye. Ndizeye.”

198 .Nkuko nabivuze undi munsi,gato ndatekereza ari mu byumweru bike bishize, hari umuntu wari ufite inzozi.Yarose ko satani yari akantu gato, gashaje kandi aza amwirukaho nuko aravugaati, “Boo.” Maze uwo asubira inyuma nuko satani atangira kuba munini. “Boo”nuko asubira inyuma bituma satani aba munini. Hanyuma satani aba munini nkukoyari ari kandi yari agiye kumunesha. Amenya ko agomba kumunesha n'ikinturunaka, nuko areba aho hose; ntiyashobora kubona ikintu yakoresha amurwanya; afata Bibiliya, maze satani aravuga ati, “Boo.”

Aramumokera“Boo,” aho inyuma kuri we, nuko sataniatangira kuba muto, ndetse muto, nanone muto, kandi hanyuma aramukubita agezakugupfa akoresheje Ijambo.

199 .Uri umusirikare siko biri, mushiki wacu? Fata iryoJambo maze uvuge uti, "Haranditswe. (Amena.) ntabwo ngiye gupfa; ngomba kubaho. Nzahagarara hano muri uru rusengeromaze mpimbaze Imana kubw'ineza Yayo hamwe n'abasigaye bo muri bo." Mwizeraibyo, bera?[Iteraniro rirasubiza, "Amena."—Ed.] Amena. reka twubike imitweyacu.

200 Oh, Mwami Imana, Muremyi w'ijuru n'isi, rekabimenyekane uyu munsi y'uko Ukiri ya Mana. Uko nabwiriza kose, ibintu binganaiki nshobora kuvuga, Mwami, Ijambo riturutse kuri Wowe rirabirangiza.

Utu dutambaro turambitswe hano, duhagarariye abantubarwaye. Ndasenga, Data wo mw'ijuru, kugira ngo imigisha Yawe n'imbaraga zigumekuri buri wese muri bo, nkuko ndambitse ibiganza kuri bo. Mana, mw'Izina ryaYesu Kristo, ndagusenze kugira ngo usige utu dutambaro hamwe no Kugaragarakwera Kwawe;kubera ko biranditswe mw'Ijambo; ntacyo biri cyo hanze y'Ijambo, ariko biravugwamw'Ijambo ko batwaye udutambaro tuvuye ku mubiri wa Pawulo ndetsen'uduserviette; imyuka mibibi ikava mu bantu, kandi bakize indwarazitandukanye.

Noneho, ntabwo turi Uwera Pawulo, ariko uracyariImana, kandi uracyari wa Mwuka Wera umwe. Ndambitse ibiganza kuri utu dutambaromw'Izina ry'Umwami Yesu, kandi tugusaba ngo Uhe umugisha kandi ukize uburwayiburi umwe muri bo.

201 .Kandi Mana, aryamye hano mugitanda, aho aryamye hano , nta kindi uretse umwana, umukobwa mwiza muto…Ntabwo yabaho, Mwami. Satani yakoze ibibi kuri we, kandi bakundwa baganga bomuri iy'isi baragerageje bikomeye, nta gushidikanya, kugira ngo bakize uyumwana; ntabwobashobora kubikora. Bari kw'iherezo ry'ibyo bazi; ntabwo bazi ikindi kintu wakora. Ariko, Mwami,ndanezerewe cyane ko hari ikindi gice cyanditswe, kandi kuri uru rupapurotubona Muganga Mukuru aje. Turamuhamagara muri iki gitondo kugira ngo atugireinama.

202 .Noneho, Mwami, esentibyanditswe hano mw'Ijambo Ryawe, ko "ibi bimenyetso bizagendana n'abobizeye"? Mwami, niba ntari umwizera, umungire ubungubu. Niba uyu mukobwa mutoatari umwizera, umumugire ubu. "Ibi bimenyetso bizaherekeza abo bizeye:nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira." Kandi harananditse: "Mw'IzinaRyanjye bazirukana abadayimoni." Mwami, ayo—ayo magambo Yawe; ni—ni Ijambo Ryawe.

Kandi noneho, nkuko umugarugu Wawe, nkuko Wabivuzeuti, "Nihaba babiri cyangwa batatu bo muri mwe bahuriye hamwe, nzaba hagatimuri mwe;kandi nimuhuza umutima, nko gufata ikintu kimwe, none musabe, muzahabwa."

203 .Mana, uyu mwana ahari ni wemuntu urwaye cyane muri iyi nyubako iki gitondo, kubera ko atashobora kubahoigihe kirekire atari Wowe, kandi niwe urwaye cyane. Bityo turi twese, turahuje,nka buri musirikare uhagaze hano, kandi muri iri tsinda hahagaze imbuto yacyami y'Abraham. Turi mu karasisi duteye Satani ubu. Ugomba kwitegura kugenda,Satani, kubera ingabo zacu zirabagirana, amabara arashashagirana, abagabon'abagore bafashe inkota, bari mu karasisi ubu baguteye kubera uyu mwana muto.Muvemo, Satani. Va muri uyu mwana. Nk'ingabo z'Imana nzima, turagukabirije.Muvemo mw'Izina rya Yesu Kristo. Ngiye kumurambikaho ibiganza.

204 .Noneho, Satani, wowewaboshye uyu mwana; wowe wakoze ibi bibi. Ndabizi ko uri uruta byinshi ku kiremwa muntu,ariko ntago uri byinshi ku Mwami wanjye, noneho ndaje mw'Izina Rye. Muvemo,wowe mwuka wa satani. Wowe dayimoni w'uburwayi, va muri uyu mwana, kandi rekaagende abohowe kuva uyu munsi gukomeza. Natuye ibi mw'Izina rya Yesu Kristo.

Noneho, Mwami Mana, Wowe wazuye abapfuye kandiugahamya ko Wari Imana, uzure uyu mudamu muto mu buzima bwe n'imbaraga bundibushya, kugira ngo ahagarare muri iyi nyubako hano. Satani yagiye muri we.Ugiye kumugira muzima. Reka abeho kubw'ubwiza n'icyubahiro cy'Imana. Ibyo—byaravuzwe, noneho reka bibe.

205 .Ese hari abandi hano bashakakuzamura ibiganza byabo kandi bakavuga bati, "Ndashaka gusengerwa. Ndarwaye; nkeneye Imana." Ntabwo nzi igihe dufite uko kingana.Dufite igihe gihagije cyo kwemerera aba bantu bagaca hano. Ndimo kumva nyakurikunesha muri iki gitondo...?... Ndashaka ko muza hano hepfo, Billy, ahari ufateiri tsinda riri hano kuri uru ruhande hakurya hano gusa. Reka iki gice kizembere, hanyuma turi bufate igice cy'inyuma nyuma y'ibyo, hariya haruguru kugeraku nzira. Noneho turi bubafate nka gutyo, noneho ntabwo...

Kandi noneho ndashaka Mwene Data Neville ndetsen'abandi muri benedata bababwiriza kuza guhagarara hano hamwe na njye, ahanyine, bityo mushobora kubanyuza nanone munzira aho hagati.

Niko biri.

206 .Nibyiza. Noneho, ni bangahe muri mwe bafite intwaro zanyu? (Muraba abatandukanyenoneho; mutaheiwanyu kandi biragenda neza) Amina! Yoo Mana! Yoo, basirikare, mukure inkota murwubati, ngabo z'umusaraba. Mubakandagire, mubakandagire! Kuri Kristo, Rutarerukomeye, niho mpagaze; ahandi hose

n'umucanga utemba.

207 .Niko biri. Muze hano, ahahasi ku ruhande rw'igicaniro. Buri wese ari mumasengesho noneho, mu gihe barimobatambuka. Mw'Izina rya Yesu Kristo ubakize indwara bo…?... Amena. Halleluya.Ukuremo inkota yawe noneho (Murabona?), winjiremo, ukomeze usakuze. [abantu baranyuramu murongo w'amasengesho —Ed.]

Mukomeze imbere basirikare ba Gikiristo,

Mutambuke nko muntambara, Hamwe n'umusaraba wa Yesu, Mutambuke mbere!

Rekura, Satani. N'ikihe kibazo, basirikare? Esentimubizi ko dushobora kunesha? Twamaze kunesha. Turi abarenze abanesha muriKristo Yesu. Buri dayimoni itawe hanze, na buri kintu.

208 .[ Mwene Data Branham akomeza gusengera abarwayi—Ed. ]Ukize

Mwene Data…?... Mwami. Ndagusenga ngo ubakize…?...

Ukize Mwene Data…?... Mw'Izina rya Yesu…?...

Mw'Izina rya Yesu Kristo…?...

O Mwami Imana, Muremyi w'ijuru n'isi, O Mana, uziikiri mu mutima we. Uzi byose…?... Ndamusengeye…?... Muri iryo rya Yesu KristoNjye…?...

Mw'Izina rya Yesu Kristo ndagusize…?... Kandi ndasengango…?...

Mw'Izina rya Yesu Kristo Njye…?...

Imana ibane na mushiki wacu, Mwami. Tuziko imyakaitangiye guhinduka…?... Nta kindi uretse Umwuka Wera. Noneho, mw'Izina rya YesuKristo…?...

Mw'Izina rya Yesu Kristo ubahe umugisha…?... Intambaraikomeye…?... Mbitegujwe kandi nzi uko Ukora, Mana, uzane…?... Usuke muri wemuri iki gitondo…?...

Uhe umugisha uyu muhungu muto ubu…?... Se n'umwana,kandi ndagusenga ngo Wowe…?...

Mana, uhe umugisha Mwene Data…?... Mu bi…?...Mw'Izinary'Umwami wacu Yesu…?...

Mw'Izina rya Yesu Kristo ukize mushiki wacu.

Mw'Izina rya Yesu Kristo ukize mushiki wacu.

Mw'Izina rya Yesu Kristo ukize mushiki wacu.

Mw'Izina rya Yesu Kristo ukize…?...

Mw'Izina rya Yesu Kristo ukize mushiki wacu.

Mw'Izina rya Yesu Kristo ukize mushiki wacu.

Mw'Izina rya Yesu Kristo ukize…?...

Mw'Izina rya Yesu Kristo kiza Mwene Data.

Mw'Izina rya Yesu Kristo ukize mushiki wacu.

Mw'Izina rya Yesu Kristo ukize mushiki wacu.

Mw'Izina rya Yesu Kristo…?...

Mw'Izina rya Yesu Kristo, abagire bazima.

209 .[Umurongo w'abasengerwaurakomeza, ariko amagambo ntiyumvikana] ... ni nde uzi ko ...? ...abanzi bose.Nda saba Imana ngo...? ... kuri bo...? ... akure iyi nkota ...? ... kandi igirahino ...? ...

[ Amagambo yose ntiyumvikana ]

Yoo, Mana ndasaba ngo ukize mwene Data mu Izina ryaYesu Kirisito, twe...?

Mana ndasaba ngo ukize mushiki wacu...? ... mu Izinarya Yesu Kirisito.

Mana, ndasaba mu Izina rya Yesu ngo ukize mweneData...?...

[ Amagambo ntacyumvikana ]

Yoo, Mana, muhe umugisha, Mwami, muri Yesu...? ...Izina Kaluveri...? ... Ndashaka ko ubikora...? ... mu Izina Yesu ...? .. .

Data wo mu ijuru, ndasengera mwene Data. Yoo Mana,ndasenze ...? ... Mana...? ... musirikare w'umusaraba, kugira ngo akure inkota,muri iki gitondo kandi ...? ... kubwe mu Izina rya Yesu.

Mana ...? ... Ndasenga kugira ngo ...? ... Biduhe...?...

Mana ha umugisha mwene Data...? ... Ndagusabye ngoumukize, Mwami, mu Izina rya Yesu...? ...

Data wa twese wo mu Ijuru, ukiranuka...? ... we...?... kora, vuga ...? ... ari bwizere. Mana, NDasenze ngo umukize, mu Izina ...?... umutwe w'ingabo zikomeye z'Imana ziraje zizamuye inkota...? ... Mwami,umutima we...? ... hano kandi n'ibitekerezo muri ubu buriri bwa kanseri aho...?... ashobora gupfa azize kanseri kandi umuganga yamusezereye...? ... none doreni umusirikare...? ... Mukomeze, Mwami...? ... mu Izina rya Yesu. Amen.

210 .Ndashaka ko uyu mugore muto…Hari ikintu gifitanye ikibazo n'uyu mubwiriza muto hano. Ngwino hano hejuru.Uyu muntu yoherejwe murugo avuye ku bitaro vuba aha, arimo apfa, yarariwe nakanseri, umwaka ushize, imyaka ibiri ishize yarariwe na Prostate.Noneho—Muganga amuha iminsi mike yo kubaho. Kandi igitondo kimwe, tujyayo ahomu gitondo kare, turamusengera, uyu umwe, kimwe na we, none ntibashobora kubonan'akamenyetso gato kayo...?... ubu afite imirimo myinshi atigeze agira. Wen'umugore we muto bamaze iminsi mu murimo wo kubwiriza Ubutumwa, mbere y'ukomvuka.[Mwene Data, Kidd aravuga ati, "imyaka mirongwitanu n'itanu"—Ed.] Murimomuramwumva...?... Imyaka mirongwitanu n'itanu. Mbere y'uko nza kw'isi bariababwiriza Ubutumwa bwiza, kandi nguyu hano, yakize uburwayi ku myakamirongwirindwi n'itanu cyangwa mirongwinani n'umwe [Mwene Data Kidd abwiraMwene Data Branham nanone—Ed.] Ububyutse bw'ibyumweru bibiri, bagize ububyutsebw'ibyumweru bibiri babwiriza buri joro. Imyaka mirongwinani n'umwe. Yakizekanseri...?...

211 .Niko biri, Mushiki wacu, niahawe noneho. Urizeye? ("Mukomeze imbere, Basirikare ba Gikiristo") niko biri,Mushiki wacu, wowe, kuri buri wese muri mwe, n'iki tugiye gukora? UKO NI K'UHORAHO AGIZE. Uramara iki hano, Satani, warazimiye.Turimo kuza noneho. Turi mukarasisi tujya mu gihugu cy'isezerano. Ibyo n'ibiki? Wa musozi uri iki imbereya Zerubbabel? Uri inde wowe uhagaze imbere aho, uzaringanira? Kubera iki?Hamwe n'inkota y'amugi yombi tuzamutemagurira hasi. Uko ni ukuri. Niko biri.

Mukomeze, Ngabo za Gikiristo, Mugende nko mu ntambara,Hamwe n'umusaraba wa Yesu Mukomeze nka mbere!

Halleluya.Ni iki bakoraga? Abajyaga imbere, ku rugamba rwa Isirayeli, abajyaga imberebari bande? Abaririmbyi bajyaga imbere. Ni iki cyakurikiragaho? Isanduku,hanyuma hagakurikiraho urugamba. Niko biri. Murabyizeye noneho? Turarimba,"Mukomeze imbere, Basirikare ba Gikiristo"; twigizeyo ugushidikanya kose. Duhaguruke noneho,tujye ku rugamba. Reka duhaguruke noneho, buri muntu. Mukomeze, Ngabo zaGikiristo, Mugende nko mu ntambara, Hamwe n'umusaraba wa Yesu, Mukomeze nkambere!

212 .Tujye mbere, basirikare babakirisito, Tujye ku rugamba

Ni umusaraba wa Yesu, Utubanziriza

Umugaba wa Cyami, Atsinda uwo duhanganye.

Tumutsinda dute? N'Ijambo.

Atuyobora ku rugamba, Murebe ibendera Rye!

Tujye mbere, basirikare babakirisito, Tujye kurugamba!

Tujye ku rugamba

Ni umusaraba wa Yesu, Utubanziriza

Ntabwo ducitse uduce, Turi umubiri umwe

Turi umwe mu nyigisho, Ibyiringiro n'urukundo...

213 .Mwese abizera Imana muvugamuti, "Amena." [Iteraniro rirasubiza, "Amena"—Ed.] Halleluya. Mwizeye ibyo?Turi abanesha. Buri mwanzi ari he? Munsi y'ibirenge byacu. Ese muriteguye?Guhaguruka muri Kristo. Noneho, birahagije, mushiki wacu. Mwizeye ibyo?Ushobora kujya mu rugo noneho. Urumva uguwe neza? Aravuze ngo arumva aguwe nezanoneho; buri kintukimeze neza. Ni bangahe aho bumva baguwe neza?

Kandi igihe basakuje inkike zaraguye kandi barazifata(Amena.);bafata umugi. Amena. Amen. Muramwizeye?

214 .Rero ntimwibagire ibikorane vya nimugoroba. Mwene DataNeville araza kuba ari hano nijoro kandi

arazana ubutumwa bwiwe, kandi niyazaKu w'iyinga uza, Umwami niyabishaka, nzoba ndi hano.

Rero, reka tugendenk'uko tubandanya, kandi rero, hariya hanze y'inyubako, reka tugende turirimba “Tujeimbere, Ngabo za Gikiristo” kandi kuva kuri uyu munsi kubandanya, ntuzigereusubiza iyo nkota mu rwubati ukundi. Uyisokore; reka tuneshe. Basohotse banesha ndetse kandi ariabanesha. Niko biri. N'ubundi kuri uyu murongo wa mbere.

Muze Ngabo za Kristo

Muze mutabare

Eh'umusaraba wa Yesu

Utugiy'imbere

www.messagehub.info

Ubutumwa bwa
William Marrion Branham
"...mu minsi y'ijwi..." Ivyah 10:7